

INTUMWA Y'IMANA

**ITORERO RY'ABADIVENTISITI
B'UMUNSI WA KARINDWI
MU RWANDA**

B.P 367 KIGALI

INTUMWA Y'IMANA

Byanditswena RUTH WHEELER

Cyavuguruwe mu mwaka wa 2013

IBIRIMO

INTERURO.....	4
AGAKOBWA K’INTWARI.....	7
INZOZI NZIZA.....	10
YITEGURA GUKORA IBYO IMANA ISHAKA.....	16
UMUBABARO.....	18
MARAYIKA AZANA UBUTUMWA BW’IMANA	21
ELINA HARUMONI AMENYEKANISHA UBUTUMWA BW’IMANA.....	25
IMANA YOHEREZA MARAYIKA WAYO.....	29
IMANA YUGURURA INZIRA.....	33
UMUNSI WA KARINDWI NI WO SABATO.....	35
IWACU HASHYA.....	39
ICYANA CY’IFARASHI.....	42
IYO IMANA IVUZE.....	46
YAMAMAZA UBUTUMWA.....	49
MARAYIKA ATI: “ANDIKA”.....	55
MARAYIKA AFATANURA IGARE RY’UMWOTSI.....	62
UMWANA WAZIMIYE.....	66
INZIRA IFUNGANYE.....	68
AKORERA ABASORE.....	71
UMUSHYITSI AZA MU MUDUGUDU.....	74
IMICYO MITO Y’IMANA.....	77
HAKURYA Y’INYANJA.....	80
AKOMEZWA N’IMBARAGA YAYO.....	82
ATUMWA MU GIHUGU CYA KURE.....	86
UBUTUMWA BUTAZAPFA.....	92

INTERURO

Imana ifite uburyo bwinshi bwo gukora umurimo wayo. Abamarayika bakora ibyo ibatega mu ijuru. Abana b'abantu bakabikora ku isi.

Muri Bibiliya dusomamo iby'abantu batari bamwe batoranyijwe n'Imana kugira ngo babe intumwa zayo. Bamwe bari abantu b'abami, abandi bari abashumba, abakoresha b'ikoro, n'abarobyi, n'abandi benshi. Muri abo, bamwe bari bakiri abasore ubwo bahamagarirwaga gukora, nka Yozefu, na Esiteri, na Daniyeli.

Muri gahunda y'itorero Uwituka yagennye abakozi batari bamwe, maze abagabira impano z'Umwuka. Dusoma mu 1 Abakorinto 12:28: "Kandi Imana yabanje gushyira mu itorero bamwe kuba intumwa, maze abandi ba kabiri ibashyiriraho kuba abahanuzi, maze abandi ba gatatu ibashyiriraho kuba abigisha, maze ishyiraho abakora ibitangaza, ishyiraho abahawe impano zo gukiza indwara, n'abahawe gufasha abandi, n'abahawe gutwara, n'abahawe kuvuga indimi nyinshi."

Uko ni ko tubona uko ubuhanuzi bwabaye impano y'ingenzi Imana yashyize mu itorero ryayo. Ni impano ya kera cyane. Ubwo icyaha cyari kima-ze guca iteme rihuza Imana n'isi, Imana yahaye abantu impano y'ubuhanuzi mu itorero ryayo.

Abamarayika boherejwe kenshi kuvugana n'abahanuzi no kubafasha gusobanukirwa n'ibyo bahishuriwe. Reba Daniyeli 8:16; 9: 11; Ibyahishuwe 1:1.

Abagore nabo bahabwaga impano z'ubuhanuzi nk'abagabo kandi bavugwa kenshi muri Bibiliya. Miriyamu (Kuva 15: 20), Debura (Abacamanza 4: 4), Hilukiya (2 Abami 22: 14), Ana (Luka 2: 36), n'abakobwa ba Filipo (Ibyakozwe n'Intumwa 21:9).

Bibiliya isobanura neza uko umuhanuzi nyakuri amera iyo ashorewe n'Umwuka w'Imana. (a) Amaso ye agumya kureba. Reba Kubara 24: 16 (b) Ntahumeka. Reba Daniyeli 10: 17.

Ntiwibwire yuko umuhanuzi yerekwa, akarota byonyine. Uwo gusa ni umugabane umwe w'ibyo bahishurirwa n'Imana. Umurimo uruta iyindi w'umuhanuzi ni ukwigisha ab'itorero no kubayobora mu by'ukuri byose no kubatera umwete wo gukurikiza amategeko y'Imana.

Impano y’ubuhanuzi igengwa n’Imana. Hariho ubwo habagaho abahanuzi benshi bakoraga mu gihe kimwe. Ubundi hari ubwo habagaho umwe, ubundi ndetse ntihagire ubaho.

Bibiliya itubwira yuko mu minsi y’imperuka iyo mpano izaboneka mu itorero ryasigaye. Iryo torero rifite ibimenyetso bibiri: (a) Rikurikiza amategeko y’Imana, kandi (b) rikagira guhamya kwa Yesu Kristo. Reba Ibyahishuwe 12:17. “Guhamya kwa Yesu Kristo ni Umwuka w’Ubuhanuzi.” Ibyahishuwe 19:10.

Icyo iki gitabo cyagenewe ni ukwerekana uko Imana yasohoje isezera-no ryayo ryo guha itorero ryasigaye impano y’ubuhanuzi. Hano hari igitekerezo cy’umuja w’Imana wahamagawe akiri muto kugira ngo abe akanwa kayo. Yahamagawe amaze imyaka 17 y’ubukuru, akomeza kwamamaza ubutumwa bw’Imana akiranutse mu gihe cy’imyaka 70.

Imana yagennye igihe cyo gukomora impano y’ubuhanuzi yo gukomeza itorero ryayo nyuma y’umubabaro ukomeye wo mu Kwakira, 1844. Bari barategereje kuza kwa Yesu, ariko ntabwo bari barasobanukiwe n’ubuhanuzi neza. Imana yatangiye impano y’ubuhanuzi kumvisha ubwoko bwayo iby’ibihe no kubategurira kugeragezwa kwajyaga kubageraho.

Umugabane munini w’iki gitekerezo usobanura ibyo kubaho k’uwo muja w’Imana, ubwo yari atuye mu ruhande rwo mu burasirazuba bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Ahari ayo mazina y’abantu ntacyo amarira abantu bo muri Afurika, ariko hari ibyigisho by’ingirakamaro by’uko Imana yagendereye umuja wayo n’ubutumwa yoherereje itorero ryayo ryasigaye.

Nimucyo twite ku guhugura kwa Bibiliya muri aya magambo: “*Mwizere Uwiteka Imana yanyu, mubone gukomezwa, mwizere n’abahanuzi bayo, mubone umugisha.*” (2Ngoma 20: 20). Kubw’ayo magambo mugiriwe inama yo kujya mwiga iki gitabo musenga.




Elina G. White

IGICE CYA 1

AGAKOBWA K'INTWARI

Mu myaka isaga ijana ishize, hariho abakobwa b'impanga bagendaga bafatanye agatoki banyura mu isambu ngari rubanda rwose rwanyuragamo, yari mu mudugudu umwe wo muri Amerika y'Amajyaruguru. Bari bari kumwe na mugenzi wabo w'umunyeshuri. Uko ari batatu bagendaga basimbuka, banezere-we batambika muri iyo sambu. Bumva ijwi ribatunguye, barebye inyuma, babona umukobwa umaze imyaka 13 y'ubukuru yiruka abakurikiye ahamagara n'ijwi ry'uburakari.



Umukobwa umwe yarabajije ati: “Ibyo ni ibiki?” Elizabeti, umwe muri za mpanga, aramusubiza ati: “Simbizi. Ariko reka twiruke. Mama yavuze ko nihagira uturakarira tutazajya tumwitura, ahubwo ngo tujye twihungira dutahe.”

Ba bakobwa uko ari batatu batangira kwiruka cyane uko bashoboye kose, basigara batagikoza ibirenge hasi. Benda guheza iyo sambu, wa mukobwa yongera kuvuza induru. Elina wavutse ari impanga na Elizabeti, asubiza amaso inyuma kureba aho ageze. Agihindukiza umutwe wa mukobwa amutera ibuye yari afite mu ntoki. Elina rya buye rimugeze mu gahanga arataka ati: “Ayi we!” Yakomeretse bikomeye rwose bituma yitura hasi. Wa mukobwa wari urakaye, agira ubwoba bw’ibyo akoze, arahunga.

Elina yongeye kuzanzamuka, asanga ari mu iduka abantu bamuhagaze iruhande bumiwe. Umuntu w’umugiraneza aratambuka aza imbere ati: “Ndaguhuka ku igare ryanjye, nkujyane imuhira.” Amusubiza aniha, asindagira ati: “Ndagushimye, ndumva norohewe. Ndabasha kugenda. Ndatinya yuko amaraso ari buhindanye igare ryawe.” Abo bantu bari bari muri iryo duka ntibari bazi uko ako gakobwa k’intwari kakomeretse nabi, barakareka ngo gatahe, mwene nyina agenda amufashe ukuboko kumwe mugenzi we nawe agenda amufashe ukundi. Agenze urugendo ruto gusa, yongera kuraba, ba bakobwa bombi bagomba kumuheka, bamugeza imuhira.

Elina yamaze ibyumweru bitatu aryamye, ubwo yari indembe ntiyari azi ibyabaye, ndetse ntiyari azi n’uko hari igihe cyahise. Benshi bamubonye babona-ga ko atazabaho. Nyina yasabye Imana cyane ngo yunamure umukobwa we, imwemeza ko atazapfa.

Elina yatangiye kumenya abandi bari kumwe na we, yibwira ko yari asinziriye. Ntiyibuke amakuba ateye ubwoba yabonye.

Yorohewe, abaturanyi be bazaga kumusura bamuzaniye amatunda n’indabyo.

Umugore umwe agiye gutaha yaravuze ati: “Ni ishyano!” Undi ati: “Ntabwo namenya uwo ari we.” Elina ayoberwa icyo yashakaga kuvuga icyo ari cyo.

Yaribwiye ati: “Kuki nabababaje? Mbese, hari impamvu Byatumye mpinduka ukundi?” Ahamagaza indorerwamo. Yirebeye mu ndorerwamo, arikanga. Byasaga naho ishusho yo mu maso yahindutse ukundi. Ntabwo mu maso he hari hakimeze neza nk’uko hari hameze mbere. Nyina ahera ko amutekerereza yuko izuru rye ryamenetse, ngo kurwara igihe kirekire byatumye ahindana.

Abenshi mu bazaga kumusura bamugiraga inama bati: “Mubuzwa n’iki kwitura inabi uwangije ubugingo bwe?”

Nyina wari Umukristokazi ukiranuka yaravuze ati: “Oya, iyaba byabashaga kugarurira umukobwa wanjye ubuzima bwe, byagize icyo bimara, ariko ibyo ntibyabumugarurira. Byazana abanzi gusa.”

Elina yagize agahinda yirebeye mu ndorerwamo, bituma yenda kwifuza gupfa. Yagize agahinda cyane. Maze atekereza ko ahari agiye gupfa, maze bimutera ubwoba, kuko yumvaga ko atiteguye gupfa. Ababyeyi be bari barigishije abana babo kwiringira Uwiteka no kumwisunga basenga. Noneho asaba Umwami ngo niba azapfa, amubabarire ibyaha bye, amutegurire kuzamusaniganira.

Amaze gusenga, yumvise anezerewe. Akunda abantu bose, ndetse na wa wundi wamukomerekeje. Yifuriza bose kubabarirwa ibyaha no gukunda Yesu nk'uko amukunda.

Yoroherwa buhoro buhoro, hanyuma abasha kujya ajya gukina n'abandi. Noneho yigiraho icyigisho gikaze y'uko ishusho y'umuntu ituma abantu bamugenzereza neza cyangwa nabi. Abajyaga bishimira gukina na we igihe yari akiri muzima, ntibari bakimugirira neza cyane kuko yari afite intege nke, arwaye, kandi ubwiza bwe n'ubuzima byari byarangiritse, maze ibyo bimwinjiramo, biramuzonga.

Ubwo yakomerekaga, se Harumoni, yari ari mu ruzinduko. Hashize amezi ataragaruka imuhira, kandi yari akumbuye abana be. Ageze mu nzu, arabahobera, maze akebaguza areba Elina. Yari yihagarariye inyuma y'abandi afite ubwoba.

Arabaza ati: "Elina ari he?" Nyina amumutungira urutoke aho yigunze, ati: "Nguriya." Aramwitegereza, maze ahindukirira umugore we yibwira ati: "Reka da, uriya si Elina wanjye." Kuri we byasaga n'aho ako gakobwa keruruka, kananutse kahindanye mu maso, kigunze, kataba wa mukobwa we wari unezerewe w'umunyamuze muke. Nubwo yamwenyuriraga se ubwo yari amuteruye, yumvaga ko umutima we wenda gutaraka kubwo gutekereza ko ndetse na se ubwe atabashije kumenya uwo ari we.

Nyuma, baje gutekereza yuko Elina amaze kubona imbaraga ikwiriye gutuma yongera kujya mu ishuri. Ariko iyo yageragezaga kwandika, ukuboko kwe kwahindaga umushyitsi, yabashaga gusa kwandika amagambo yoroshye cyane. Byari bimeze nk'aho bidashoboka ko yiga ndetse ko yibuka n'icyo yize.

Umwigisha ateguka wa mukobwa wateraga Elina Harumoni ibuye kuba ari we umwigisha. Ni we wamwigishaga kwandika n'ibindi byigisho. Ntabwo Elina yigeze amucyurira ya nabi yamugiriye, icyakora byamuteraga agahinda kubona uko Elina bimurushya kwandika ibyigisho bye. Byaramubabajye koko, kuko yahutiyeho agakoreshwa nabi n'uburakari. Iteka ryose yajyaga agirira uwo mwigishwa muto neza, akamwihanganira.

Hashize amezi make, umwigisha yabonye ko Elina Harumoni adakwiriyeye kuguma mu ishuri, keretse abonye imbaraga. Nuko arorera kwiga, kuva mu ishuri byamubereye inkeke kuko yakundaga kwiga kandi yashakaga kunguka ubwenge nyabwo.

IGICE CYA 2

INZOZI NZIZA

Umunsi umwe se wa Elina yari yicaye aya ku manywa, aravuga ati: “Bwana Wiliyamu Miller aribubwirize nijoro; dukwiye kujya kumwumva. Arabwiriza inyigisho z’inzaduka. Yibwira ko Yesu azaza ku isi vuba. Ndashaka kumenya ko bituruka muri Bibiliya.”

Muri iryo joro ab’inzu ya Harumoni bagiye mu iteraniro rya bwana Miller, mu mudugudu wa Portland, mu ntara ya Maine, muri Amerika y’Amajyaruguru.



Nyamuneka uburyo byabashishikaje bumvise uko uwo mubwiriza ababwiye ko kuza kwa Yesu kwegerereje! Wiliyamu Miller yabasobanuriye neza iby’ubuhanuzi. Nubwo Elina Harumoni yari amaze imyaka cumi n’ibiri gusa y’ubukuru, yabashije kubyumva.

Uwo mubwiriza yari yarize Bibiliya yitonze. Ubwo yigaga iby’ubuhanuzi bwa Daniyeli, yabonye ko ibyahanuwe by’ingoma zizakuranwa byabaye iby’ukuri. Maze agera ku buhanuzi buvuga yuko mu iherezo ry’imyaka 2300 ubuturo buzezwa.

Yaribajije ati: “Mbese, tubasha kumenya igihe iyi myaka izatangirira, n’igihe izarangirira?” Abona igisubizo mu gitabo cya Daniyeli, igice cya 9. Abona yuko iyo myaka yatangiye cya gihe itegeko ryo gusana Yerusalemu

ritanzwe. Abona mu bitekerezo yuko iryo tegeko ryatanzwe mu mwaka wa 457 mbere ya Kristo.

Ubundi buhanuzi bwo muri icyo gihe bwerekeye iby'umurimo wa Kristo n'urupfu rwe, bwari bwarasohoye mu gihe cyabwo rwose. Nicyo cyatumye Wiliyamu Miller yiringira yuko ikizakurikiraho ari ukwezwwa k'ubuturo mu iherezo ry'imyaka 2.300. Ngo ubwo buhanuzi buzasohora mu mwaka wa 1843.

Kwezwwa k'ubuturo bisobanurwa bite? Abiga Bibiliya bazi yuko ubuturo buvugwa buri mu ijuru, aho Yesu atwingingira Se kutubabarira ibyaha. Ariko muri icyo gihe Abakristo hafi ya bose bizeraga ko isi ari yo buturo. Bwana Miller yumvaga rwose ko kwezwwa k'ubuturo byasobanurwaga ko ari iyi si izezwa ibyaha ubwo Yesu azaza.

Nyamuneka uburyo byabaye akayubi! Ngo Yesu azaza mu mwaka wa 1843! Yumva ko akwiriye kubyamamaza mu bandi; maze ava iwe, ajya kubwiriza aho abasha kubonera abamutega amatwi hose. Ubwo rero yari yasohoye i Portlandi, abwira abantu igituma yizera ko hasigaye imyaka itatu gusa, Yesu akaza.

Umuntu wese muri uwo mudugudu yavugaga iby'iyi nkuru. Abenshi barakobanaga bagaseka, ariko abandi benshi barabyizeye. Elina Harumoni yagiye muri ayo materaniro, maze Wiliyamu Miller abaza abantu bumva bashaka kwisunga Imana mu masengesho ngo batambuke baze imbere, azana n'abandi benshi imbere, barapfukama, basaba Imana kubababarira ibyaha. icyakora, Yesu yumviye gusaba kwa Elina, ariko we ntiyabyiyumvamo. Yari atariga neza yuko dukwiriye kwiringira Yesu ko atubabarira ibyaha iyo tubyicujije tukamusaba kubitubabarira. Kuko mu byumweru bike byakurikiyeho yari ari mu kaga, ku mpamvu z'uko yari agishidikanya ko atiteguye gusanganira Yesu.

Mu gihe cy'impeshyi yakurikiyeho, abo mu muryango wa Harumoni bagiye mu iteraniro rikuru ry'Abametodisiti. Elina Harumoni yanejejwe no kwibonera ayo mahirwe yo kongera kumva ibya Yesu. Yagiye agambiriye rwose gushakashaka Uwiteka cyane, no kwitegura kuza kwe.

Bakigera aho bateranira, yumva babwiriza ibya ya magambo y'umugabekazi Esiteri. “Ndajya ku mwami;... kandi nimpfa, nzapfe.” (Esiteri 4: 16).

Cyane cyane icyo cyigisho cyari icy'abifuza gukizwa, nyamara bakaba bagitinya ngo ntibakwiriye gukundwa n'Imana. Amagambo y'uwo mubwiriza yafashije Elina Harumoni kumva neza icyo akwiriye gukora ngo yitegure gusanganira Umukiza We ubwo azaza. Yumvaga neza yuko ku mbaraga ze atabasha kwitunganya, ariko ngo Yesu ni we gusa ubasha kumwozaho ibyaha.

Hanyuma yaho bidatinze, umutima we wuzura umunezero, noneho yumva ko Yesu yamubabariye ibyaha bye.

Amenya ko Yesu yumva abana be, ko babasha kumutura imibabaro yabo yose, kandi ngo abashe kubakiza intimba zose, nkuko yajyaga akiza abamusangaga bose ubwo yari mu isi.

Umwe mu bagore aramubwira ati: “Mwana wanjye nkunda, mbese wabonye Yesu?” Elina Harumoni agiye guterura kumwikiriza uwo mugore aratangurana ati: “Ni ukuri koko, waramubonye. Amahoro Ye ari kumwe nawe. Ndabireba mu maso hawe”.

Icyo gihe Elina Harumoni yanyuze iruhande rw'ihema, ahabona agakobwa kifashe nk'akagize ikigatera kwiheba. Yari afashe umutaka muto mu ntoke ze. Mu maso he harerurukaga ku bwo kugundira ayo maronko ye. Yageregezaga kuwufasha hasi, bikamwanga mu nda, akongera kuwubatura. Hashize umwanya, uwo mwana arataka ati: “Yesu nkunda, ndashaka kugukunda no kujya mu ijuru! Kuraho ibyaha byanjye! Ndakwihaye ubwanjye, n'umutaka n'ibindi byose.” Maze kararira, kijugunya mu maboko ya nyina, karavuga kati: “Mama we, ndanezerewe cyane kuko Yesu ankunda, kandi nanjye nkaba mukunda kuruta umutaka wanjye cyangwa ikindi cyose.”

Ubwo yamwenyuriraga abo bari kumwe, mu maso he huzuye ibineza-neza. Maze nyina, asobanura abogoza amarira, uko ako gakobwa ke kari kaha-we uwo mutaka ku buntu, nta gihe kirekire cyari gishize. Yarawukundaga cyane. Yawujyanaga ahantu hose, ndetse yagombaga no kuwuryamana n'ijoro. Ariko muri ayo materaniro, ako gakobwa kari kahumviye ko dukwiye kwegurira Yesu byose. Ako gataka yagakundaga kuruta ibindi byose byo mu isi, maze yumva ko akwiriye kugaha Yesu. Nyabuna ukuntu byamubereye inkeke guhara icyo kirungu cye! Ariko ubwo byari byarangiyeye yatanze ibyo afite byose, mu maso he hakeshwa n'ibyishimo.

Noneho, ka gakobwa gasobanurirwa yuko ubwo kahaye Umukiza wako byose, ntikagire icyo kemera kumuteranya na we, ngo noneho nikingumanire umutaka wako, kawutunge.

Uko Elina Harumoni yagendagendaga aho bateranira, yaribazaga ati: “Yemwe uko byaruhije guhara wa mutaka! Nyamara Yesu yahaze ijuru ku bwacu, aba umukene, kugirango ubukene bwe n’imibabaro ye, biduheshe ubukire bw’ijuru.”

Hanyuma yaho bidatinze avuye mu itorerero rikuru, asaba kubatizwa ngo ajye mu itorerero ry’Abametodisiti, ari ryo ababyeyi be bari barimo. Abayobozi b’itorero bamwingingira kumutonyangirizaho amazi, ariko yumva ashaka kubatizwa nk’uko Umukiza We yabatijwe, ari ko kwibizwa.

Nubwo uwo muni wo kubatizwa wari wabaye uw’ibitundwe, kandi mu nyanja hakaba hari umuraba, Elina Harumoni yanejejwe no kwikorera umusaraba wa Shebujja. Amahoro ye yari ameze nk’uruzi. Yari atangiye ukubaho gushya, ari ko gukorera Umukiza we.

Nubwo Elina Harumoni yabaye Umukristo w’itorero akajya ajya mu materaniro ubudasiba, ndetse n’amateraniro yo gusenga ariko ntabwo yari yasabira mu iteraniro. Noneho yumva ahatwa mu mutima we ko akwiriye gusabira mu materaniro mato yo gusenga. Yari afite ubwoba cyane, akumva ko atatinyuka kubikora, ariko yaba yiherereye asaba, akumva ahatwa mu mutima ngo akwiriye kubikora.

Maze mu ijoro rimwe arota inzosi. Arota yicaye, afite agahinda, yiyunamiye. Yibwira ati: “Iyo Yesu aba mu isi, mba musanze, nkikubita ku birenge bye, nkamuganyira akababaro kanjye kose. Ntabwo yampana; yambabarira, nkamukunda, nkamukorera iteka ryose.”

Agitekereza ibyo, urugi rurakinguka, hinjira umuntu mwiza. Arebana Elina ineza ati: “Wifuzza kureba Yesu? Ari hano, kandi wabasha kumubona ubishatse. Fata ibyo utunze byose, unkurikire.”

Afata ibye byose, akurikira umuyobozi we anezerewe. Amujyana ku rwego rurerure, rufunganye. Batangiye kuzamuka, aramwihanangiriza ngo ako-meze kureba hejuru imbere ye, ngo ataza kuzengerezwa, akagwa. Ndetse na we yabonye abandi bazamuka kuri urwo rwego, barebye hasi, bagwa batararushya bagera hejuru.



Maraika abonekerera Elina Harumoni

Maze Elina Harumoni n'umuyobozi we bagera ku ntambwe itheruka. Bahagarara inyuma y'urugi rukinze. Umuyobozi we amubwira gusiga nibyo yari yikoreye byose. Abitura hasi anezerewe. Aherako akingura urugi, amubwira kwinjira. Elina, amara akanya ahagaze imbere ya Yesu. Yesu amukubise amaso, Elina asanga basanzwe baziranye rwose mu bitekerezo bye.

Agerageza kwihisha ngo atamutumbira, ariko Yesu aramwegera, amurambika ikiganza ku mutwe, amubwira amusekera ati: "Witinya." Ijwi rye rituma umunezero usaba umutima we. Aremererwa n'ibyishimo, yitura hasi ku birenge bye.

Elina, mu nzozi ze, yumva yuko yashyikiriye amahoro y'ijuru. Abyutse, asanga amaso ya Yesu y'urukundo ari kuri we, n'igitwenge cye ciza cyuzuzamutima w'umunezero. Amurebana n'icyubahiro n'urukundo.

Umuyobozi we akingura urugi, barasohoka. Amubwira kongera kwenda bya bintu bye yari yatuye hasi. Maze amuhereza umugozi ubobereye uzinze cyane. Amubwira kuwushyira ku mutima we, ngo ubwo azajya ashaka kureba Yesu, aje awusohokana awuzingure uko abasha kwose. Marayika aramubwira ati: "Ntukareke ugumaho wizinze igihe kirekire; kuko wakwipfundika, ukazarushya izingura."

Elina yarakangutse, aranezerwa. Izo nzozi zatumye yiringira yuko abasha kujya ku Mana asenga, igihe ashakiye cyose. Kuri we uwo mugenzi ubobereye washushanyaga kwizera Imana, asobanukirwa uko bitaruhije kuyiringira. Noneho yamenye adashidikanya ko Yesu amukunda.

IGICE CYA 3

YITEGURA GUKORA IBYO IMANA ISHAKA

Rimwe mu gitondo Elina Harumoni yabwiye nyina ati: “Mama we, naraye ndose inzozo nziza rwose. Ndoti ndeba Yesu. Marayika ni we wanjyanye kumunyereka, maze aransekera.”

Maze Elina Harumoni atekerereza nyina iby’izo nzozo byose zari zamuhaye ihumire zikamuha kumenya ko Yesu amukunda kandi ko atazabura kumufasha ngo yitegure kumusanganira ubwo azagaruka ku isi.

Nyina atega uwo mukobwa we amatwi afite impuhwe. Amugira inama ati: “Ngwino, dusange bwana Stockman tubiganire. Sinshidikanya ari bubyishimire kuganira natwe.”

Bahera ko bajyana kureba uwo mupasitoro. Elina Harumoni amaze kumutekerereza ibyabaye byose, Pasitoro Stockman amurambika ikiganza ku mutwe, aravuga ati: Uracyari umwana muto rwose, ibyo rero byakubayeho ni nk’inzaduka kuba ku muntu ukingana nawe. Ngira ngo Yesu hari umurimo yakugeneye agutegurira.”

Maze amutekerereza iby’urukundo Imana ikunda abana bayo b’abanyabyaha, abogoza amarira, kandi n’uko yifuza kubigandurira bitewe no kwizera no kwiringira. Amubwira yuko bwa bwoba yagize bw’uko adakwiriye ijuru yari ineza y’Imana yamuhamagaraga. Ati: “Iyo umuntu yiyumvisemo yuko ari agahano ngo ntakigomba guhirimbanira gutungana, ubwo nibwo abari mu kaga gakomeye ko kutisunga Imana. Genda, wiziguye, witahire, wiringiye Yesu, kuko ari ntawe yakwima urukundo rwe arushaka koko.”

Bamaze gusengera hamwe, Pasitoro yasabiye uwo mukobwa umugisha w’Imana. Ubwo Elina Harumoni na nyina batahaga, bumvaga ko bigishijwe iby’urukundo n’ineza by’Imana n’umugaragu wayo ukiranuka. Elina yumvaga yuko akunze Umukiza We byatuma akora icyo amushakira gukora cyose.

Iyo yapfukamaga asenga yiherereye, yumvaga ko Imana imushakira gusabira mu iteraniro. Agambirira yuko noneho mu iteraniro rizakurikira, ari ntakizatuma adasaba. Ntibyajyaga gutinda, kuko hajyaga kuba iteraniro ryo gusenaga kwa nyirarume mu ijoro ry’uwo muni.

Mu iteraniro, apfukamana n’abandi. Agumya kugingimiranya, adagadwa, abandi bagisaba ageze aho araturika arasaba. Uko yahimbazaga Imana aranguruye, umutima we wasabwe n’urukundo n’umunezero ntiyagira ikindi areba keretse Yesu gusa n’ubwiza bwe.

Ataha yibwira ati: “Nakoze icyo Imana yanshakiraga gukora.” Nyabuna ukuntu yari akunze Yesu noneho! Yari amukunze nk’umubyeyi w’umugiraneza kandi w’umunyampuhwe, ndetse kumwumvira byari ibyishimo kuri we. Kenshi uwo mukobwa yasubiragamo aya magambo: “Uwiteka ni we mwungeri wanjye, sinzakena.”

Abadiventisiti - ari bo nyine bizeraga ko Yesu yari agiye kugaruka vuba – bateranyaga amateraniro iminsi yenda kuba yose mu ngo mu mpande zitari zimwe z’umudugudu Harumoni yari atuyemo. Bari bakizera ibyo wa mukuru Wiliyamu Miller yari yarabigishije, yuko Yesu azaza mu mwaka wa 1843, cyangwa mu iherezo ryawo, mbere yo kuwa 21 Werurwe 1844. Abo mu muryango wa Harumoni bajyaga mu materaniro ubudasiba, kuko nabo bizeraga yuko Umukiza wabo azaza vuba. Igihe cyo kwitegura gusanganira Yesu cyababereye kigufi, ab’inzu ye bose bumvaga ko bakwiriye gukora icyo babashije cyose bakabwira abandi inkuru y’ibyiringiro byabo.

Bwana Harumoni yabohaga ingofero, abakobwa be bagakora udusongero twazo. Ndetse Elina we yabohaga n’amasogisi, umwambaro umwe akawugurisha udufaranga duke. Ubwo umutima we wari ufite intege nke, yagombaga kwicara yegamiye igitanda akora. Ariko yakomeje gukora, agakorera amafaranga munani mu munsu, akanezewa yuko nubwo intoke ze zasusumiraga zabashije kugira icyo zikora cyo gufasha umurimo w’Imana. Ayo mafaranga bayabikiraga neza kuyagura ibitabo. Urupapuro rwose rwacapwe, abo bakobwa baguraga, barurebaga ko ari urw’igiciro gikomeye, kuko rwabaga ari intumwa y’umucyo, yihanangiriza abantu kwitegura Umukiza wabo wajyaga kuza vuba.

Amaze kubona agatege, bateguye amateraniro abasore b’abaturanyi bazajya bateraniramo kwiga ijamba ry’Imana no gusenga. Abasore bamwe muri abo ntacyo bitagaho kandi bagiraga umwete muke w’iby’idini, ariko Elina yagambiriye kudacogora kubwabo. Amajoro yose yajyaga asabira izo ncuti ze.

Ku manywa, iyo yabonaga umwanya, yaganiraga n’umwe umwe muri bo, amaherezo bose uko bangana bahindukirira Imana. Abakristo bamwe ba kera bibwiraga ko akabije kogeza iby’urukundo rw’Umukiza. Iyo bazaga kubimubwira, uwo mukristokazi muto w’umunyamwete yabasubizaga ko atabasha kurodera kuvuga iby’urukundo rw’Imana, kandi kuza kwayo kwegereje, kandi ngo Imana niyo imuyobora muri uwo murimo.

Aravuga ati: “Ndumva meze nk’akana gasanze Imana nk’usanga se, nka-yibaza icyo inshakira gukora. Maze nasobanurirwa inshingano yanjye, nkabikora nezerewe rwose.

IGICE CYA 4

UMUBABARO

Ubwo igihe cyari cyavuzwe cyo kuza kwa Yesu cyari cyegereje, reka si umwete abayoboke be bari bafite! Nyamuneka uburyo bari bigengesereye bada-gadwa, ubwo bari begereje icyo gihe cyo kuza k'Umukiza! Iby'isi ntibari baki-byitayeho, kuko hari hasigaye amezi make bakitahira iwabo. Amateraniro yate-ranywaga mu nsengeru no mu ngo ahiherereye.

Mu mudugudu Harumoni yari atuyemo hari inzu iteranirwamo, bakayi-giriramo amateraniro y'inteko nini y'abakire n'abakene n'abapasitoro n'abigish-wa babo, n'abantu b'amoko atari amwe, bayiteraniragamo ngo bumve ibyo kuga-ruka kwa Yesu uko byigishwaga na Stockman wari warigeze kuhabwiririza n'u-bundi. Habaga ituze rwose muri iyo nzu ubwo yabwirizaga uko yifuza kwakira Umukiza We, ubwo azaza mu bicu byo mu ijuru. Rwose, mu magambo ye haba-ye ituze, no gushakashaka imbaraga.

Gahunda y'amateraniro ntirakarushya. Yabwirizaga igihe kigufi, maze bakagira umwanya wo kubiganira, bakabaza, kandi bagasubizwa. Ntabwo haba-ye impaka, kuko abamarayika bera bari babagendereye ubwo babaga bacumu-nguturanya iby'ukuri.

Mu irangiza ry'iteraniro, abashakaga gusabirwa n'abantu b'Imana babwirwaga guhaguruka. Rimwe na rimwe abantu amagana barahagurukaga bakabasaba kubibuka mu masengesho.

Amateraniro yarangira, abantu bakagenda mu mwijima bataha. Uko bagendaga, amajwi yo guhimbaza Imana agahogerana mu misozi, akagenda yiki-ranya ngo: « Icyubahiro kibe ku Mana, Uwiteka yime ingoma! » Bakagumya kwikiranya batyo. Ab'inzu bagataha baririmba n'ijoro. Nta muntu wagiye muri ayo materaniro wabashaga kwibagirwa ibyahabereye.

Noneho bagera mu cyumweru giheruka, igihe cyabo cyo kuba mu isi. Abantu bari bafite ubwira bwinshi. Imirimo yo mu isi barayirekera bahugukira gushakashaka mu mitima yabo ngo barebe nez a ko biteguye gusanganira Umwami wabo. Ariko, cya gihe kirahita, Yesu ntiyaza. Hariho ifuti.

Icyo cyabaye igihe cya mbere cyo kugeragezwa kw'abari bategereje Umwami ko aza muri icyo gihe. Hariho abandi bapfuye kwifatanya na bo kuko batinyaga ko Umwami aza, batabitewe no kumukunda, cyangwa no kwifuza ko aza. Bene abo bahereye ko bifatanyaga n'abakobanyi bavuga ko batigeze babyize-ra rwose.

Abari bizeye koko by'ukuri bari bazi yuko Ijambo ry'Imana ari ukuri, ritabura gusohora. Bari bakoze ibibakwiriye, bategerezanya ibyiringiro ngo Imana izabasobanurira byose.

Mu gihe cy'impeshyi mu mwaka wa 1844 Abadiventisiti benshi bateraniye mu iteraniro rinini. Bongera kwiga Bibiliya, ngo barebe umucyo wose bakunguka w'ibyerekeye ibyo kuza kwa Yesu. Bakomeje kubyiga cyane, basanga itegeko ryo gusana Yerusalemu ryaratanzwe nko mu iherezo ry'umwaka wa 457 mbere ya Kristo, ngo ibyo bizatuma noneho aza mu mwaka wa 1844.

Umuyobozi umwe yaravuze ati: « Ubuhanuzi bw'iminsi 2300 buvuga ko mu iherezo ry'icyo gihe, ubuturo buzezwa. Iyo twiga ibyakorerwaga muri bwa buturo bw'Abisirayeli, tubona ko ubuturo bwezwa ku muni w'impongano.»

Umwe mu babyumvaga yabajije abishishikariye ati: “Umuni w'impongano?”

Arasubizwa ngo: “Umuni wa cumi w'ukwezi kwa karindwi kw'Abayuda.”

None se, uwo ni uwuhe muni w'umwaka wacu? »

« Uzaba kuwa 22 Ukwakira. »

« Yesu azaza kuri uwo muni. » Babinoganya batyo. Imitima yabo igwa mu kayubi gatewe n'umunezero ngo bagiye kubonana n'Umwami wabo bidatinze! Babiherekanya batyo. Abadiventisiti banoganya yuko umuni wo kuza k'Umwami ari kuwa 22 Ukwakira 1844. Bongera gusoma igitekerezo cya ba bakobwa cumi, n'uko bwa bukwe bwatinze bikageza mu gicuku, ari bwo bumvaga urusaku ngo, “Dore umukwe; nimusohoke; mumusanganire.”

Umwe muri bo yaravuze ati: “Turi muri cya gihe bari bagitegereje umukwe, yatinze. Ubu arenda kuza!”

Umwe abwira undi ati: “Twasinziriye. Dukwiriye gukanguka, tukajya kumusanganira.”

Urusaku rwa mu gicuku rwamamara rutyo, bose barahwiturwa. Baherako bacapa urupapuro rwitwa: “*Urusaku rwa mu Gicuku*”, rukwira hose. Abantu benshi bakajya babaririza Abadiventisiti ngo bige iby'ubwo butumwa. Abenshi bagurisha ibyabo byose, ibiguzi bakabihabakira ngo babone uko bakwiza *Urusaku rwa mu Gicuku*, n'urundi rupapuro rwitwa *Ibimenyetso by'Ibihe*, n'izindi mpapuro zivuga iby'ubwo butumwa bw'ingenzi.

Abadiventisiti benshi barorerereye gusarura imyaka yabo, kuko batari bakiyikeneye. Hariho mwene data wari ufite umurima umwe munini w'ibirayi, yarekeye aho, ntiyawukura. Abaturanyi be bashakira kubimukurira ku busa, ngo babihunike mu nzu ye y'ibihunikwa.

Yarabahakaniye ati: “Ashwi! Ngiye gusiga uwo murima w’ibirayi, njye kwamamaza kwizera kwanjye, ko Umwami yenda kugaruka vuba.”

Ubwoko bw’Imana bwari bunezerewe ubwo bari begereje igihe cyo kugaruka k’Umwami wabo.

Ku itariki ya 22 Ukwakira, bateraniye hamwe, barasenga, baririmbira hamwe, bakirindiriye ko atunguka. Uwo mugoroba izuba ryarenze uko bisanzwe, hatagize ikimenyetso kiboneka. Yesu ntiyaza.

Habaye ubwihebe bukomeye bw’abo bantu bari barabishegeye cyane. Byarabaruhije cyane kongera gushaka ibibatunga bari bibwiye ko batandukanye nabyo iteka. Ariko Imana yarabafashije muri ibyo byago, batangazwa nuko bumvise bafite ubutwari, babasha kwihanganira agashinyaguro k’abanzi babo.

Abizeye ntibarakinubira uko kugeragezwa bageragereshejwe, ahubwo bategereje bihanganye, bategereje Umukiza wabo ko abamenyesha ibyo ashaka. Bamwe babonye ko bajijwe mu by’iherezo ry’imyaka 2.300, atari mu byo kubara igihe. Bemeye yuko ibyo babwirije by’igihe byayobowe n’Imana, kuko byari byatumye rubanda rwose rwiroha mu byo kwiga Bibiliya, kandi bigatuma benshi bamenyerana n’Umukiza wabo.

IGICE CYA 5

MARAYIKA AZANA UBUTUMWA BW'IMANA

Iteka ryose birakomeye guhemukirwa, kandi birakomeye gusubira ku cyo wari wataye, ukakizininukwa. Mbega uburyo abo bizeye bababaye mu mutima bamaze guheba Umwami mu gihe bari bamutegererejemo!

Nta cyari cyabazize mu byo kwitegura uwo munsu ukomeye. Nta munsu bari biteze ngo bagire bati: “Ese, Umwami aramutse ataje.” Ariko abakiranuka ntibaragakuka imitima. Bishimiye yuko bari bakoze nk’uko kwizera kwabo kuri. Bateze ko Imana ibayobora, kandi bari bazi ko amaherezo ibafitiye umugambi.

Mu gitondo cya kare cy’uwo munsu w’ubwihebe, bwana Hiram Edsoni, wari umuyobozi w’Abadiventisiti, ajya mu gasozi apfukama bugufi bw’umurima w’ibigori, arasenga. Ako kanya yumva yuko Umwami amugendereye rwose, yumva ko agiye gutsinda, yumva ijwi rivugana na we riti: “Ubuturo buzuzwa ni ubwo mu ijuru.” Yirukankira kubwira bene se iby’iryo jwi, baherako batangirana na we kubyiga muri Bibiliya.

Ubwo busobanuro bushya bwaremeye benshi agatima babwumvise. Bumvise neza ko bajijwe n’ikizaba mu iherezo ry’iminsi 2.300. Abenshi bibwiye ko bayobewe iherezo ry’iminsi 2.300 iyo ari yo.

Hanyuma y’ubwihebe, abizeye bashotse bitegura igihe cy’imbeho, ariko ntacyo babuze. Wa mugabo wangiraga abaturanyi be kumukurira ibirayi kuko yashakaga kubwiriza ibyo yari yizeye byo kugaruka kwa Kristo, yarabyitwese. Muri icyo gihe cy’isarura ibirayi byari bitarabona, imbeho yari itaraza nk’uko bisanzwe, maze ibirayi byasigaye mu butaka ntibyahinduka iminambe, kandi ntibyabona. Wa muntu abona ibimutunga n’ibitunga abaturanyi be. N’abandi benshi muri icyo gihugu niko byababereye.

Ubwo abantu bari bakwiriye kugendererwa n’Umukiza wabo kuruta ibindi bihe, kandi ntarakabahemukira. Yabageneye impano y’ubuhanuzi yo kurema ubwoko bwe agatima. Uhereye ku kuremwa kw’isi, yajyaga avuganira n’abana be mu bahanuzi iyo babaga bakwiriye gutabarwa.

Elina Harumoni, wari wakoreshereje Uwitwaga umutima we wose uhereye mu buto bwe, yatoranyirijwe na Data wa twese wo mu ijuru kuba intumwa. Hashize amezi abiri nyuma ya bwa bwihwebe, yavuganye na we amuha ubutumwa bwo kugeza ku bizeye.

Ubwo yari amaze imyaka cumi n’irindwi y’ubukuru, akaba yari umunyamuze cyane, umuhogo we w’ibihaha byari birwaye, ntabashe kuvuga cyane,

keretse kongorera. Abaganga bavuze ko atazamara igihe kirekire. Rimwe mu gitondo, mu gihe cyo gusenga yari apfukamanye n'abagore bane basenga. Abandi bose bamaze gusenga, na we yasenze mu ijwi ryo kongorera, abahatera niye bose bumva ko imbaraga y'Imana ihari. Amara akanya acecetse. Ubwo yumvaga ijwi rya marayika w'Imana rivugana na we. Yumvaga ameze nk'ugoswe n'umucyo kandi yari yateruwe ku isi arererezwa rwose. Akebuka kureba Abadiventisiti ku isi, ariko ntiyababona. Nibwo ijwi rimubwiye riti: "Reba hejuru ho hatu." Arebye hejuru, abona inzira igororotse, ifunganye, hejuru y'isi, ijya ku rurembo hirya. Iyo nzira Abadiventisiti bayigendagamo. Umucyo wari uri aho itangirira wayimurikagamo yose, ukamurikira ibirenge byabo ngo bidasitara. Marayika yaravuze ati: "Uwo mucyo, ni wo rusaku rwa mu gicuku."

Imbere y'iyi nteko y'abantu, hari Yesu, ni we wabayoboraga mu rurembo. Iyo bamuhangaga amaso, babaga amahoro, ariko bamwe muri bo baguye agacuhu, baganya yuko ururembo ruri kure. Maze Yesu akazamura ukuboko kwe, umucyo ukakuvamo ukabamurikira inzira yose. Itsinda rito ry'abamurikiriye uvuzi impundu z'ibyishimo. Ariko bamwe babura Yesu, bavuga ko atari Imana yabayoboye. Wa mucyo wari inyuma yabo urazima, basigara mu mwijima w'icuraburindi Barindagirira mu mwijima, bava mu nzira, bagwa hepfo ku isi.

Bidatinze rya tsinda ry'abaturikiriye Yesu bumva ijwi ry'Imana, ribabwirira umunsi n'isaha byo kuza kwa Yesu. Bamenya iryo jwi riranabasobanukira, ariko abantu bari bari hepfo ku isi batekereje ko ari inkuba n'igishyitsi cy'isi. Mu maso h'iryo tsinda hamurikishwaga n'ubwiza bw'Imana, harabagirana nko mu maso ha Mose ubwo yamanukaga kuri Sinayi, amaze kuhavuganira n'Imana.

Elina aherako yerekwa kuza k'Umukiza mu bicu byo mu ijuru. Yumva itsinda ry'abizera riranguruye riti: "Ni nde uzabasha guhagarara?" Habaho guceceka. Maze ijwi rya Yesu riravugaga riti: "Abafite amaboko atanduye n'imitima iboneye ni bo bazahagarara. Ubuntu bwanjye burahagije." Ibyo bituma ibyishimo byuzura imitima yabo bose. Indirimbo z'abamarayika zisaba ikirere. Yabonye abapfuye bazuka bava mu bituro byabo, abona baramukanya n'abo bakunda bavuzi impundu. Maze abiteguye basanganira Umwami bajyana na we mu bicu. Bageze ku rurembo rw'izahabu, abona Yesu afashe amarembo y'imaragarita, aya-sunikira inyuma ku mapata yayo akengerana, aravugaga ati: "Mwameshe bishura byanyu mu maraso yanjye mushikama mu by'ukuri byanjye, nimwinjire."

Iryo yerekwa rirangiye, Elina Harumoni asanga agipfukamye ku ibaraza ry'inzu ntoya. Nyabuna ukuntu isi yamubereye umwijima we! Yari amaze kubona igihugu kirushaho kuba cyiza.



Elina Harumoni yerekwa kuza kw'Umukiza mu bicu byo mw'ijuru

Ubwo yabwiraga Abakristo b'itorero bose bizeye ko Imana yatoranyirije ubwo buryo kugira ngo ihumurize kandi ikomeze ubwoko bwayo nyuma ya bwa bwihebe. Reka, si ukunezerwa bamenye ko Se wo mu ijuru abarinda kandi akabaragira.

Elina yarumiwe bitavugwa, kuko yari akiri muto kandi w'umunyantegonke, kandi akaba yatoranyirizwa kuba igikoreshwa, icyo Imana yajyaga kuzamurikishirizamo ubwoko bwayo umucyo.

IGICE CYA 6

ELINA HARUMONI AMENYEKANISHA UBUTUMWA BW'IMANA

Hashize nk'icyumweru marayika w'Umwami avuganiye na Elina mu iyerekwa, yongera kumubonekera ubwa kabiri. Amubwira yuko akwiriye kumenyesha abandi ibyo yeretswe. Yerekwa kugeragezwa azagomba gucamo mu murimo we, kandi abwirwa yuko abantu bamwe batazamwizera, ariko ngo azagerageza kumukomereza kuvuga ubutumwa bw'Imana. Ariko marayika yongeraho ati: "Ubuntu bw'Imana buraguhagije; izagufasha."

Yahagaritse umutima cyane amenya icyo Imana imushakira gukora. Yari amaze imyaka 17 gusa, akiri muto, adakomeye, agira ubwoba, kandi akagira amasonisoni ntabe yashaka guhura n'abo bataziranye. Maze se, bene uwo yajyaga kubasha ate kuzerera akubita hirya no hino, avuga ibyo Imana yamweretse?

Yamaze iminsi asaba ngo iyo nshingano ayakwe, ihabwe undi w'umunyabwenge uzayishobora. Nyamara ntabwo byahindutse, amagambo ya marayika ngo, "Umenyeshe abandi ibyo naguhishuriye," yakomeje kuvugira mu matwi ye.

Umunsi umwe yabwiye se ati: "Data, nubasha kujyana nanjye sinzatinya kugenda, ariko ntabwo nagenda jyeniyine. Ufite iyawe mirimo, none se, uzabigenza ute?"

Amusubizanya ibambe ati: "Bye kukubabaza, mwana wanjye. Niba Imana yaraguhamagariye kuyikorera ahandi hantu, ntizabura kugurura inzira."

Bidatinze hateranirizwa iteraniro mu rugo rwa Harumoni, Elina yari ahari, maze se atekerereza incuti ze inkeke Elina yari afite. Bose bafatanyiriza hamwe gusabira uwo mukobwa w'umwangavu, na we yisabira. Yongera kumva ko ashaka kwihara ngo akore umurimo Imana imushakira.

Agisenga kwa guhagarika umutima kumuvamo, mu mutima we huzuramo guhimbaza Imana. Uwo mwanya abona umucyo umurika umeze nk'umupira w'umuriro umugwaho. Asa n'uri mu maso ha marayika. Marayika yongera kuvuga ati: "Umenyeshe abandi ibyo weretswe."

Umuntu umwe w'umupfasoni, uwo abizeye bitaga Umukambwe Pearson, yari ateranye n'iryio tsinda ariko ntabwo yari yizeye rwose iby'ubwo butumwa Elina Harumoni yeretswe mu iyerekwa rya mbere.

Kuko rero yari arwaye rubagimpande, ntabwo yabashaga gupfukama basenga, ahubwo yicaraga yerekeye abasenga. Bamaze gusenga, abantu baricaye, uwo mukambwe aravugaga ati: "Nabonye icyo ntakekaga rwose kubona. Umupira w'umuriro wamanutse mu ijuru wikubita ku mutima wa Elina. Nawubonye! *Nawubonye!* Ntabwo nzabyibagirwa. Wampinduye ukundi rwose."

Elina afite agaciro mu Mwami. Uhereye muri iri joro ntabwo nzongera gushidikanya. Uhereye ubu tuzagufasha, Elina, ntabwo tuzongera kuguca intege.”

Elina Harumoni yemera kwamamaza ubutumwa bw'Imana, ariko atinya ko none iby'ejo byatuma yirarira, kubw'iyo mpano Imana yamuhaye. Yinginga marayika ngo ajye arindwa kwikuza.

Marayika aramubwira ati: “Amasengesho yawe yumviswe, kandi uzasubizwa. Uvuge ubutumwa wiziguye, wihangane ugeze imperuka. Maze uzarya ku matunda y'igiti cy'ubugingo, unywe ku mazi y'ubugingo.”

Mbega ngo iri riraba isezerano ryiza ye! Yiyegurira Uwiteka, yiteguye gukora ibyo ashaka, uko bizamera kose.

Yajyaga kumvira Imana mu minsi mike. Yagiye kubona abona muramu we ageze aho. Yari yagenze urugendo rwa kilometero 50, yemera kumujyana mu igare rye rikururwa. Hari igihe cy'imbeho, kandi na we ntiyari akomeye, ariko abona ko ari bwo buryo Umwami amuhamagaye ngo agende. Yifubika imyambaro y'imbeho, atangira urwo rugendo rwo mu bukonge bwinshi.

Ahagarutse kwa mwene nyina, ajya mu nzu y'iteraniryo yari iri bugufi, aho itsinda ry'Abadiventisiti ryari riri maze bamusaba kubatekerereza ibyo Imana yamweretse.



Yarahagurutse mu iteraniryo abanza kuvugana amakaraza, kuko umuhogo we wari wararwaye, yamaze amezi atabasha kurangurura. Abantu baramwegereye kugira ngo hatagira akajambo kabacika kuko yongoreraga.

Ariko, hashize akanya gato, ijwi rye ritangira kugororoka, rirumvikana! Amakaraza yose arashira.

Atekerereza abo bantu bari bacogoye, bihebye amasaha abiri. Reka imitima yabo si ukugwa mu kayubi ubwo yababwiraga iby'ubwiza bw'ijuru nk'uko yabyeretse.

Amaze kurundura ubutumwa bwe, aricara, yahindukira ngo avugane n'uwo bicaranye, akavuga buhoro gusa kuko iryo jwi risaraye yari arimaranye amezi atatu! Ubundi yongeye kugira umwanya wo kwigisha imbaga y'abizeye, na none agarurirwa rya jwi ryiza. Ni ruto ni ruto yemejwe ko akora ibyo Imana ishaka, kandi umutima we wuzuye umunezero, abonye uko ubutumwa bwe buremye abizeye agatima bari bagize umubabaro n'ubwihebe.

Ubwo Elina Harumoni yigishirizaga mu nzu y'iteraniro, umusore witwa Hazen Foss yari ku muryango ateze amatwi. Yari atarinjira mu nzu, ariko yaramwumvaga neza, avuga ijwi rikomeye ubwo yabatekererezaga ibyo Imana yamweretse by'urugendo rw'Abadiventisiti.

Uwo mugabo wari uri ku rugi yategeye ubwo butumwa amatwi cyane. Byamuhagaritse umutima cyane. Ahindukirira uwo bari bahagaranye, ati: "Iryo yerekwa Elina avuze ririnda guhwana rwose n'iryo neretswe. Rwose, ni nk'abantu babiri bavuga igitekerezo cy'ikintu kimwe."

Elina amaze kuvuga, Foss ava kuri iyo nzu y'iteraniro ashengutse mu mutima. Yari yamaze kwanga Imana, ubwo butumwa ntibwari bukimushikamyemo. Ubwo hari hashize amezi make, igihe abantu bari bagitegereje Umwami ko aza, nibwo Imana yamweretse iyerekwa rihwanye n'iryo rwose. Bwana Foss yari umupasitoro w'umusore. Yari umuntu ushyanutse ku rurimi kandi yakundwaga n'abamuzi bose. Bwa butumwa ngo, "Umenyeshe abandi ibyo naguhishuriye," na we yari yarabuhawe, ariko ntiyasobanukirwa n'iryo yerekwa, kandi kuko yari afite ubwibone mu mutima, yanga kubwira abandi ibyo yeretswe. Ngo ntiyakwicisha bugufi imbere y'abantu ababwira ubutumwa bw'Imana, atari bubashe gusobanura ubusobanuro bwabwo.

Yongera kwerekwa ubwa kabiri, noneho abwirwa yuko niyanga kubuvuga, azakwa uwo murimo, ugahabwa undi w'umunyantege nke wo mu bana b'Imana, uzaba umunyamurava, akavuga ibyo Imana imuhishuriye. Ariko na none ashinga ijosi, yanga kuvuga icyo atasobanukiwe neza. Bidatinze, marayika yongera kumubonekera ubwa gatatu. Noneho amubwira gusa ko abyatswe ngo iyo nshingano izagabirwa uworoheje nyuma y'abandi, uzakora icyo Imana imutegeka.

Noneho agira akanyabugabo. Aherako ahitamo gukora ibyo Imana ishaka. Ateranya abantu ababwira ko afite ubutumwa bwo mu ijuru. Rubanda ruteranira hamwe kubwumva. Ariko Foss ateruye kubatekerereza iby'iyerekwa, biramuguruka. Yari yatinze! Nuko, yumirirwa imbere ya rubanda, atagira icyo avuga.

Mu gitondo yaraye yumvise Elina Harumoni avuga ibya rya yerekwa yari yanyazwe, ahubirana na we ava mu nzu y'iteraniro. Aramubwira ati: "Yewe ga Elina we, naraye numvise ibyo wigishije nijoro.

Ndizera yuko iyerekwa narinyazwe ukarigabana. Urabikiranukemo, ujye wogeza ibihamy by'Uwiteka, niho utazarekwa n'Imana. Jyeweho ndi umunyage. Wehoho watoranyijwe n'Imana. Ujye ukiranuka ku murimo wawe, ikamba najyaga kuzabona ni wowe uzarihabwa."

Ubwo bidatinze, amaze guhitamo yuko atazamamaza ubwo butumwa, niho Elina Harumoni yahawe iyerekwa rya mbere. Ubwo Foss aba atandukanye no kwiringira Imana arahemuka. Nta n'ubwo yongeye guterana n'abizeye ukundi.

IGICE CYA 7

IMANA YOHEREZA MARAYIKA WAYO

Marayika wavuganiye na Elina Harumoni mu nzozi yazanye ubutumwa bw’Imana mu isi imyaka ibihumbi byinshi. Twamwita marayika w’ubuhanuzi, kuko ari we marayika wajyaga avugana n’abahanuzi bahishurirwaga ibyo Imana ishaka nk’uko byanditswe muri Bibiliya.

Mbere na mbere Imana yagendanaga na Adamu mu murima, bakagani-ra imbona nkuboke. Ariko Adamu aracumura. Kutumvira kwe kwatumye anyagwa urugo rwe rwa Edeni. Kandi anyagwa n’icyari ingirakamaro kurutaho kandi cyera ari yo mahirwe yo kuvugana n’Umuremyi we barebana.

Ariko Imana ntirakareka Adamu ubwo yacumuraga, imuca mu murima. Imutumaho amagambo yo kumuhumuriza, itumye intumwa yayo marayika. Marayika uwo yaragarutse bwangu asanga umuntu amuzanira inama n’ihumure Imana yari yamutumyeho.


Hashize imyaka myinshi haba hamaze kubaho amoko menshi y’abantu mu isi. Kenshi Data wa twese wo mu ijuru yatumaga intumwa yayo marayika ku bakundaga kumvira amagambo ye.

Abo Imana yatumagaho iyo ntumwa yabugenewe bitwaga abahanuzi. Imana yaravuze iti: *“Nimwumve amagambo yanjye; niba muri mwe hazabamo umuhanuzi, mu iyerekwa niho Uwiteka nzamwimenyeshereza, mu nzozi niho nzavuganira na we.”* (Kubara 12: 6). Ubutumwa Imana yahaga abahanuzi, abantu bari bakwiriye kubwigengeseraho. None se ntiyari amagambo y’Imana?

Ubwo butumwa Imana yahaga abahanuzi bwanditswe muri Bibiliya. Kenshi Imana yatumye marayika wayo kuri Aburahamu kumubwira ibizaba, no kumuyobora mu murimo we. Kandi mbere ya Aburahamu marayika yatumwe kuri Henoki wa Nowa no ku bandi bahanuzi benshi.

Agahungu Samweli kahamagawe n’Uwiteka karyamye ku kariri kako nijoro. Uwiteka ahamagara gatatu, ati: “Samweli!” Ariko yibwira ko ari Eli, wa mutambyi w’umukambwe, umuhamagaye. Eli amaze kumenya ko ari ijwi ry’Imana ryahamagaye, abwiriza uwo muhungu uko yitabana icyubahiro.

Rya jwi ryongeye kuvuga, arasubiza ati: “Vuga, Uwiteka, kuko umugaragu wawe nteze amatwi.” Maze ubutumwa bw’Imana bubwirwa uwo mwana. Samweli amaze kuba umugabo, aba umucamanza wa Isirayeli. Kenshi cyane marayika w’ubuhanuzi yajyaga amuzanira ubutumwa bw’Uwiteka, kandi mu bugingo bwe bwose yajyaga abugeza ku bantu yatumweho, akiranutse.



Igihe Uwitoka yavuganaga n’umwana Samweli agasubiza ati: “Uwitoka, vuga kuko umugaragu wawe nteze amatwi”

“Uhereye i Dani ukageza i Beerisheba, bamenya ko Samweli ari umuntu w’Imana,... ushimwa.” Byanditswe yuko ari nta jambo rye na rimwe ryaguye hasi; nta magambo y’ubupfayongo, y’amahomvu yigeze avuga.

Rimwe na rimwe Uwiteka yamwerekaga ibizaba. Abantu barinda kuvugaga bati: “Ibyo yavuze byose byarasohoye.”

Ubwo Daniyeli yari umugaragu mu bikari by’i Babuloni, marayika w’ubuhanuzi yaramubonekeye. Daniyeli atubwira ko marayika uwo yitwa Gaburiyeli. Marayika yeretse uwo muhanuzi ibizaba mu bihe bizaza kugeza ku mperuka.

Intumwa Yohana, umutoni wa Kristo, woherejwe ku kirwa cya Patimosi, ari imbohe. Ubwo yari ari kuri icyo kirwa cy’uruharambuga, Gaburiyeli, marayika w’ubuhanuzi, yaje kuvugana na we. Akingurira uwo muhanuzi ubwiza bw’ijuru. Mu iyerekwa, Yohana abona abacunguwe ku isi nshya, yumva indirimbo z’abamarayika. Yerekwa ibintu bizaba mu itorerero, imperuka itarasohora.

Ibyahishuwe n’ubundi butumwa bw’amatorero Yohana yabuhereye kugira ngo buyobore Abakristo b’itorero. Yategetswe kwandika mu gitabo ibyo yerekewe mu iyerekwa ngo abandi bazabisome bamenye umugambi Imana ibafitiye.

Igitabo Yohana yanditse yacyise, “Guhishura kwa Yesu Kristo, uko Imana yamuhaye kwereka imbata zayo ibikwiriye kubaho vuba.” Yesu yatumye marayika we ku muhanuzi Yohana, intumwa marayika w’ubuhanuzi.

Ubwo Gaburiyeli, intumwa marayika, yazaga kuri Yohana, yamwerekaye mu iyerekwa, isi nshya n’igiti cy’ubugingo; uruzi rw’ubugingo rutemba ruva ku ntebe y’ubwami y’Imana. Yabwiye Yohana yuko mu ijuru hatazabayo urupfu, nta joro rizabayo, kuko Uwiteka azamurikira ubwoko bwe, kandi abacunguwe bo mu isi bazabaho iteka ryose. Ubwiza yeretswe ubwo yasobanurirwaga ingo zo mu ijuru byabereye Yohana agatangaza yenda kunanirwa kubyumva cyangwa kubyizera.

Ariko marayika aramubwira ati: “Ayo magambo ni ayo kwizerwa ni ay’ukuri, kandi Umwami Imana, itegeka abahanuzi bera, yatumye marayika wayo kwereka imbata zayo ibikwiriye kubaho vuba.”

Maze marayika yongera gusongera amagambo ya Shebuja, ati: “Dore, ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y’ubuhanuzi bw’iki gitabo.”

Ubwo Yohana yavugaga iby’intumwa marayika yanditse ati: “Jyewe Yohana, nijye wumvise ndeba ibyo. Maze kubyumva no kubireba, nikubitira hasi imbere y’ibirenge bya marayika unyeretse ibyo.”

Marayika ati: “ Reka, ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene So, abahanuzi, n’uw’abitondera amategeko y’iki gitabo cy’Ibyahishuwe,” ayo yategetse kwandika.

Ntabwo umurimo wa Gaburiyeli, ari we ntumwa marayika uzarangira mu isi kugeza imperuka.

Ubwo Yohana yari ari ku kirwa cy’uruharambuga, yabonye itorero ryajyaga “kwitondera amagambo y’igitabo” kandi bagategereza kwakira Yesu ubwo azaza. Yabonye iryo torero rizakurikiza amategeko y’Imana, kandi ngo rizaba ritandukanye n’andi kuko rizaba rifite guhamya kwa Yesu, ari ko mwuka w’ubuhanuzi.

Mbese, ntibihimbaje gutekereza yuko marayika watumwe kuri Daniyeli, kuri Yohana, n’abandi bahanuzi, no kuri Zakariya, na Mariya nyina wa Yesu, ari na we watumwe kuri Elina Harumoni? Marayika uwo yabwiye Zakariya ati: “Ndi marayika uhagarara mu maso y’Imana.” None se, si igitangaza kugira ngo marayika uhagarara mu maso y’Isumbabyose atumwe muri iyi si azanye ubutumwa bwo kuyobora no kurema agatima ubwoko byayo!

IGICE CYA 8

IMANA YUGURURA INZIRA

Nyuma y’umubabaro wo mu 1844, gutumwaho bwa butumwa mu kanwa ka Elina Harumoni byaremye agatima abayoboke b’Imana cyane. Kubw’imbabazi zayo nyinshi, yari izi uko bari bakennye inama muri icyo gihe cyo gucika intege.

Bidatinze nyuma y’iteraniro ryateranyirijwe hafi ya Portiland, muri Leta ya Maine, Elina yabonye akito ko kujya mu ruhande rw’Amajyaruguru y’icyo gihugu. Hariho umusore na mushiki we bari baramutse kuzindukirayo maze bamuhata kujyanayo na bo. Yatinye cyane kujyayo, ariko kuko yari yasezeraniye Uwiteka ko azajya anyura mu nzira imukinguriye, ntiyatinyutse kwanga.

Hanyuma y’aho iyo yagiraga aho ajya, mwene nyina yajyanaga na we, kuko atari afite imbaraga zo kugenda wenyine. Ubundi yajyanaga na musaza we n’umugore we.

Abizeye yagendereraga yarabakomezaga rwose. Ahantu hamwe, Uwiteka yamuhaye iyerekwa, acyaha abantu baho bamwe kuko batashakaga gukurikira ijamba ry’Imana, ahubwo bagashaka gusenga nk’uko bishakiye. Byari bimukomereye rwose kubwira abo bantu ubwo butumwa, ariko abuvuga akiranutse, arabacyaha. Na none byarakaje abo bantu bakangawe kubwirwa ibyaha byabo n’umukobwa w’agakumi. Ntibamenye ko ari Imana, yarebaga ibibi bakoraga, atari Elina wabirebaga.

Ijoro rimwe ubwo yari ari kwa se yeretswe ko akwiriye kujya mu wundi mudugudu guhamiriza Abadiventisiti bari bahari. Nta mafaranga yari afite yo kuriha iby’urugendo, ariko ntiyarushya azuyaza. Se wo mu ijuru wari wamutumye yajyaga kumutunga. Maze we na mwene nyina bitegura kugenda.

Inzoga y’igare ry’umwotsi ivuga ubwo. Yambara ingofero ye araso-hoka. Arebye hanze, abona umuntu uhetswe n’ifarashi yihuta cyane, yihutira kujya ku irembo ahagarara aho. Ifarashi ye yari yahindanijwe n’ibyuya.

Abaza yiruka yerekeye inzu ati: “Mbese, hano hari ukennye amafaranga? Numvise mpatwa yuko hano hari umuntu ukennye amafaranga!”

Bihutira kumubwira yuko bari bagiye kujya mu igare ry’umwotsi ariko bakaba badafite amafaranga yo kuriha. Azana ya mafaranga vuba arayabahereza kandi yari ahagije kurihira urugendo rwabo.

Yarababwiye ati: “Nimwicare mu kigare cyanjye, mbajyane ku igare ry’umwotsi.” Abo bakobwa bamaze kwicara, yerekeza iyo igare ry’umwotsi riri.

Arababwira ati: “Nagombye kugenda urugendo rwa kilometero 20 mbazaniye amafaranga. Sinabashije kugendesha ifarashi yanjye buhoro, yakomezaga kwirukanka.”

Bagera aho igare ry’umwotsi riri rigiye guhaguruka ako kanya. Ibyo byaremye Elina agatima. Byakomeje kwizera kwe guhamirizwa ko icyo Imana imushakira gusa ari ugukora ibyo ishaka ngo izajye imucira icyanzu.

Ubwo Elina Harumoni yari ateranyije andi materaniro, yabonanye n’umwerekereza w’umusare witwa Yozefu Bates. Yari yaremye ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu arushijeho ab’inzu ya Harumoni umwaka umwe, kandi nubwo yari umukozi w’umunyabwira. Anezezwa no kubonana n’iyo nkumi yari yarabwiwe. icyakora, yari atarumva aho abwiriza. Yari umunyamurava, amufata neza, nk’aho ari umwana we bwite.

Mu mwaka wa 1846, Elina yashyingiranwe na Bwana James White. Yari Umukristo nyakuri, ufite ubwira bwo gukorera Umwami. Bajyaga bazere-rana bihatira cyane kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu.

IGICE CYA 9

UMUNSI WA KARINDWI NI WO SABATO

Abahinzi bari batuye mu misozi y'ibitare bugufi bw'umujyi wa Washington muri Leta yitwa Hampshire, bari bumvise ubutumwa bw'uko Yesu yenda kugaruka, kandi bari bashishikariye kumutegereza. Bari bariyubakiye uru-sengero ruto mu gashyamba, bakajya bahateranira.

Hari umukobwa wari umaze imyaka 19 wigishaga ishuri ry'ubwenge. Yitwaga Oakes. Ubwo yajyaga Washington, nyina yimukaniyeyo na we. Bari abo mu itorero ry'Ababatisita b'Umunsi wa Karindwi. Nubwo ari nta wundi wari uhari muri icyo kirorero wateranaga na bo, uwo mukobwa Oakes na nyina ntibaburaga gukomeza umunsi wa karindwi.

Abadiventisiti bamenyeranye n'abaturanyi babo, batangiye kubigisha ibyo kugaruka kwa Yesu. Bakavuga bati: "Azaza vuba, kandi turamwiteguye." Bagasoma muri Bibiliya amasomo avuga ibyo kugaruka kwe kuri iyi si. Oakes (hanyuma waje kwitwaga madamu Rasher Preston) n'umukobwa we bakundaga Bibiliya zabo, bagakunda kwigana nabo. Bamaze kuganira na madamu Oakes ibyo kugaruka kwa Kristo, yaravuze ati: "Ndashaka kukubaza ikibazo. Kuki se, mudakomeza Isabato y'Umwami? Kuki mumusenga kuri ku munsi wa mbere, Dimanche?"

Umuntu umwe yarabajije ati: "Kuki ubaza ibyo? Dimanche si Isabato y'Umwami?"

Madamu Oakes ati: "Reka da, si yo." Abumbura Bibiliya, abasomera amasomo avuga iby'umunsi wa karindwi ari wo Sabato. Yari azi icyo Imana yavuze ku munsi yawo wera.

Madamu Oakes n'umukobwa ntibashidikanyaga yuko Umwami ashaka ko ubwoko bwe kuruhuka Isabato, kandi ntabwo bizeraga ko azaza kujyana ubwoko bumutegereje batarahugukira gukurikiza amategeko ye yose.

Ba bahinzi b'Abadiventisiti bari bahugukiye kuza k'Umwami badashidikanya mu iherezo rya ya myaka 2.300, ari ho mu mwaka wa 1844, nk'uko bagenzi babo nabo bari bahugukiye iby'umunsi wa karindwi ari wo Sabato.

Igihe gishize, babuze ibyo bari biteze, abahinzi bamwe batangiye gutekerezanya cyane iby'Isabato. Basomye udutabo bari barahawe dusobanura iby'Isabato. Umunsi umwe, ari kuwa mbere (Dimanche), bwana Wiliyam Farnsworth yahagaze mu nzu y'iteraniro, aravugaga ati: "Bene Data, ngiye kubahiriza Isabato." Haba ituze ryinshi mu rusengero. Abakristo benshi bicara biyuna-

AMATEGEKO Y'IMANA

I

Ntukagire izindi mana mu maso yangiye.

II

Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka: ntukabyikubite imbere, ntukabikorere: kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpora abana gukiranirwa kwa bose, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga; nkababarira abankunda bakitondera amategeko yangiye, nkageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi.

III

Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka, Imana yawe: kuko Uwiteka atazamubara nk'utacumuye, uvugiyе ubusa izina nye.

IV

Wibuke kweza umunsi w'isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukore-ramo imirimo yawe yose: ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu: kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi, n'inyanja, n'ibirimo byose, akaruhuka ku wa karindwi: ni cyo yatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'isabato, akaweza.

V

Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu, Uwiteka Imana yawe iguha.

VI

Ntukice.

VII

Ntugasambane.

VIII

Ntukibe.

IX

Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe.

X

Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe.

miye. Arongerera ati: “Nemejwe yuko umunsi wa karindwi ari wo Sabato y’Uwiteka.”

Hashize akanya undi arahaguruka ati: “Nanjye ni uko, ndashaka kumvira itegeko ry’Uwiteka.” Abandi bahitamo kubahiriza uwo munsi w’Isabato. Ku Isabato ikurikiyeho madamu Oakes n’umukobwa we n’abandi bateraniye mu rugo rwa bwana Cyrus Farnsworth kugira ngo basenge Imana.

Ku wa mbere (Dimanche) bwana Wiliyamu Farnsworth n’umuhungu we Daniyeli bakoze hafi y’umuhanda, bagira ngo abaturanyi babo bahita bajya mu rusengeru bababone maze bamenye ko batacyubahiriza umunsi wa Dimanche.

Bagumya kunguka abandi basengana ku munsi wa karindwi, kugeza ubwo hafi ya bose bafatanyirije hamwe, noneho bakajya bateranira hamwe mu rusengeru. Umupasitoro umwe, Frederick Wheeler, yafatanyije na bo, aba umu-yobozi wabo. *Iryo ni rya tsinda rya mbere ry’Abadiventisiti watangiye kubahiriza Isabato.*

Mu mwaka wa 1845, kapiteni w’ubwato witwaga Yozefu Bates yagiye gusura iryo tsindary’Abadiventisiti. Ageze mu mudugudu muto, Abadiventisiti bamwakira neza. Bamusubiza ibyo yababazaga byerekeye iby’Isabato banezere-we. Yozefu Bates yiga yitonze amasomo bamweretse. Bamuhaye agatabo kanditswe na bwana Preble kerekana Isabato yahinduwe n’abantu bishakiraga kubahiriza umunsi wa mbere w’icyumweru mu cyimbo cy’Isabato. Bwana Bates yabyitayeho cyane.

Yaravuze ati: “Ni koko, ibyo ni iby’ukuri. Isabato ni wo munsi wa karindwi. Ni wo munsi w’Imana yashyizeho mu irema, kandi ntabwo yigeze iwuhindura. Umunsi wa karindwi uracyari Isabato y’Uwiteka.”

Icyakora Bwana Bates ntiyabashije guceceka iyo nkuru nziza. Yagombaga kujya kuyibarira Abadiventisiti bari bari mu mudugudu yari atuyemo. Aherako ataha ubwo.

Bugufi bw’iwe hari iteme. Atangiye kunyura kuri iryo teme, ahura n’umutware w’ako karere.

Amubonye aramuhamagara ati: “Kapiteni Bates we, ni makuru ki ra?”

Aramusubiza ati: “Amakuru ni uko umunsi wa karindwi ari wo Sabato y’Uwiteka!”

Wa mugabo ati: “Nuko, ndatashye nzasoma Bibiliya yanjye, ndebe ko ari byo koko.” Bwana Bates arigendera, wa mugabo ajya iwe kwiga iyo nkuru nshya. Bongeye guhura, basanga wa muntu yubahiriza Isabato.

Bwana Bates akomeza kubwira abantu aho yajyaga hose ko umunsi wa karindwi ari wo Sabato. Hashize umwaka yandika igitabo gito gisobanura iby'Isabato, acyohereza ababikunze bese. Ibyo byatumye benshi biga, na bo batangira kujya basenga Imana ku Isabato.

Ubwo bwana Bates yandikaga icyo gitabo, Elina n'abandi baramugendereye. Abaganirira iby'ukuri yabonye muri Bibiliya yuko umunsi wa karindwi ari wo Sabato. Ariko ubwo Elina yari atarakabibonamo ikintu gikomeye. Yari atitaye kubyiga, kandi ntiyibwiraga ko ari ikintu cy'ingenzi. Ndetse yibwiraga ko kuba bwana Bates akomeza kubishegera ari ubuyobe. Nyuma y'ibyo bidatinze Elina yashyingiranwe na bwana James White, noneho bafatanyiriza hamwe kwiga cya gitabo cyandikwaga na bwana Bates bakigereranya na Bibiliya.

Basesenguye mu byanditswe babigereraniye, basanga ari ntaho Uwitaka yategetse ko umunsi w'Isabato uhinduka. Biga amateka, basanga uwo munsi warahinduwe n'abantu bishakiraga gusenga ku munsi wa mbere w'icyumweru mu cyimbo cy'uwa karindwi.

Bidatinze, bemezwa ko ari byo Imana ishaka, na bo batangira kubahiriza umunsi wa karindwi, kandi bigisha ibyayo. Ubwo hari mu mwaka wa 1846. Mbega uburyo bwana Bates yanezerewe abonye abo bakozi mu murimo w'Imana bemera ukuri w'Isabato!

Ku Isabato ya mbere muri Mata mu mwaka wakurikiyeho, bwana White n'umugore we bagiye guteranya iteraniro kwa bwana Stockbridge Howland, wari Umudiventisiti nyawe. Bakiriyo madamu White arekwa. Abonera muri iryo yerekwa ko Isabato ari ikintu cy'ingenzi. Abona urusengero rw'Imana rukingutse mu ijuru, maze yerekwa isanduku y'isezerano, ipfundikijwe umutemeri w'imbabazi. Abamarayika babiri bahahagaze, umwe ahagaze ku mutwe umwe w'isanduku, undi ku wundi, barambuye amababa yabo hejuru y'umutemeri w'imbabazi. Intumwa marayika amubwira yuko abo bamarayika bombi bashushanya ingabo zose z'abamarayika bo mu ijuru, barebana icyubahiro amategeko yanditswe n'urutoke rw'Imana ku bisate by'amabuye. Yesu apfundura umutemeri w'isanduku, abona bya bisate by'amabuye byanditsweho amategeko cumi.

Yitegereje, abona itegeko rya kane rigoswe n'umucyo. Marayika ati: "Niryo mu mategeko cumi rigaragaza Imana ihoraho, yaremye ijuru n'isi, n'ibizima byose biyirimo." Igihe urufatiro rw'isi rwashyirwagaho, nibwo n'urw'Isabato rwashyizweho.

IGICE CYA 10

IWACU HASHYA

Abadiventisiti bizeye bari bafite amatsiko yo kumenya iby'ubwami bwo mu ijuru aho bari biringiye kuzatura iteka ryose. Ubusobanuro bwa Yerusalemu Nshya, nk'uko bwanditswe mu gitabo cy'Ibyahishuwe babisomaga kenshi, kandi abizera bajyaga bakomezanishanya kuganira iby'ibyishimo bazagira ubwo baza-bonana na Yesu.



Mu isi nshya intare n'umwana w'intama bizabana kandi umwana mutoya azabyahura

Mu iyerekwa rimwe Imana yahaye madamu White, yaherekewe mo ibyiza bizaba muri iyi si, bari kumwe na Yesu. Madamu White yatekerereje abizera ibyo yeretswe agira ati: “Yesu yaturangaje imbere twese tumanuka ku rurembo tuza kuri iyi si, ku musozi ukomeye munini. Ntiwabasha Yesu, maze urahwama, ucikamo ikibaya kinini. Turebye hejuru, tubona ururembo rukomeye, rufite imfatiro cumi n’ebyiri, n’amarembo cumi n’abiri, ku ruhande rwose hari atatu. Ku irembo ryose hari marayika. Twese turarangurura tuti: “Ururembo, ururembo rukomeye, ruraje! Rumanuka ruva mu ijuru ku Mana!” Ruraza rwururukira aho twari duhagaze.

“Noneho dutangira kwitegereza ubwiza bw’inyuma y’ururembo. Mpabona amazu meza rwose, yasaga n’ifeza, afashwe n’inkingi enye zihunzweho imaragarita, zari amanega. Ayo niyo abera bajyaga kubamo. Mu nzu yose harimo ububiko butatswe izahabu.

Mbona abera benshi binjira mu mazu, biyambura amakamba y’abo ake-ngerana, bayashyira kuri ubwo bubiko, maze barasohoka bajya mu mirima iri bugufi bw’amazu kugira icyo bakoramo; si nk’uko dukora muri iyi si ...

“Nabonye undi murima urimo indabyo z’amoko yose, kandi uko nazisoromaga nateraga hejuru, nti: “Ntabwo zizigera zuma!” Maze mbona umurima urimo ubwatsi burebure bunogeye amaso; ubwo bwatsi bwari butoshye, bukabonerana nk’ifeza n’izahabu, buhungabanira guhesha Umwami Yesu icyubahiro.

“Hanyuma tujya mu ishyamba ririmo inyamaswa z’amoko yose: intare, n’abana b’intama, n’ingwe, n’amasega, zose zifatanyirije hamwe. Tunyura hagarati yazo, zikatwoma inyuma, ntacyo zidutwaye. Maze tujya mu ishyamba, si nk’aya mashyamba y’ubu y’urwijiji; ashwi da; ryari ryuzuye umucyo n’ubwiza buhebuje. . .

“Tukigenda, duhura n’itsinda ry’abantu na bo bagenda bitegereza ubwiza bw’aho hantu. Mbona umutuku ku misozo y’imyambaro yabo, amakamba yabo yararabagiranaga; ibishura byabo byari imyeru yera de. Tubaramukije, mbaza Yesu abo ari bo. Avuga ko ari abishwe ari we bahorwa. Bari bari kumwe n’imbaga y’abana batabarika, na bo bari bafite imisozi itukura ku myambaro yabo.

“Umusozi Siyoni wari uri imbere yacu, kuri uwo musozi hari urusengerorwiza, ruzengurutswe n’indi misozi irindwi yamerwagaho n’indabyo nziza. Mbona abana bayiterera, cyangwa bashaka bakagurukisha utubaba twabo, bakagwa mu mpinga z’iyo misozi bagasoroma indabyo zitagira ubwo zigajuka . . .

“Tumaze kureba ubwiza bw’urusengero, turasohoka, Yesu aradusiga, ajya mu rurembo, bidatinze twongera kumva ijwi rye ryiza, ati: “Nimuze, bwoko bwanjye, mwavuye mu mibabaro myinshi, mwakoze ibyo nshaka; mwababaye ari jye mugirira; nimuze, mufungure, kuko ngiye gukenyera nkabagaburira.”

“Tuvuza impundu tuti: “Haleluya! Haleluya!” twinjira mu rurembo. Maze mbona ameza y’ifeza nziza, yari maremare, ariko amaso yacu yabashaga kuyaheza. Mbona amatunda y’igiti cy’ubugingo, manu, imitini, amakomama-nga, inzabibu, n’andi moko y’amatunda.

“Nsaba Yesu kunkundira kurya kuri ayo matunda. Ati: “Oya, si ubu. Abarya ku matunda y’iki gihugu, ntabwo basubira mu isi ukundi. Ariko, hasigaye igihe gito, nukiranuka, uzarya ku matunda y’igiti cy’ubugingo, kandi unywe no ku mazi y’isoko.» Kandi ati: «Ugomba gusubira mu isi, ugatekerereza abandi ibyo naguhishuriye.»

«Maze marayika amanukana ambumbatiye angeza muri iyi si y’umwiji-ma.»

Abizera bamaze kumva ubwiza bw’isi nshya bavuze impundu bati: «Haleluya!»

Barabwirana bati: «Ni ukuri Imana ni nziza, kuko yagiye kudutegurira ahacu, kandi tukazayibona yo.»

IGICE CYA 11

ICYANA CY'IFARASHI

Icyo cyana cy'ifarashi cyarishaga mu isambu y'umugabo umwe w'Umudiventisiti wari utuye hafi y'i Topsham muri Leta ya Maine. Icyo cyana cy'ifarashi cyari icy'umugabo utuye kure, kandi yashakaga ko cyagaruka imuhira. Ntiyabonye uburyo bwo kujya kugifata, niko gutuma ngo nihagira uwerekera iwabo, azakimuzanire.

Ntawashatse kuyobora iyo farashi y'uwo muntu, kuko yari yaragiriwe nabi n'umuntu wageragezaga kuyirera. Ibyo rero byari byarayahamuye, biyigira igikuke. Rimwe hari abantu bagerageje kuyiyobora, yari yabaye igikuke, yirukankira mu nzira y'impatanwa y'ibitare maze yinjizamo umwe muri abo bantu arapfa.

Iyo hagiraga uyikurura ayijyana mu kigare, bagombaga gufata umushweko cyane ngo hatagira akayikoraho, kuko iyo yumvaga akayikozeho, yatangiraga guterana imigeri umujinya, isiribanga. Iteraniro rirangiye i Topsham, bwana na Madamu White bihitiramo kujya muri wa muji nyiri iyo farashi atuyemo.

Umwe mu baturage baho yaravuze ati: « Bwana White, kuki udashyira iriya farashi nyirayo, na none ko ugiyeyo? » Undi yaramubwiye ati: « Reka, reka, uramenye ntuyijyane, itagira uwikukana. » Bwana White ati: « Ngira ngo ndashobora kuyitegeka, hari izo nigeze kuyobora zari ibitsire, kandi ndibwira ko biri bumere neza ».

Umuntu umwe aha Bwana White ikigare gikoreshwa mu bucuruzi cyari gifite intebe imbere n'inyuma.

Nta mbaho zo kuririraho, uwariyagaho yagombaga kurira ku rwego rw'ibyuma. Ya farashi barayizana bayishyira kuri icyo kigare. Bwana White arinjira, afata umushweko wayo cyane arawurega. Umuntu umwe agifashe umutwe w'ifarashi. Madamu White na we arinjira yicara iruhande rw'umugabo we. Bwana Bates n'undi mwene Data barurira bicara ku ntebe y'inyuma. Bose bamaze kwitegura, ifarashi barayizitira barahaguruka. Bwana White hari ibyo yari afite mu biganza bye. Ariko yategetse iyo farashi, bagumya kugenda ntihagira amahane itera haba na mba.

Ubwo bagendaga mu muhanda unyura mu misozi ikikiye mu gihe cy'umuhindo, madamu White yabatekererezaga ibyiza byo mu isi nshya n'ibyishimo abayoboze ba Kristo bazagira.

Akiganira ibyo, imbaraga y'Imana imuzaho, arerekwa. Ubwo yarebaga ubwiza bwo mu ijuru bugaragajwe imbere ye, yahamagaje ijwi ryiza cyane ati: "Ubwiza! Ubwiza! Ubwiza!"

Atangiye kuvuga, ifarashi ihagarara idakoma, ihagarara yubitse umutwe. Muri uwo mwanya madamu White arahaguruka, yubura amaso areba hejuru, aratambuka aya imbere y'igare, afatisha ikiganza cye ku itako ry'ifarashi, ayihwamika hasi. Bwana Bates arataka ati: "Iriya farashi iramutera umugeri, imwice."

Bwana White amusubiza yitonze yitegereza umugore we ati: «Uwiteka ubu niwe uyigenga, singiye gukubagana.»

Iyo farashi ihagarara neza nk'ifarashi ikuze, Madamu White ayifashe ku mugongo arayitsa, igera hasi. Imunyura iruhande, ijya mu byatsi by'iruhande rw'inzira, aragumya arazembagira agisobanura iby'isi nshya.



Ubwo madamu White yari akiri hasi atarashyamba mu igare, bwana White yashatse kugerageza iyo farashi, ngo arebe icyatumye igira uwo mutima. Ubwa mbere, ayikomaga ikiboko, ntiyarushya ishanya; noneho arayikubitagura cyane, ariko ntiyarushya yihinda, yewe, bigasa n'aho itumva n'ikiboko kiyikoraho.

Bwana Bates yaravuze ati: «Aha hantu harera, koko rero imbaraga yatanze iyerekwa, niyo yakagatiye n'iyi farashi.» Madamu White amanuka hejuru y'uruhavu, yongera kurira afashe ku kibero cyayo, akandagira ku igare, yinjiramo. Amaze kwicara, iyerekwa riba rirangiye. Bakomeza urugendo rwabo bagera aho bajya amahoro.

Bwana White na madamu banyura mu matorero yose bakomeza abizeye. Kenshi bateranyirizaga amateraniro mu nzu y'ibihunikwa, kuko batabaga bafite andi mazu manini ahagije gukwirwamo n'abantu. Haba ubwo amateraniro yamaraga iminsi, abaturatione bagacumbikira abayajemo baturutse kure, bakizanyira ibitanda n'ibyokurya.

Iteraniro rimwe ryarangira, ababwiriza bagaherako bajya mu rindi bwangu, kuko batari bafite umwanya wo gupfusha ubusa, kandi bafite abategereje kumva ubutumwa bwabo.

Iteraniro rimwe ryaratinze kuruta igihe barigeneye, maze bwana na madamu White bajyana na bwana Bates n'undi mukazi, birukankira gufata ubwato bwari bwabashye bwajyaga kubajyana mu iteraniro ryo ku Isabato. Bagera ku cyambu cy'uruzi, batinze.

Ubwato bwari bwagiye. Hari ubundi bwato buto bwari bugiye kwambukira hirya y'aho ho hato, babwambukiramo, bibwira yuko buri bubageze ku bundi bunini bubajyana.

Ubwato bugeze hafi, barahamagara, ariko umwerekaza ntiyahagarara. Abo bagenzi babura ukundi babigenza, maze bava muri ka kato basimbukira muri bwa bundi, uko bwarerembaga mu ruzi. Bwana White asimbukira mu bwato azana madamu White, aramukurikira. Bwana Bates yari afite amafaranga y'iby'urugendo mu kuboko ubwo yasimbukiraga mu bwato, ariko amato yari atandukanye ho hato, ntiyashoboraga gusimbuka intera yari iri hagati yayo. Agwa mu isayo ryo mu ruzi, ariko aherako yoga ajya kuri bwa bwato bunini, afite amafaranga mu kuboko kumwe, ukundi gufashe umufuka w'ibitabo. Ingofero iva mu mutwe, agiye kuyiramira ya mafaranga aratakara. Maze umwerekaza w'ubwato ateguka ko bagenza buhoro, maze bwana Bates ajya mu bwato. Yari amaze gutaha ariko wa mufuka w'ibitabo yari awukomeje ntiwagira icyo uba.

Ntabwo byari bigishobotse kurangiza icyo bari bagambiriye gukora, maze madamu White asaba umwerekaza kubomorerera ku mudugudu wari aho hafi. Baba ariho bomokera koko. Bwana na madamu White na bwana Bates bava mu bwato. Muri uwo mudugudu hari ingo z'Abadiventisiti maze abo bagenzi bajyayo.

Abo bantu beza babakira mu ngo zabo, bidatinze bwana Bates abona ihumure kuko imyambaro ye yumutse, yongera kuyambara.

Urwo rugendo batari baramutse rwazaniye abo muri urwo rugo umugisha mwinshi. Nyina w'abo bantu yari amaze imyaka myinshi arwaye, ariko abo bakozi baganira na we bamusabira Imana ngo imukize. Aherako arakira. Abandi

bo muri uwo mudugudu baraje bibonera umugisha baremwa agatima n’abo bapasitoro.

Bwana White yumvise yuko bakwiriye kugira vuba bakarangiza icyo bari bagamije. Ariko babonye yuko badashobora kugera mu mudugudu Isabato itaratangira, bigira inama yo kuruhukana n’Abadventisiti bari batuye hafi yaho.

Bageze ku irembo ry’urugo, Bates yaravuze ati: “Turasohoye.” Bwana White ati: “Nihagire ujya kuvunyisha, arebe ko bari buducumbikire. Nibataducumbikira, twigendere tujye kuruhukira Isabato muri Hoteli (inzu y’iriro)”.

Umugore nyiri urwo rugo yaramwitabye ati: “Ndi uwo mu bubahiriza Isabato.” Ati: “Nishimiye kukubona. Injira”.

Undi ati: “Ariko mu igare hari abandi batatu turi kumwe. Natekereje ko nituzana, turi bugukange.” Uwo mugore ati: « Ntabwo Umukiristo yankanga.» Maze uwo mubyeyi abakirana umutima ukunze. Akibonana na bwana Bates, aramubwira ati: “Aho si mwene Data Bates wanditse cya gitabo cy’iby’isabato? Akaba atugendereye! Yewe, ntiwari ukwiriye muri iyi nzu yanjye. Nyamara Uwiteka yakudutumyeho, kuko dushonje iby’ukuri.”

IGICE CYA 12

IYO IMANA IVUZE

Bwana Yohana Loughborough, umubwiriza w’Umudiventisiti, uruhuka umunsi wa mbere, kandi w’umunyamwete, yari ateranyije amateraniro, ariko uko yigaga Bibiliya, yarushagaho kumva atanyuzwe n’ubutumwa yabwirizaga.

Umunsi umwe yaje mu mudugudu Umudiventisti w’Umunsi wa Karindwi yabwirizagamo, yihitiramo kujya kumva uwo mubwirizabutumwa. Bwana Loughborough yitaye cyane ku byo yigishaga byerekeye iby’umunsi wa karindwi ari wo Sabato. Avuye mu iteraniro, ajya mu nzu ye, kwiga amasomo amusobanurira iby’i Sabato n’amategeko y’Imana.

Yaribwiye ati: “Umenya umunsi wa karindwi ari wo Sabato. Uwiteka ari kumwe n’ubu bwoko, kandi nanjye ndashaka kubana nabo. Ndashaka kunguka ibya Bibiliya.”

Abadiventisiti bateranyirizaga amateraniro mu rugo rw’Umukristo wabo umwe muri icyo gihe. Abantu bamwe bakiranye uwo mubwirizabutumwa umu-tima ukunze mu materaniro yabo. Isabato ya mbere bwana Loughborough yate-ranye nabo, bwana na madamu White bari bahari.

Mu kindi cyumba cy’iyo nzu hari haryamye umuntu urwaye ibihaha. Umuganga yari yavuze yuko azapfa, ngo ntacyo yakora cyo kumuvura.

Mu gihe cy’iteraniro uwo murwayi yari aryamye ababaye cyane, asiga-ye ahumeka akuka gakeya, maze mu iherezo ry’iteraniro abaratumaho ngo base bamusabire.

Kuko bwana Loughborough yari umupasitoro, yararikiwe kujyana na bwana na Madamu White gusabira uwo murwayi. Bapfukama iruhande rw’igi-tanda, barasaba cyane kugira ngo Imana ikize uwo murwayi. Abari bapfukamye basaba, bumvaga ko Imana yabagendereye muri iyo nzu. Basabye, umurwayi aba yicaye ku gitanda, yigorora kuko yari yahinamiranye kubw’iyo ndwara, aravuga ati: “Ndakize rwose! Nta kizatuma ejo ntakora!”

Abo bantu bakebutse madamu White, babona agipfukamye ku gitanda, areba hejuru. Wa mugisha wakijije uwo murwayi wari wamujeho, ubwo yari ari mu iyerekwa.

Umugabo we yaravuze ati: “Ari mu iyerekwa. Iyo aririmo ntahumeka.” Madamu White yari agipfukamye iruhande rw’igitanda, araramye, agira icyo areba hirya. Yarebaga neza nk’uko bisanzwe. Ubwo yakebukaga hirya no hino asa n’ureba ibintu bitari bimwe. Ubundi yacuragizaga amaboko ye neza, akayatunga

aho areba, cyangwa agakoma mu mashyi. Ubundi yavugaga uburyo butangaza asobanura icyiza areba. Apfukama kuri icyo gitanda isaha irenga, icyo gihe cyose akakimara adahumeka! Nta kuka kinjiraga mu bihaha bye cyangwa ngo gasohokemo.

Iyerekwa rirangiye abwira abari bari kumwe na we ibyo yabonye. Yari afitiye bwana Loughborough ubutumwa yagenewe, amubwira inkeke yagize mu mirimo ye, nuko yifuje gushaka ukuri kwa Bibiliya. Ndetse amusobanurira n’ibitekerezo ajya atekereza.

Bwana Loughborough niko kuvuga yoroheje ati: “Ni ukuri, hari imbaraga itari iy’umuntu buntu mu iyerekwa.”

Daniyeli yavuze y’uko igihe yerekwaga, nta mbaraga yasigaraga muri we. Yaravuze ati: “Sinasigarana intege, nta n’umwuka nasigaranye.” Maze umuntu araza amukoraho, aherako abona intege.

Ubwo marayika yajyaga avugana na madamu White mu iyerekwa, na we kenshi yaburaga intege, maze akongera kuzibona imbaraga y’Imana ije kuri we. Ikimenyetso kimwe kigaraga cy’imbaraga y’Imana ni uko yameraga nka Daniyeli, ntahumeke. Nta kuka kacaga mu kanwa ke ubwo yabaga ari mu iyerekwa. Nubwo yabaga avuga ibyo yabonye, yavugaga adahumeka. Ibyo rero ni ibidashoboka keretse bitewe nyine n’imbaraga itari iya kamere ye.

Uwiteka yavuganaga na madamu White mu buryo bwishyamba. Rimwe na rimwe yahabwaga iyerekwa mu maso y’abandi bantu, ubwo nyine ntahumeke, akagenerwa iye mbaraga. Cyane cyane iyerekwa nk’iryo ryaberaga kwemeza abashidikanyaga ko Imana itavugaga mu buryo nk’ubwo.

Kenshi Imana yavuganiraga na we mu nzuzi kuruta ibindi bihe. Mu ijoro intumwa malayika akamwerekaga ibintu by’ingenzi. Kenshi madamu White yaravugaga ati: “Mu gihe cya nijoro hari uwazaga akampagarara iruhande akavugaga.” Abizera bakamenya yuko uwo wavugaga ari intumwa y’Imana. Muri ubwo buryo bwombi nibwo Uwiteka na none yavugiragamo kera. Yabwiye Abayisiraheli ati: “Niba muri mwe hazabamo umuhanuzi, mu iyerekwa niho Uwiteka nzamwimenyeshereza, mu nzuzi niho zavuganira na we.” Kubara 12:6.

Rimwe na rimwe iyerekwa ryaberaga mu maso y’abandi byatangazaga abatazi uko Imana ivugaga maze iryo yerekwaga rigatuma bizera yuko ari imbaraga y’Imana yafashaga madamu White ikamwerekaga uko akorera abandi.

Rimwe bwana na madamu White bagendereye bwana Yohana Byington. Yari umwe wo mu bakozzi. Ubwo basengaga bari bari kumwe n’umukobwa umwe w’inkumi wari incuti yabo muri urwo rugo. Yari umukobwa mwiza, w’umunyabwenge, kandi wajyaga kuba umukozi w’ingirakamaro mu murimo w’Imana,

ayihaye umutima we. Ariko ntabwo yashakaga kubahiriza Isabato. Abo yari yagendereye bifuzaga ko yakwemera, ariko arinangira.

Mu gihe cyo gusenga madamu White ahabwa iyerekwa ry'iby'Isabato. Yeretswe n'iby'uwo mukobwa no gushidikanya kwe kwemera iby'Isabato.

Iyerekwa rirangiye, madamu White afata ukuboko k'uwo mukobwa atari yarigeze abona, amuhamagara mu izina ati: "Uzajya ukomeza Isabato?" Uwo mukobwa arashidikanya. Madamu White yongera kuvuga ati: "Mbese, ntiwakomeza Isabato?" Aramusubiza ati: "Nzayikomeza." Mu bugingo bwe bwose ntabwo yigeze yibagirwa ko Uwiteka yamuhamagaye mu izina mu kanwa k'umuhanuzi.

Iyo madamu White yabazwaga iby'iyerekwa rye, yaravugaga ati: "Iyo Uwiteka abonye ko bikwiriye gutanga iyerekwa, njanwa mu maso ha Yesu n'ah'abamarayika, nkaba ntandukanye n'iby'isi uruhenu. Singira ikindi mbona kitari marayika unyobora. Hakaba ubwo nereka ibintu biba ku isi. Haba ubwo njanwa kure nkerekwa ibizaba. Ubundi nkerekwa ibyabaye mu bihe byashize. Iyo mvuye mu iyerekwa, sinibuka ibyo nabonye byose, ndetse ntibingaragarira neza ntarandika. Ariko rero natangira kwandika, ibyo byose bikingaragarira neza, nk'uko byari bimeze mu iyerekwa, noneho nkandika niziguye.

"Rimwe na rimwe ibyo neretswe, iyo mvuye mu iyerekwa, ndabihishwa, simbe nagira icyo nibuka kugeza ubwo nzanwa imbere y'abantu abo iryo yerekwa ryagenewe; noneho bya bindi bikaza bugubugu. Mbikesha Umwuka w'Uwiteka kuvuga cyangwa kwandika iby'iyerekwa, nk'uko n'iyerekwa ari uwo ndikesha. Ntabwo binshobokera kwibuka ibyo neretswe keretse Uwiteka abinshyize imbere igihe ashakiye ko nabivuga cyangwa ko mbyandika".

IGICE CYA 13

YAMAMAZA UBUTUMWA

Bwana Stockbridge Howland yabwiye bwana White ati: “Mbese, ntizaza ngo ube mu ruhande rumwe rw’inzu yacu? Abantu bamwe hano bubahiriza Isabato bafite ibyo kuyitunganya bashaka kubitanga. Twakunda ko wowe na madamu White muza tukabana.”

Bwana na madamu White bemeye ubwo buntu bagiriwe. Bari bamaze kubona inshingano, noneho, kuko bari bamaze kubwira umuhungu witwaga Heneriko nubwo ibihe hafi ya byose bazerera, basura, bigisha abantu, kandi bafite ako gahungu kabo. Bagombaga rero kugira aho bita urugo rwabo. Kwa bwana Howland hari hari ihumure, nubwo hatari hari ikinyabupfura cyane!

Bwana White yari umugabo wihagije. Imana yari yamuhamagariye umurimo w’ubushumba kandi yari yamwoherereje ubutumwa bwo kumubwira iby’umurimo agomba gukora wo kwigisha abandi Bibiliya. Nubwo byari bimeze bityo, Bwana Howland yumvaga yuko akwiriye gutunga ab’inzu ye, ntagombe gutabaza abandi. Hariho abandi bari bafite amafaranga bajyaga kubafashisha, iyo bamenya ko bakennye, ariko bwana na madamu White baricecekeye ntibirirwa baganyira abandi.

Ni ruto ni ruto bwana na madamu White batumirirwaga kuza kubwiriza itsinda ry’abizeye basanzeye kumva ukuri kwa Bibiliya. Abo bakozi nyabo batabaraga uko bashoboye kose, ariko, bidatinze inzandiko ziraza zibasaba kujya mu bindi birere guteranya amataramu.

Nta mafaranga y’urugendo bari bafite muri icyo gihe. Madamu White yumvaga yuko bidashoboka kuzerera agahinje. Basubiza iryo tsinda ry’abantu ryari ryabatumiye ko batabone uko baza.

Muri icyo gihe, bwana White yari afite udufaranga duke cyane iwe. Muri icyo gihe cya kera, nta gihembo cyari kiragenwe cyo gutunga abakozi bacu. Umunsi umwe bamaze ibyokurya mu rugo, agenda nk’urugendo rwa kilometere 4 mu mvura ajya gufata amafaranga yari yakoreye ngo ayagure ibyokurya. Ariko uwo yari yakoreye yamuhaye udufaranga duke gusa, bituma rero bwana White atabasha kugura ibyokurya byinshi byo kujyana imuhira. Atahana uduhimbako duke, n’utugori n’umuceri n’agafu.

Abiteranyiriza mu ruhago, aruheka mu mugongo. Ataha, anyura mu mudugudu witwaga Brunswick, aho yari amaze imyaka mike ahateranyirije amataramu kandi yarahamenyekaneye ko ari umubwirizabutumwa. Umuntu yakwibwi-

ra ko ibyo byajyaga kumutera isoni, bikamubabaza ko bamubona mu muhanda yikoreye uwo mutwaro. Yagiye imuhira aririmba ati: “Ndi impabe, n’umusuhuke.”

Icyakora ubwa mbere ibyo ntibyanejeje umugore we. Ategereje uko umugabo we ahembwa udufaranga duke, kandi akazana utwaka duke yarumiwe.

Yaravuze ati: “Mbega, ni uko byabaye? Mbese Imana yaduhanye?”

Bwana White yaramusubije ati: “Ashwi, Uwiteka ntiyaduhanye. Aduha ibikwiye ibyo dukennye kuri ubu. Yesu ntiyarushagaho.” Maze bituma madamu White yicuza icyatumye akuka umutima. Yarikirije ati: “Ye imibabaro no kugeragezwa bitwegereza Yesu. Imana itugerageza kutugirira neza. Isambura icyari cyacu, ngo tubone uko tuza kwidamararira. Umurimo wacu ni ugukiza imitima.”

Hashize iminsi mike, wa mwana wabo Heneriko afatwa n’indwara, bidatinze arushaho kuremba. Nyina na se baraboroga cyane babonye akana kabo karabye gasigaye gahumekera hejuru. Bagerageza kukavura uko bashoboye kose, ariko karanga, kararemba maze bigeze aho batumira umuforomo, we noneho arabihuhura, avuga ko yibwira ko atazakira. Bari barageye cyane, ariko ntikorohere. Nyina yibuka ko yagize uwo mwana we impamvu yo gutuma atazerera no gukorera abandi ibyiza nk’uko bari barabihamagariwe.

Bongeye gupfukama barasenga kugira ngo umuhungu wabo akire, basezeranira Imana yuko nibakiriza umwana bazajya aho bashakwa hose, biringiye Imana. Barasenze cyane kugeza ubwo bumvise yuko umucyo uvuye mu ijuru, ubamurikira, uwo mwana umwana aherako arakira.

Bukeye baratumiwe ngo: “Mbese ntimwaza ngo duteranye amateraniro?” Nubwo batari bafite amafaranga yo kuriha mu rugendo, ndetse n’ay’ibyo kurya akaba atari ahagije, bwana White yarasubije ati: “Yee, tuzaza.” Yibwiraga ko azabona amafaranga yo kuriha mu gihembo yajyaga kubona. Yasaga inkwi, agahembwa amafaranga 800 ku mutwaro. Byabaga bimukomereye kuko yari arwaye rubagimpande, kandi nijoro ntabwo yagohekaga ku mpamvu zo kuribwa. We n’umugore we, bahoraga basaba ngo Imana imworohereze uburibwe, maze imuhe imbaraga zo gukora. Imana yamuhaye umugisha kuko yabashije kugumya gukora.

Bwana White yaravuze ati: “Mugore wanjye, dukwiriye kuzigama udufaranga ijana naho twabura ibyo kurya ntitudukoreho.” Ubwo bwana White yari amaze guhembwa asanga afite amafaranga nka 20000 aba ari yo baguramo ibyo kurya n’imyambaro bakenye.

Abonye umurimo wo gusarura ingano, nubwo atari yarawumenyereye, ukaba wari umuruhije, yawutangiyeye ako kanya.

Yari afite ubusembwa bwatumaga adakora umurimo wo kugenda cyane. Akiri umusore, yatemye igiti cy’umugogo, intorezo iramunyihuka, imwukubita ku igufa ry’ubugombambari. Imitsi ye iraremara, amara imyaka atabasha gukandagiza agatsinsino k’ ukuguru kw’iburyo.

Ubwo yajyaga gukora mu murima yahasanze abantu babi batubaha Imana. Ntibakundaga gukorana n’umubwirizabutumwa.

Umuntu umwe yaravuze ati: “Ntiyamenyereye uyu murimo ukomeye. Nimucyo, tumwirukane mu mirima.” icyakora, bwana White yari ataramenya uko bameze, ariko ubwo yari azi ko uwo murimo umukomereye. Atarajya mu mirima, yasabye Imana kumuha imbaraga yo gukora umurimo no kunguka amafaranga.

Ageze mu murima, ba bantu bategereje gutangirira umurimo hamwe. Umuntu wese ahabwa umuhoro munini babwirwa kugaragaza igiteme mu murima. Babwirwa gutema babangikanye. Abo bantu bashyira wa mupasitoro imbere. Aho rero bamushyize hari hakomeye, kuko yagombaga kugenda abugururira, nabo bakagenda bakurikira igiteme cye.

Bwana White yatemye igiteme kinini, yatemeshaga umuhoro we vuba uko ashoboye kose. Abandi bamukurikiye bagatema agateme k’akarondorondo, bakagumya kumwota hafi. Yumva ko bamusatiriye akagerageza kurushaho gutema cyane. Byatinda bakarushaho mu rundi ruhande, bamara kuruhuka ho hatu, bagasubira inyuma, bakajya gutangira ikindi, na none wa mupasitoro ari we ukiri mbere yabo. Ubwo bari bageze aho batangirira gutema, imihoro yabo bayifashije hasi.

Umuyobozi wabo yabwiye bwana White ati: “Mbese da, ugiye kwiya, natwe utwice? Ko twakugeragezaga. Twahoze twibwira yuko uri umupasitoro, ngo ntiwamenya gufata umuhoro, naho uradutanishiriza bigeze aha.”

Umwe muri bo w’inkubaganyi ati: “Kandi dore, nta n’akayoga waruhije usoma n’icyokere cyiriwe.” Wa mukuru wabo arongerera ati: “Ubwo wazaga gukorera muri uyu murima twagize umujinya. Ntiwashakaga umupasitoro muri twe, niko kunoganya inama yo kugushyira ahakomeye. Ntiwarushwa uyugayuga, ahubwo aba ari twe tugwa agacuho. Noneho tukugize umuyobozi n’umutegeka w’uyu murima.”

Bwana White abashimira iryo kuzo bamuhaye yitonze, ariko yumva yuko hari uwo akwiriye gukunda no kwiringira no gukorera, ari yo Mana yo mu ijuru.

Umurimo w'uwo munsu wazanye umugisha w'uburyo bwinshi. Wakuyeho urwango rw'abaturage bari bamugiriye kuko ari umupasitoro, kandi kwa gukora cyane ku munsu w'icyokere byatumye ya mitsi y'akagombambari ihinuka, agiye kubona abona abakandagije agatsinsino neza! Uhereye uwo munsu akajya akandagira neza ntube wamenya ko yigeze kuremara.

Hashize ibyumweru bike, bwana White na madamu batumirwa shishitabona ngo baze guteranya amateraniro atari amwe mu bizera.

Madamu White yabajije umugabo we ati: "Tugire dute? Nta mafaranga dufite yo kurihira urugendo rwacu." Nuko basengera hamwe ngo Imana ibagoborere amikoro.

Bamaze gusenga, bwana White yaravuze ati: "Nzi icyo nzakora. Nzigurira umuhoro nongere nje gutema muri wa murima. Nzabonyo amafaranga ahagije yo kutugeza mu materaniro." Noneho akorana n'abaturage b'Abadiventisiti; hashize ibyumweru bike, ahembwa amafaranga yagera 16000 yo kumujyana mu materaniro.

Ubundi bongera gutumirwa kujya mu iteraniro rusange ryajyaga guteranyirizwa mu mudugudu wari uri kure, nabwo nta mafaranga bari bafite. Bwana White asubiye mu biro bye, asangamo urwandiko rurimo amafaranga 17000. Yirukankira imuhira, baherako barapfukama barasenga, bayashimira Imana, maze bahaguruka ubwo.

Bombi bazereraga, bava ahantu hamwe, bajya ahandi, ndetse no mu gihe cy'imbeho. Rimwe na rimwe bagombaga kujyana agahungu kabo, ariko kenshi bagasigaga imuhira. Umukobwa mukuru wa Howland ni we wakareraga karinda gukura.

Umuhungu wabo wa kabiri, Edisoni, yavutse mu mwaka 1849; yamaze ibyumweru bike gusa, nyina amujyana mu rugendo rwo kujya gusura amatsinda y'abubahiriza Isabato.

Madamu White cyane cyane yajyaga ayoborwa kujya gusura amatsinda mato mato y'abubahiriza Isabato babaga bagitangira kuyoboka Imana. Kenshi yabwirirwaga mu iyerekwa kujya gusura ahakenye cyane. Habagaho ubwo abwirira umugabo we nk'iby'itorero rito, akavuga ati: «Naraye mpamirijwe iby'i bunaka. Nzi ko abantu baho bakwiriye gutabarwa, dukwiriye kubagenderera.» Bageraga mu nzu bateraniramo maze abantu bamwe bo mu itorero bakaza kubaramutsa, bakababwirira bati: «Mwaje mu gihe gikwiriye.»

Umuhungu wabo wa kabiri, ni we Edisoni, amaze amezi make avutse, nyina yamusigiye incuti ze, maze zimurera neza. Nubwo abana barerwaga neza,



Pastoro White na Madame White n' abahungu babo babiri, Williyamu na Edisoni.

ntibyaburaga gukomerera abo babyeyi gusiga abahungu babo inyuma. Habagaho ubwo bamara ibyumweru batabonana.

Madamu White yandikiye incuti ye ati: « Mperutse kwigirira amahirwe yo kumarana n'umuhungu wanjye w'imfura ibyumweru bibiri. Ni umuhungu w'umunyamico myiza, ntabwo yamvaga iruhande; byari bikomeye gutandukana na we. Murumuna we ari kure yanjye.»

Abantu benshi bajyaga bagendererwa no kwa bwana White, ntibame-nyaga neza uko bikomereye uwo mubyeyi gutandukana n'abana be. Rimwe bwana White n'umugore we bari bavuye mu rugendo bananiwe, bavumbika mu rugo rw'umuntu umwe wo mu bizera. Mu gitondo madamu White yumvise ko atakibashije kwihanganira kubaho atari kumwe n'abana be. Yumvaga cyane cyane akumbuye umuto, wari umaze amezi icyenda gusa. Asaba Imana abogoza amarira ngo irinde uduhungu twe, kandi imuhe kwemera kwibabaza kubw'umurimo wayo.

Amanutse mu nzu yo hejuru, umugore wari ubacumbikiye yaramusuhuje. Yaramubwiye ati: « Umenya ari byiza cyane kwigendera mu gihugu udafite impeka zo kukurushya. Nakunda kwimerera ntyo pe! ».

Madamu White wari utandukanijwe n'abana akunda, aribaza ati: « Mbese, niko umuntu wese atekereza? Oya, ntawabura kumva iby'ubwiyange n'ubwihare bwo kuzerera ahantu hose, uteranya amateraniro y'abantu bafite imitima ikonje, bari iyo bigwa, ukabwiriza ushinjirije, umutima watorotse wasanze abana iyo bari imuhira.»

Bukeye batangira kujya ahandi. Mu igare ry'umwotsi madamu White yari afite intege nke, atakibasha kwicara hasi maze umugabo amusasira intebe. Ayirambararaho aribwa umutwe n'umutima. Kuba intavumera kw'abizeye kwari kwamunanije rwose.

Muri iryo joro yaribwiye ati: « Harya ntacyo bimaze! Ubonye uyu muruho wose, woye kuba waragize icyo umara! » Aherako arasinzira niko kurota malayika amuhagaze iruhande.

Yaramubajije ati: « Kuki se ufite agahinda! » Aramusubiza ati: «Ni uko akamaro kanjye ari gake. Kuki tutabana n'abana bacu ngo twishimane?»

Marayika amubwira neza ati: « Wahaye Uwiteka indabyo nziza ebyiri, zifite impumuro y'imibavu myiza imbere yayo, kandi n'iy'igicro cyinshi kuruta izahabu cyangwa ifeza, kuko ari impano ivuye mu mutima. Kuko ikora ku nkingi zose z'umutima kuruta ukundi kwibabaza kose.

Yakomeje kuvuga ati: «Nzira izamurikirwa imbere yawe. Gutsinda inarijye kose, ubwihare bwose, byandikwa mu ijuru, kandi ntibizabura ingororano. »

IGICE CYA 14

MARAYIKA ATI: “ANDIKA”

Igihe marayika yabwiraga Elina Harumoni ubwa mbere ati: “Umenyeshe abandi ibyo naguhishuriye,” yahereye ubwo asura amatsinda y’abizeye ababwira ubutumwa bwe. Bitanze marayika aramubwira ati: “Andika ibyo wahishuriwe.” Aramusubiza ati: “Nyagasani, simbasha kwandika.”

Yari akibabazwa na bwa bukomere yakomerekejwe akiri umwana umaze imyaka icyenda, ntiyabashaga gufatisha ukuboko kwe neza akomeje.

Marayika yongera kumutegeka ati: “Andika ibyo nguha.” Afatisha ikaramu ye ukuboko kwe kw’iburyo gusumira atangira kwandika buhoro buhoro. Nubwo ukuboko kwe kwasusumiraga akaba yari amaze amezi menshi atabasha kwandika amagambo menshi, yumviye ijwi rya marayika, abasha kwandika akomeje, kandi ibigaragara.


Madamu White yari azi yuko imbaraga yo kwandika iva ku Mana, kandi ntiyihatiraga kugira ngo yihimbaze. Yandikiye abayobozi inzandiko nyinshi batari bazi zo kubafasha mu mirimo yabo.

Ibyerakanwe nabyo yagombaga kubisangira n’amatorero, byandikishwaga umukono kenshi bikohererezwa abapasitoro n’abakozi batari bamwe b’abizerwa babashaga kubishyikiriza abandi. Ariko uwo murimo wo kwandika wabaye invune ikomeye, kuko hatabonekaga igihe gihagije cyo gusubiza inzandiko zose zikwiriye gusubizwa, cyangwa cyo koherereza amatorero yose mato ubutumwa bwo kuyafasha.

Uwo mutwaro waruse madamu White n’umugabo we, ntibabasha kuwikorera. Barasabye kugira ngo bacirwe icyanzu cyo gutuma bagera ku bantu benshi mu gihe kigufi, kandi kitabamazemo imbaraga.

Bateranyije iteraniro ry’abizera bakeya ngo bafatanye kujya inama yo kumenyesha abandi Badiventisiti b’Umunsi wa Karindwi yuko Yesu yenda kugaruka. Muri iryo teraniro madamu White yahaherewe iyerekwa ryo kwamaza ubwo butumwa.

Nyuma y’iryo yerekwa yabwiye umugabo we ati: “Ngufitiye ubutumwa. Ukwiriye gutangira gucapa urupapuro ruto, ukajya urwoherereza abantu. Ruzabe ruto ubwa mbere; abantu nibarusoma, bazakoherereza amikoro, ruzagira umumaro mu itangira ryarwo. Uhereye kuri urwo ruzaba itangiriro neretswe ko ruza-ba nk’imigezi y’umucyo ihetura isi.”



Madame White abwira Umugabo we ati: “Ukwiriye gutangira gucap’urupapuro ruto.”

Ubwo bwari ubutumwa burema umutima! Izo mpapuro bari bagiye kwandika zajyaga kugeza ubutumwa bw'ingenzi ku bantu benshi. Na madamu White yajyaga kujya yandika ubutumwa bwe muri izo mpapuro. Erega, byari biboroheye cyane kohereza impapuro mu matorero atari amwe kuruta kwandikisha ukuboko urwandiko rumwe rumwe! Reba nawe nk'abizeye bose babaga batataniye hirya no hino mu gihugu cyose babashaga kubona urupapuro bakironkera ubutumwa.

Iyo nama yari agatangaza! Ariko nta numwe washatse guhara amafaranga ye kubw'uwo murimo mushya w'icapiro. Bavuye mu iteraniro bwana na madamu White basuye abubahiriza Isabato n'abahinzi batari bamwe, bari bafite amafaranga, ariko ntihagira uyarekurira uwo murimo.

Hanyuma bwana White yaravuze ati: "Nkwiriye gukorera amafaranga ubwanjye, ngacapa urwo rupapuro. Mu mwaka ushize nahembewe gutema. Mbona ibyo kurihirira urugendo rwo kujya gusura amatorero no kujya mu iteraniro akomeye. Ni ukuri Imana ntizabura kumpa umugisha n'intege kubw'uyu murimo. Nzigurira umuhoro ntangire gukora."

We na madamu White baganiye n'incuti zabo muri icyo gihe, bamukundira gutema ubwatsi mu mirima yabo. Akirenga urw'irembo ajya mu mudugudu, barahamagaye ngo, "Pasitoro White we, garuka vuba; umugore wawe ararabye."

Agikubita umugore we amaso, asanga ari inoge. Akoranya abari bateraniye mu nzu bwangu, basaba Imana ngo imwunamure. Atangira gutururukwa mu kanya gato, maze ahabwa iyerekwa. Muri iryo yerekwa yerekerwamo yuko atari inama y'Imana ko umugabo we ajya gutema mu mirima.


Madamu White yaramubwiye ati: "Igufitiye undi murimo wo gukora. Ugomba kwandika, kwandika, kwandika, ukayoborwa no kwizera. Nukora ibyo Imana ishaka, ugacapa urwo rupapuro, abandi bazohereza ibikwiriye gutuma rucapwa."

Madamu White yabwiye umugabo we ubutumwa Imana yamutumyeho, yongera guhaguruka ajya mu mudugudu, noneho atajyanwe no kugura umuhoro; ahubwo ajyanwe no gutunganya ibyo gucapa urupapuro.

Nuko asanga umucapyi mu mudugudu amusobanurira ibyo ashaka gukora byose.

Yaramubajije ati: "Nducupira urwo rupapuro, uzagomba kuba utegereje amafaranga, mbese urabyemera?"

Uwo mucapyi yari umunyabuntu, ari umugiraneza koko. Yumvaga ko akwiriye kwiringira umuntu wihatira kwandika urupapuro rw'iby'idini, kandi



Basaba Imana ngo ihe urupapuro rushya

rero bwana White yasaga n’umwizerwa. Niko gusubiza ati: “Ye, nzagucapira urwo rupapuro. Urashaka zingahe?”

Undi ati: “Ndashaka igihumbi cyazo kandi umuzingo umwe uje ubamo impapuro umunani”

Bamaze kunoganya inama, bwana White arataha, ajya gutunganya iby’urwo rupapuro. Noneho yari akwiriye kwizera Uwitoka no kwiringira ko azamutungira ab’inzu ye, ubwo yari agiye kumarira igihe cye mu iyandika. Incuti ye yamutije inzu itari yuzura neza. Umugore umwe waherukaga guhabwa umurage w’ibintu byo kurimbisha inzu, yarabimutije, bagira bwangu, bayitahamo. Bwana White aherako yandika iby’urwo rupapuro.

Amaze kwandika amagambo make yo kujya kuri urwo rupapuro, yarujyanye mu mudugudu agendesha amaguru, aruha wa mucapya. Hashize iminsi, impapuro za mbere ziba zimaze gucapwa, ajya kuzizana imuhira, we n’umugore bazikosora bitonze. Bamaze kuzikosora, bazisubizayo.

Nyamuneka umunezero bagize babonye urwo rupapuro rwa mbere rwitwa “*Ukuri Kuriho Ubu*”¹ rumaze gucapwa rukaza imuhira! Ab’urwo rugo bateraniye hamwe kureba urwo rupapuro rushya. Imizingo igihumbi irambikwa hasi, bayipfukama iruhande, barasaba basenga amasengesho yo gushimira Imana yuko iby’ ukuri bicapwe, kandi basabira umugisha izo mpapuro zari zigiyeye gukwira hose, zamamaza ubutumwa bw’Imana.

Za mpapuro baherako barazizinga, barazihambira, bandikaho abantu bibwira ko bazishimira ubutumwa bwanditswemo maze bwana White azijyana ku biro by’Iposita.

Bidatinze hagaruka inzandiko zo gushimira urwo rupapuro n’amafaranga yo kuriha abacapya. icyabiruse cyose cyabaye inzandiko zivuga iby’abantu bize kubahiriza umunsi w’Isabato ku mpamvu z’ubutumwa basomye muri urwo rupapuro.

Bongeye kwandika izindi mu mezi atatu yakurikiyeho barazohereza. Nubwo urwo rupapuro rutari runini, kandi n’icyapa cyarwo kikaba kitarasomekaga neza, ntibyabujije abantu gushishikarira ubutumwa bwari bururimo. Hanyuma hakajya haza izindi nzandiko zaka izindi mpapuro, bakazohereza babyishimiye.

Ubwa mbere amafaranga yishyurwaga buhoro buhoro, ibyo bikomerera bwana White. Akomeza gukora, asura abantu, yandika, ibyo byose bikamurushya.

Yandikiye incuti ye ati: “Ngiye kureka uyu murimo wo gucapa. Uragoye keretse iyo haba abantu benshi babikunze, bakabisabira.” Hashize iminsi mike, ubwo basabiraga umwana wabo wari urwaye, madamu White yerekerwa mu iye-rekwa y’uko bwana White adakwiriye gucogora.

Yaravuze ati: “Nabonye yuko urwo rupapuro rukenewe. Abantu bafite inzara y’iby’ukuri bazajya bandikwamo. Imana ntishaka ko urorera. Ugomba kwandika, kwandika, kwandika ukihutisha ubutumwa. Nabonye yuko ruzagera aho abagaragu b’Imana batabasha kujya.”

Ubwo butumwa byunganiye bwana White. Mu kwezi k’Ugushyingo mu 1850, batangiyeye kwandika urundi rupapuro runini rukura rwa rundi. Urwo rundi rwitwaga “*Urwibitso rwo Kugaruka kwa Yesu n’Integuza y’Isabato*.”¹ Nubwo rwo rwarutaga “*Ukuri Kuriho Ubu*” ubunini, rwatangirwaga ubuntu. Banditsemu ngo: “Rutangiwe ubuntu, keretse uwaba ashaka gufasha umurimo wo kurucapa.”

Abizeye benshi ahantu hose bishimira kurubona, kandi abenshi bohereza amafaranga yo gufasha gucapa. Ariko bwana White yakoze cyane ategura ibizandikwa muri urwo rupapuro. Ntiyabashaga gusinzira neza, bidatinze agira intege nke. Kandi kuko yageragezaga kurondereza udufaranga, ntiyaryaga ibikwiriye kumutera imbaraga ikwiye. No kugera mu icapiro byari umuruho maze yongera kumva acogoye.



Umunsi umwe yaravuze ati: “Mugore wanjye, ntacyo bimaze kugumya guhiringuturana. Ibi ni ibyo gutuma nonda, kandi bidatinze bizanyica.

1. *The second Advent Review and Sabbath Herald*

Sinashobora gukomeza ntyo. Nanditse akandiko muri urwo rupapuro ko kuvuga ko ntazongera kurucapa ukundi.”

Mu gitondo ubwo bari bagipfukamyeye mu gihe cyo gusenga kw’ab’inzu, madamu White yahawe iyerekwa ryerekeye ibyo.

Ellen G. White avuye mu iyerekwa yabwiye umugabo we ati: “Neretswe yuko udakwiriye kureka urwo rupapuro. Iyo ntambwe ni Satani ugerageza kugucumacuma ngo uyitambuke. Ukwiriye kugumya kurucapa, kandi Uwitaka azagufasha.”

Ubwo butumwa bwaremeye Bwana White umutima wo kugumya gucapa ako kanyamakuru, ariko abona yuko atabasha gukomeza umurimo keretse abonye ikimufasha.

Hanyuma yaho bidatinze bongeye kwimuka. Bwana White yiguriye imashini nini yo gucapa, n’into kugira ngo bajye babyikorera. Abona abandi bakozi bemera gufatanyana na we uwo murimo w’icapiro, kugeza ubwo bagwira baraturana.

Umurimo w’abo bakozi warashimwaga cyane, kuko nubwo urwo rupapuro rutagurwaga, hoherezwaga amafaranga akwiriye gutunga uwo murimo. Abantu bane bari bafite imirima migari cyane iguze nk’amafaranga 1.200.000, barayigurishije, batanga igice cy’ikiguzi cyayo kubwo umurimo w’icapiro. Abo bahinzi bagombye kwatisha indi cyangwa se bakajya ku wundi murimo.

Bwana na Madamu White bifuzaga urupapuro rw’abasore n’abana bagimbutse. Muri Kanama 1852 ibyiringiro byabo byarasohoye rwose, ari bwo bacapye urupapuro rwitwa, “*Umwigisha w’Abasore*”¹ bakarwoherereza abasore.

Nyabuna ukuntu barusomye bakarubumbatira we! Habaga harimo amagambo menshi madamu White yandikiraga abahungu n’abakobwa mu magambo babasha kumva.

“*Umwigisha w’Abasore*”, rwandikwaga mu kwezi kose, rukoherezwa abarukunze bese. Uwarubonaga wese yabazwaga gutanga nk’amafaranga munani mu mwaka.

Urwo rupapuro rw’abasore rumaze imyaka isaga mirongo cyenda rucapwe. None ubu rwoherezwa ku bantu ibihumbi byinshi, kandi mu cyumweru cyose rugeza ubutumwa mu bihugu bitari bimwe.

1. *Youth’s Instructor*

IGICE CYA 15

MARAYIKA AFATANURA IGARE RY'UMWOTSI

Bwana White yabwiye umugore we ati: “Ndumva iby’urugendo bintonda, icyakora dufite umurimo tugenewe, dukwiriye kugenda.”

Bari bamaze kunoganya inama yo kujya mu igare ry’umwotsi muri uwo mugoroba. Kuri ayo manywa yose, ntabwo bwana White yari ashyikije umutima hamwe, kandi yari yakomeje kuvuga ko yumva amerewe nabi. Yaravuze ati: “Iyo aba atari umurimo ngenewe, simba ngiye muri iri joro.”


Bumaze kugoroba, abari mu nzu bose bafatanyirije hamwe gusenga kugira ngo bwana na madamu White babe amahoro. Bahagurutse aho bari bapfukamyeye, maze bwana White aravuga ati: “Niteguye kugenda. Uwiteka azaturinda adukomeze.”

Bajya aho igare ry’umwotsi ryari rihagaraye, saa mbiri batekera ibintu byabo bicara mu igare rya mbere. Bwana White atangira gutunganya imitwaro yabo neza, agira ngo baze kumererwa neza, ariko madamu White agumya gukebaguza, aburabura ati: “Simbasha kuguma muri iri gare, ngomba gusohoka hano.”



Babatura ibintu byabo basubira mu igare ryo hirya. Madamu White yitoranyiriza intebe iri hagati y’izindi, muri iryo gare yicara hasi akikiye imitwaro ye. Aravugaga ati: “Ndumva ntamerewe neza muri iri gare ry’umwotsi.”

Bose bicara badakoma, bategereje ko hari ikiba, ntibari bazi icyo ari cyo. Inzogera iravuga, igare ry'umwotsi rihaguruka ubwo mu mwijima. Rigenze nka km 5, ritangira kwizunguza, ryikoza hirya no hino. Baherako baki-ngura amadirishya bareba hanze. Babona igare ry'imbere ryibirinduye, hose hari imiborogo n'iminiho. Imashini ikurura yari yavuye ku byuma ari byo nzira yayo



Ariko igare bari barimo ryari riri mu nzira hagati yayo n'iryo ryate-mbye hari intera ya metero 30. Igare rimwe ryari ryabaye ishingwe, ariko igare ryari ritwaye imitwara, harimo n'isandugu nini yari irimo ibitabo n'impapuro bya bwana White, ryangiritse hato gusa, maze ya sandugu ntiyagira icyo iba.


Rya gare bwana White yashatsemo ibyicaro ubwa mbere ryarakonyaguritse, abantu barimo barakomereka, ribajugunya hirya no hino y'inzira.

Hajyaga kuza irindi gari ry'umwotsi mu kanya gato, kandi abantu bose bari bahagaritse umutima cyane. Batoragura ibice by'igare ryakonyaguritse, babicanisha umuriro wo kuburira iryo gare ry'umwotsi ryari rigiye kuza, abandi bantu bakongeye imuri z'imyase baja gusanganira iryo gare ry'umwotsi.

Bwana White aterura umugore we mu maboko, aramuvogerana, bambuka umugezi muto n'igishanga bagera mu muhanda munini. Bagenda urugendo ruto muri uwo muhanda bagera ku ngo. Madamu White ategerereza aho, ubwo umugabo we yari ajyanye n'intumwa yari ivuye kuri rya gare ryakonyaguritse, yari atumwe kujya mu mudugudu uri bugufi gushakayo umuganga. Bwana White

abona amafarashi abiri, noneho aza kujyana umugore we, bombi baja mu rugo rw'Umudeventisiti wari uri bugufi bwaho.

Bukeye bose basubira kureba rya gare ryakonyaguritse. Basanga yuko inkone yari iryamyeye mu nzira y'igare ry'umwotsi, maze imashini ikurura iyitiku-yeho, igare ry'umwotsi rirateshuka. Igare bwana na Madamu White bari barimo ryari rihagaze inyuma ukwaryo. Ryari ryatandukanye n'igare ry'umwotsi, umu-sumari hamwe n'akanyururu byari iruhande aho bakandagira. Uteranya amagare ntiyari ahari, uko byangenze byabaye akayobera rwose.



Bwana na Madamu White bitegereje uko iryo gare ryakonyaguritse, riki-birindura kandi bakareba ya yandi abiri yihagarariye atagize icyo aba, baravugaga bati: “Burya Imana yumva gusenga. Marayika wayo ni we wafatanuye ririya gare, kandi irinda ubugingo bw’abagaragu bayo.”

Hashize umwanya muto, bwana na madamu White baja mu rindi gare ry'umwotsi, bajyanamo na ya sanduku y'ibitabo, bakomeza urugendo rwabo. Basohoye aho bashakaga kujya, bazererezwaga n'umurimo w'Imana, kandi marayika yarabayoboraga akabarinda. Uko gusura kwabo kwafashije abantu bari bakunze ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu.

Mu myaka ibiri yari ishize bwana Bates yari yabwirije mu mudugudu

witwa Battle Creek, ahabatiza umuntu umwe. Uwo muntu yari yazanye abandi bo gufatanya na we, ubwo yari ari kumwe n'abandi bafatanyije. Bwana na madamu White bagendereye itsinda ry'abo bantu. Umurimo w'aho hantu warakuze, abakomeza Isabato bagumya kuhiyongera. Bahatiye bwana na madamu White kwimukira muri uwo mudugudu ngo babe ariho biturira. Abayobozi bamaze guteranya iteraniro, banoganya inama yo kwimurira inzu y'icapiro n'imashini bari bamaze kugura vuba aho i Battle Creek. Amasambu ntiyahendaga, abakoraga mu icapiro babashaga gutura bitaruye ntibagombe kurundana nka mbere.

Ubwo nibwo bwa mbere kwa bwana White biyubakiye urwabo rugo. Noneho babashije kubana n'abahungu babo batatu bibonera umwanya wo kuruhuka no kwiga. Abashyitsi bakirwaga neza muri urwo rugo.

Kenshi bateranyaga amateraniro, kandi abantu bavaga kure bakahasibira. Ubundi habaga ubwo bazanaga ibitanda byabo bakahamara iminsi ibiri cyangwa itatu. Abakristo bakiraga abo bashyitsi bakabacumbikira. Urugo rwa bwana White rwahoraga rwuguruye, abashyitsi bakarwakirwamo uko bashaka.

IGICE CYA 16

UMWANA WAZIMIYE

Mu itumba ryakurikiyeho imashini y'icapiro imaze kwimukira i Battle Creek, bahagiriye iteraniriro rusange. Byari byatangajwe mu *Rwibutso n'Integuza* bose bari bararikiwe kurizamo, kandi ngo Abakristo b'Itorero rya Battle Creek bazacumbikira abantu bose bazarizamo uko babashije.

Abubahiriza Isabato bose bo mu mudugudu barahibikanaga cyane bateguye amazu n'uburiri, ndetse bateguye amacumbi no mu nzu nini y'ibihunikwa. Kwa bwana White bateguye uko bashoboye kose.

Wiliyamu, umuhungu w'umuherezezi wa bwana White, yari ataramara imyaka ibiri, yakiniraga mu rugo, yikinaguraga nk'uko abandi bana bose babigenza iyo bakitse imirimo. Hariho umuntu witeguraga gukubura mu nzu, kandi mu gikoni hagati hari hashyizwe umuheha urimo amazi. Umukobwa wakoraga mu nzu akarera n'umwana yirukankiye mu gikoni, agiye kumva yumva utaka nk'umize nkeri, akebuka inyuma. Abona akaguru gahagaze mu mazi, ariruka, akura wa mwana mu mazi, amwirukankana amushyira nyina. Yaratatse ati: "Ararohamyeye! Ararohamyeye!"

Madamu White yirukankanye urwo ruhinja, arujyana ku irembo aruramisha mu byatsi. Aravugaga ati: "Nimutume kuri bwana White maze atumire muganga."

Wa mukobwa yirutse agana imbere y'inzu, iby'amahirwe ahabona umuportisi wigendera; aramuhamagara ati: "Iruka utabaze muganga." Bimwanga mu nda, aramukurikira, agumya kugenda amukomanga mu mugongo, uko atambutse, asakuza ati: "Ihute, ihute, ihute!" Koko, uwo mugabo ariruka cyane, wa mukobwa agaruka kureba uko yahugenze madamu White.

Ellen G. White yaciye imyenda ya Wiliyamu itose, amuryamisha mu byatsi, agumya kubimugaraguramo. Abaturanyi be bamubwira yuko ari ntacyo bimaze, ngo yapfuye nta kindi. Ariko yakomeje kumugaragura asengera mu mutima. Hanyuma amufata mu minwa, aramusoma, arerembura ibigohe by'amaso kandi asuganya utunwa twe ngo nawe amusome. Amuterurana ibinezaneza,

amuryamisha ku gatanda amufubika imyenda ishyushye. Atangira kongera guhumeka neza, muganga atararushya aza.

Muri iryo joro madamu White yaryamye afashe ako gahungu mu maboko. Yishimiye yuko Imana yakijije ubugingo bwe, ikamubagarurira. Ahimbaza Uwiteka abikuye ku mutima. Mu ijoro ry’umwezi bumva amajwi abatunguye y’inzogera n’imiborogo ngo: “Yazimiye! Yazimiye! Umwana yazimiye!”

Agundira ka gahungu ke cyane kuko yatekerezaga uko yari agiye kukabura amanzaganya wa muni, n’aho yajyaga gusigara yikunga, iyaba batamugaruriwe. Iryo jambo, “yazimiye”, ryamugezemo kuruta mbere hose.

Ellen White yaranditse ati: “Ntabwo nzibagirwa ibyabaye muri iryo joro. Ni umuntu muto gusa wari ubuze, ariko byabaye n’ah’umudugudu wose wa Battle Creek wakanganirye kujya gushaka uwo mwana wari wazimiye. Imuri zamurikaga hose zarabagiraniraga mu mayira, ku nkombe z’uruzi, mu myegege y’amashyamba, amajwi ahogerana, ngo, “Umwana yazimiye! Umwana yazimiye!” Bamaze igihe kirekire bashaka, baje gusakuza ngo, “Umwana arabonetse!”

“Ye, umwana yarabonetse.” Ariko yajyaga kuyoba muri ubu bugingo, amaherezo akazazimira. Yakomeje yandika agira ati: “Nari nzi ko ka gahungu kanjye kunamuwe nikaramuka kabayeho, katazabura kurwana intambara y’ibibi byo muri ubu bugingo. Kandi icyo natekerezaga ni iki: Mbese aka kana mfite, kakaba ari inkoramutima yanjye, amaherezo kazazimira, cyangwa se kazakirizwa guhimbariza Imana mu bwami bwayo iteka ryose?”

Muri iryo joro sinaruhije ngoheka. Natekerezaga intama zazimiye zatumye Yesu ava mu ijuru akaza muri iyi si y’igomero kuzishaka no kuzikiza. Natekereje ibya Kristo ubwo yarebaga ari mu ijuru, akitegereza iyi si yazimiye y’abanyabyaha yazimiye itagira ibyiringiro, n’impuhwe zamuharishije umwanya we w’icyubahiro ku ntebe ya se y’ubwami, agatanga igitambo gitunganye gikwiriye gusayura umuntu mu isayo y’ibyaaha, akamugarura mu rugo rw’Imana.

IGICE CYA 17

INZIRA IFUNGANYE

Ubwo yari atuye i Battle Creek, mu 1868 madamu Ellen G. White yarose inzizi zimukangaranywa. Kuko izo nzozi zajyaga kurema umutima abiringira Imana, yazitoreye abizeye.

Aravugaga ati: “Narose ndi kumwe n’inteko nini y’abantu. Umugabane w’iryo koraniri utangira kwitegura urugendo. Twari dufite amagare arunzweho imitwaro. Uko twagendaga, inzira igasa n’aho imanuka. Ku ruhande rumwe rw’inzi hari imanga nini; ku rundi ruhande rwayo hari umukingiro muremure worohereye wera de.

Dukomeje urugendo, inzira igumya kuba infungane kandi icuramye. Bigeze aho yafunganye cyane, tunoganya inama yuko tutongera kugendera ku magare akururwa. Maze tuyahambura ku mafarashi, ibintu bimwe tubikura ku magare, tubishyira ku mafarashi, tugenda duhetswe nayo.

“Uko twicumye, inzira ikarushaho kuba infungane. Tugenda rwose mu mpatanwa twigengesereye ngo tudatamba mu manga. Uko tugenda twigengesereye dutyo, iyo mitwaro iri ku mafarashi ikagenda yikuba ku mukingiro, bigatuma dusukumira kuri ya manga. Dutinya ko turi bugwe, tukavunagurikira ku bitare. Nuko duhambura ya mitwaro yari iri ku mafarashi, itemba muri ya manga. Dukomeza kugenda ku mafarashi, ubwoba bwatumaze, noneho tugeze aharushijeho kuba mu mpatanwa h’iyo nzira, twenda gutamba ngo tugwe. Uwo mwanya bisa n’aho hari ukuboko gufashe umushweko, kuratuyobora, kutunyuzza mu gihitasi.

Inzira irushijeho gufungana, tumasha ko tutagishoboye kugendera ku mafarashi, tuyavaho tugenze amaguru, dukurikiranye ku murongo, umuntu agakandagira aho undi ashinguye ikirenge. Ako kanya imirunga imanurirwa ku mukingiro wera de, tuyisingirana ingoga, ngo idukomerere mu nzira tudateshuka. Ntutwasigana n’iyo mirunga, tuyanjirana nayo. Bigeze aho inzira irushaho gufungana tubona ko ibyatworohereza ari ugukwetura inkweto; turazikwetura, tugenda intera tutazambaye. Bidatinze duhitamo yuko ibyatumerera neza ari uko twakwiyambura amasogisi; nayo turayiyambura, tugendera aho.

“Maze dutekereza iby’abantu batamenyereye imiruhu n’amakuba tuti: “Mbese ubu bari hehe?” Ntibari bari muri iryo tsinda. Iyo hagiraga ikiba, bamwe basigaraga inyuma, abasigaye ni abari baramenyereye kwihanganira amakuba. Akaga baboneraga mu nzira karushagaho gutuma bashishikarira kujya mbere kugeza imperuka.

“Akaga ko kwenda gutemba karushaho kugwira. Tugumya kugenda twegamiye wa mukingo wera, ariko tukabura aho dukandagiza ibirenge neza mu nzira, kuko hari mu mpatanwa. Noneho imbaraga zacu zose zisigara zifashwe na ya mirunga, turarangurura, tuti: “Twakomejwe no hejuru! Twakomejwe no hejuru!” Abari muri iyo nzira ifunganye bose bikiranyaga ayo magambo.

“Twumvise umuriri w’urwamo n’ikobe byasaga n’ibiva mu kuzimu, turadagadwa. Twumva indahiro zitagira agaciro, n’amashyengo n’indirimbo zisebanya. Twumva indirimbo y’intambara n’imidiho.

Twumva inanga zicurangwa, n’abiyamirira, ibyo bivanze n’ibitutsi n’imiborogo, n’imibabaro y’imiborogo, bituma biturushishaho kuromboreza mu nzira ifunganye, iruhije. Kenshi twagombaga kugundira ya mirunga, yakomeje gutubuka uko twajyaga imbere.

“Mbona wa mukingo mwiza wera de wahindanyijwe n’amaraso. Byatumaga umuntu ababazwa no kureba uko wahindanye. Mara umwanya mbitekereza, mpera ko nibwira ko ari ko bikwiriye kuba. Ngo abazakurikiraho bazamenye ko hari abababanjirije kunyura muri iyo nzira ifunganye, iruhije, kandi bazamenye yuko ubwo hariho abandi bamenenganye, bagahita, ngo nabo babashe kubikora. Ngo ubwo amaraso azacura imivu ku maguru yabo ababara, boye kuzacika intege; ahubwo ngo nibatumbira ku mukingo, bazamenye ko hariho abandi bihanganiye imibabaro nk’iyo.

“Bishyize kera, tugera ku rwobo runini, ari rwo maharezo y’inzira yacu. Ntihagiraga aho wakandagira, ntaho wapfa no gushinga ibirenge. Dusigara dutenze amakiriro kuri ya mirunga, yakomeje gutubuka, ikageza ubwo isigara ingana n’imibiri yacu. Ubwo tuba turoshywe mu byago no mu mibabaro. Twibazanyije ubwoba twiyongorerera tuti: “Mbese iyi mirunga ifashwe n’iki?” Umugabo wanjye yari ari imbere yanjye. Ibitonyanga binini by’ibyuya byagwaga biva mu maso he, imitsi ye yo ku ijosi n’iyo mu gahanga yari yatubutse iba nk’incuro ebyiri z’uko yari isanzwe, irorera gutera, mu kanwa ke hava umuruho w’umubabaro. Ibyuya bitonyanga biva mu maso hanjye, ngira agahinda kuruta mbere hose.

Inkeke iteye ubwoba yari iri imbere yacu. Naribajije nti: “Harya tugiye kunanirirwa hano ye, ya makuba yose yo mu rugendo rwacu yatubereyeho ubusa?”

“Imbere yacu, ku rundi ruhande rw’urwobo, hari hari umurima mwiza wamezemo ubwatsi butoshye burebure. Sinabashije kureba izuba, keretse imirasire yoroheje y’umucyo, n’agatsiko k’izahabu n’ifeza byari muri uwo murima. Ntacyo nigeze mbona muri iyi si nagereranyirizaho ubwiza bw’uwo murima.

Twaribajije tuti: “Mbese, tuzabasha kuwugeramo? Umugozi wacika, twapfa nabi.” Twongera kwibaza bucece tuti: “Mbese umugozi ufashwe n’iki?”

“Twabanje gushidikanya akanya gato, hamyuma turagerageza. Maze dutera hejuru tuti: “Amakiriro yacu tuyateze ku murunga. Ni wo twisunze muri ya nzira yose iruhije. Nturi butunanirwe ubu! Twongera gushidikanya no kugira agahinda. Tuvuga aya magambo ngo, “Imana, ifashe umugozi. Ntidukwiriye gutinya.” Abari bari inyuma yacu basubira muri ayo magambo bati: “Ntiribuduhane. Dore iyo yadukuye hose amahoro.”

“Umugabo wanjye anaganira hejuru ya rya shyano ry’urwobo, agwa hirya mu murima mwiza. Nanjye ndamukurikira muri ako kanya. Nyamuneka ukuntu twatururutswe ngo dushime Imana! Numvise impundu zo kunesha no guhimbaza Imana. Ndanezerwa, nako umunezero wimazeyo.

“Nkangutse, nsanga ibyampagarikishaga umutima ubwo nanyuraga muri iyo nzira iruhije, byatumye imitsi yose yo mu mubiri wanjye isusumira.

Ibi ntibigomba gusobanurwa. Byangaragariye neza bituma akantu kose kazajya kagaragara imbere yanjye mu gihe cyose nzajya nkibuka.”

IGICE CYA 18

AKORERA ABASORE

Madamu White yabwiye umugabo we ati: «Nashyizweho inshingano ku byerekeye ku by’abasore, ndabifuriza guhitamo Kristo ho Umukiza wa bo. Reka tuzite ku byabo muri aya materaniro tugiye kugira.»

Hari hagenwe amateraniro mu matorero amwe no mu matsinda y’abu-bahiriza Isabato. Madamu White yari yarembejwe n’ibicurane, kandi cyari igihe k’imbeho, bituma bamwe batekereza ko adakwiriye kugenda.

Yabwiye izo ncuti ze ati: “Sinatinyuka kuvuga uko meze. Umurimo twa-genewe gukora uraho, kandi byaba bishoboka, dukwiriye kugenda.”

Umunsi wa mbere bagenze urugendo rwa kilometero 80 bahetswe n’igare rikururwa n’amafarashi, kandi bahawe umugisha barakomera ubwo bari bari mu rugendo rwabo. Bukeye, batangiye guteranya amateraniro, cyane cyane ay’abana n’abasore. Madamu White yababwirije aya magambo ngo: “Nkore nte ngo nkire?”

Abashakaga kuba Abakristo bose bifuzaga gusabirwa n’ubwoko bw’Imana babwirwaga kuza ku ntebe z’imbere.

Ibyo byari bikomereye abo bana b’abahungu n’abakobwa. Madamu White yari azi ko bibakomereye guhaguruka bakaza ku ntebe z’imbere rubanda rubahanze amaso.

Ubwo bajyaga inama y’iteraniro, madamu White yabwiye umugabo we ati: “Nibatambuka intambwe ya mbere, bizaba bibateye intege zo gutambuka n’ikurikiyeho, kuko iyo bakoze batyo, baba bahamirije abahari bose yuko bahise-mo kureka ibyaha n’imirimo ya Satani bakaba abayoboke ba Kristo.”

Abasore bakurikiranye baza imbere kugeza ubwo hafi y’abanyeshuri b’Ishuri ryo ku Isabato bose baciye akenge ko kumenya icyaha icyo ari cyo, buzuye ku ntebe z’imbere.

Madamu White yaravuze ati: “Turumva tudashidikanya ko Yesu atabura kuvuga ati: “Muhungu, mukobwa, ibyaha byawe urabibabariwe.”

Iteraniro rirangiye, abo bahungu n’abakobwa ntibibagiwe ko basezeraniye Yesu kumuyoboka. Bashakaga kumenya badashidikanya ko ibyaha byabo byicujijwe, bikababarirwa. Ababishoboye bose bagiye mu rugo rw’umwe wo mu bizera bateranya iteraniro ryabo bwite, barasabirana kandi buri muntu akanisabira. Hanyuma bwana White abigisha iby’umubatizo. Umuntu wese agahaguruka abogoza amarira, agahamya ko ashaka kuba Umukristo no kubatizwa. Madamu

White yategeye uko guhamya amatwi anezerewe. Yumvaga yuko urugendo rure-rure bari bagenze rwo kujya guterana n'abo bantu rwabaye ingirakamaro. Yanditse mu gitabo cye cy'amakuru ati: "Nizera yuko abamarayika b'Imana bajyanye uko guhamya guhiniye hafi, bakagusohoza mu ijuru, kukandikwa mu bitabo by'Imana by'urwibutso."

Hashize iminsi mike bitegura umubatizo, abakobwa cumi bahagaraye biteguye kujya mu mazi kubatizwa. Umwe muri abo bakobwa yatinyaga amazi mu kubaho kwe kose, ndetse akaba atarushya anayegera. Ubwo rero, ahagarara ateye umugezi umugongo ngo atawurebamo cyangwa akareba aho bagenzi be babatizwa.

Bose bamaze kubatizwa ari we usigaye wenyine, yari agiye kwitahira bitewe no gutinya ayo mazi. Madamu White yumva yuko ari Satani wamugenje atyo ngo abone uko amuvutsa kwiyegurira Kristo, kandi ngo uwo mukobwa nagenda atabatijwe, ngo nta bundi azagira intege zo gukurikiza icyitegererezo cy'Umukiza We. Aguyaguya uwo mukobwa ngo aze ku nkombe, ariko nabwo yari agishidikanya.

Bwana na madamu White bagiye iruhande rwe, bamwerekera ku mugezi, basabira mu mutima ngo Imana imukuremo ubwoba bwo gutinya amazi. Hanyuma wa mukobwa akandagira ku nkombe y'umugezi ashira ibirenge bye mu mazi. Bwana White aravuga ati: "Mu izina ry'Uwiteka, tambuka." Uwo mukobwa arigengesera ajya mu mazi arabatizwa. Arongerera avamo, yigengesereye, yishimira ko yatsinze ubwoba.

Bukeye mu gitondo uwo mukobwa yirukankiye ku nzu bwana na madamu White bari bacumbitsemo.

Mu maso he hari hakeshejwe n'umunezero. Yaravuze ati: "Nejewe nuko mutapfuye kundekera aho, kuko nari mfite ubwoba. Nejewe n'uko nabiko-reye Yesu." Bwana na madamu White barishimye, kuko bamumaze ubwoba, akumvira itegeko ry'Uwiteka.

Amateraniro arakomeza, bukeye abasore batanu barabatizwa. Madamu White yaranditse ati: "Byari bihimbaje, kurera abo basore bahagaze urugeregere, bose bangana kandi ari urugero rumwe, batura kwizera kwabo muri Kristo, kandi bahiga umuhigo wera wo kureka ibyaha n'iby'isi, ngo uherye ubwo banyure mu nzira ifunganye ijya mu ijuru."

Bwana na madamu White bahagurutse aho bajya ahandi, kandi mu itorero ryose bateranyagamo amateraniro cyane cyane ay’abasore, abenshi barihanaga bakabatizwa. Iyo basubiraga imuhira, bumvaga urwo rugendo batazagira ubwo barwibagirwa rwose.

Nyuma y’ibyo, hari ubwo bwana na madamu White bagiye gusura itorero rito, Hariyo abana n’abasore, ariko nta n’umwe muri bo wari warahindutse by’ukuri. Umusore umwe w’imbaraga ntiyari yahaye Yesu umutima we kuko yari yabonye Abakristo benshi bamubanjirije bafite amafuti. Yari azi ko se, wari umu-yobozi w’abaririmbyi, afite icyaha yibwiraga ko ari nta we ukizi.

Mu iteraniro rya mu gitondo, madamu White yavuganye n’abantu bamwe yari yarabonye mu iyerekwa, kandi yari abafitiye ubutumwa bwo kubahugura.

Akivuga, igitekerezo kiza mu bwenge bwa wa musore, kimutunguye, ati: “Icyampa akavugana na data, akamubwira icyaha cye. Nzi neza ko ari ntawamubwiye!”

Madamu White asubiza icyo kibazo kidatungutse, ahindukirira se, ati: “Mwene Data, neretswe ibyawwe. Itabi ryakugize ikiretwa cyaryo.” Maze amutekerereza uko arinywa n’uko arihisha, akibwira ko ari ntawe ubizi. Amusobanurira uko ameze, n’imigenzereze ye, ndetse kuruta uko yabisobanura ubwe!

Abo Bakristo babumazemo iminsi bahindukirira Imana. Bicuza ibyaha byabo ku Mana, kandi babyicuzanyaho ubwabo. Noneho madamu White aravugaga ati: “Dukwiriye cyane cyane gutabara abasore. Bakwiriye gutabarwa natwe.”

IGICE CYA 19

UMUSHYITSI AZA MU MUDUGUDU

Igare ry'umwotsi ry'iburasirazuba ryari rigeze bugufi bw'i Battle Cheek, mu kwezi kwa Kamena 1869. Umugenzi umwe mu babanjije kurivamo yari umusore w'umugenda. Yahagaze iruhande rwaryo, areba hirya no hino, adakoma. Hanyuma, abagenzi bose bamaze kwigendera, asanga umutware w'icyo kigo amwerekaga ibahasha yanditsweho ngo: "J. N. ANDREWS, Battle Creek, Michigan."

Uwo mutware w'ikigo yaramubajije ati: "Urajya he?" Wa mushyitsi aramwenyura amwerekaga ibahasha. Umutware rero, yumvise yuko uwo musore atabasha kuvuga icyongereza, abwira incuti ye kumujyana ku biro by' "Urwibuso n'Integuza." Bwana White ahubirana n'uwo musore, amuramutse mu buryo bwiza bwakumvikana mu rurimi urwo ari rwo rwose. Amujyana iwe, aherako atumira umuntu uvuga Igifaransa kuza kumusobanurira.



Umusobanuzi ati: "Yaje inzira yose ituruka i Switzerland mu Burayi, ayoborwa n'iyi bahasha gusa! Kandi abazaniye indamutso z'itsinda ry'abantu mirongo itanu bubahiriza Isabato mu gihugu cya Switzerland. Yazanywe no kwiga ibindi by'ubutumwa bw'Isabato."

Abadiventisiti b’i Battle Creek banejewe cyane no kumenya yuko ubutumwa bw’Imana bwamamazwa mu mpande za kure. Uwo mushyitsi, ari we bwana Erzenberger, baramwakiriye rwose. Yacumbitse kwa bwana na madamu White, bishimiye kumwigisha Ijambo ry’Imana.

Ubwa mbere, bwana Erzenberger yagombye kwiga icyongereza, ngo abone uko aganira na bene urugo. Bwana Yohana Kellogg, wari umukozi wo mu biro by’*“Urwibutso n’Integuza”* yatumiriwe kuza kwa White kuhaba ngo ajye yigisha uwaturutse hakurya y’inyanja icyongereza. Ab’iyo nzu bose bateraga uwo mushyitsi umwete wo kwiga ururimi rushya.

Uburyo yigishijwe byagize umumaro, kuko mu iherezo ry’ibyumweru bitanu gusa bwana Erzenberger yagiye mu iteraniro ry’Abadiventisiti, akabwiriza neza mu Cyongereza, bose bakabasha kubyumva!

Mu kundi kwezi yabwirije mu iteraniro yingingira abantu gutabara abantu bo mu gihugu yaturutsemo, bituma benshi barira. Muri iryo teraniro batanga amaturo y’amafaranga 241500 – ayo niyo maturo ya mbere na mbere yatanze n’Abadiventisiti yo gushyigikira Misiyoni zo mu bindi bihugu.

Bwana Erzenberger yamaze kuri Amerika umwaka n’igice, maze abona gusubira iwabo kwamamaza muri bene wabo iby’ukuri yigiyeyo. Ataragenda yarabinginze cyane ngo bohereze umwigisha mu gihugu cyabo kwigisha abantu baho. Nta mafaranga bari bafite yo koherezayo umwigisha ngo ajyane na we; ariko bamusezeranya gusa yuko bazashyira bakamwohereza.

Kohereza intumwa mu gihugu cya kure ntibyari gucira aho! Amaherezo Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi bajyaga kugira umwigisha mu bindi bihugu. Mu mwaka wa 1874, hari hashize nk’imyaka ine n’igice bwana Erzenberger asubiye i Burayi, bwana J. N. Andrews yambutse inyanja ya Atalantika ajya gutangira misiyoni i Burayi.

Hashize igihe gito, umurimo utangiye, bwana Andrews yandikiye incuti ze za kera, bwana na madamu White, ababwira uko bakeneye amafaranga yo gukoresha umurimo ugomba gukorwa. Bari bashishikariye gufasha, ariko bari bafite udufaranga duke two gutanga. Abari bafite amafaranga ntibashakaga kuyohereza, ngo yambuke inyanja bajye gufasha abantu batazi.

Bidatinze nyuma y'aho, madamu White yahawe ikanzu nziza cyane y'ihariri. Abonye iyo kanzu y'igikundiro, kandi atekereje igiciro yajyaga kuyigura, bituma atekereza ibya bwana Andrews i Burayi.

Niko kwibwira ati: “Simbasha kwambara iyi kanzu ihenda, kandi umurimo w'Imana ukennye bigeze aho. Nzakoresha iyi kanzu naherewe ubuntu, uburyo buzatuma uwayimpaye abona ingororano n'ubutunzi mu ijuru.”

Yagiye mu iduka abaza umucuruzi kuyigurisha uko ashoboye kose, ngo ayo mafaranga azamamaze ubutumwa bw'Imana mu kindi gihugu. Bidatinze, uwo mucuruzi ayigurisha amafaranga igihumbi na magana atanu, ashoka ayoherereza Madamu White!

Ayo mafaranga baheraho bayohereza mu misiyoni y'i Burayi. Abandi bumvise ibyo madamu White yakoze, basanzoranya amafaranga menshi. Barushaho gutanga menshi kugeza ubwo bwana Andrews yanditse yuko amafaranga yari akenewe yaje mu gihe gikwiye. Nyabuna uburyo uwo mubwirizabutumwa w'intwari yashimye Imana bitagira uko bisa!

IGICE CYA 20

IMICYO MITO Y'IMANA

Kwa bwana White habaye ukwiherera kw'agahebuzo. Abakozi benshi bari batumiriwe guteranira i Battle Creek mu materaniro y'ingenzi. Igihe cy'ayo materaniro yagenwe kigeze, abapasitoro n'abayobozi b'itorero bose barahateranira, kandi icyo gihe madamu White yari arwaye.

Hariho indwara y'icyorezo yari yateye mu gihugu hose, hari mu kwezi k'Ukuboza 1874, kandi ab'inzu ya White bose bari baryamye ari inoge. Madamu White yari yakomeje kubavura, baroroherwa, ubwo byari bimaze kumuzonga, na we afatwa n'indwara iramurembya.

Bwana White yumva yuko rwose atarekera aho ngo abo bakozi bose bacikanwe be kumva ubutumwa Imana yabaheraga mu ntumwa yayo, ari yo madamu White. Niko kumasha atumira abakuru b'itorero ngo bamusabire akire.

Yemwe uburyo habaye akayubi! Uwo murwayi baramwambitse, bamukura mu nzu bamushyira ku ibaraza. Yari yicaye mu ngobyi, yifubitse uburingiti bususurutse.

Bwana White amaze gusenga, madamu White avugana amakaraza, atangira gusenga. Uwo mwanya ijwi rye ritangira kurongoroka, rirazibuka maze ararangurura ngo: "Icyubahiro kibe icy'Imana!" Risaba inzu yose.

Abandi barebye, babona ari mu iyerekwa. Amaboko ye yari abusaniye mu gituzo, atumbiriye hejuru. Iminwa ye yari ibumbye, kandi ntiyahumekaga.

Ubwo yarebaga hejuru, mu maso he hahindutse ukundi. Ajugunya uburingiti hirya ye, azembagira mu nzu, azunguza amaboko ye. Araniha ati: "Umwijima! Umwijima! Hose hari umwijima w'icuraburindi!" Aceceka akanyamaze mu maso he haramurika. Atera hejuru ati: "Agacyo! Umucyo! Uriyongereye! Umucyo mwinshi!"

Hashize akanya gato, madamu White asubira aho yari yicaye. Arahumeka cyane, yihanukiriye, mu kandi kanya arongera, haciye akandi

arongera. Noneho yongera guhumeka nk'uko asanzwe. Araranganya amaso mu bari bari kumwe na we mu nzu. Bwana White aratangira, apfukama hafi y'ingobyi ye, kuko yari azi yuko iyo amaze kwerekwa, asanga ibintu byose bimutonda. Niko kumubwira ati: "Wahoze mu iyerekwa."

Arangurura ijwi cyane, nk'ubwira uri mu yindi nzu, ati: "Yee." Umugabo we aramubaza ati: "Weretswe ibintu byinshi?" Ati, "Yee." Aramubaza ati: "None se, ntiwabitubwira ubu?" Undi ati: "Oya, si ubu."

Abari bateraniye kumusabira barasezererwa bamusiga aho, na we asubira mu nzu ye.

Bwana White ajya ku biro by'aho "*Urwibutso n'Integuzi*" rwakorera, agumayo kugeza izuba rirenze; maze ataha yirukanka mu rubura rwagwaga cyane. Ajya mu nzu madamu White yaruhukiragamo.

Aramubwira ati: « Hari bube iteraniro ry'ingenzi mu rusengeri nimugoroba. Wakunda kujyayo?»

Undi aramusubiza ati: « Rwose pe. » Amaze kwitegura kujya mu iteraniro, ajyana n'umugabo, baca mu rubura bajya mu nzu y'iteraniro. Ahageze, yigisha itsinda ry'abantu. Banejewe no kubonana na we aho, kuko bari bamaze guheba ko batakimwumviye aho.

Madamu White yari yakijijwe rwose no gusenga. Amakaraza ye yari yashize, ijwi rye ryari ryakomeye rirongoroye.

Mu iteraniro ryakurikiyeho nimugoroba w'undi muni, yabwiye abantu iby'umurimo ukomeye Abadiventsiti b'Umunsi wa Karindwi bagomba gukora. Yababwiye byo iyerekwa yahawe cya gihe yakiraga, avuga ibyo umurimo ugomba gukorwa mu birere bya kure. Ababwira ko yabonye mu zindi mpande z'isi amatsinda yiga Bibiliya, ashakashaka amasezerano yo kugaruka kwa Kristo. Yari yabonye amatsinda mato y'abantu yatangiye kubahiriza Isabato itazi ko hariho abandi bayubahiriza mu isi. Yabwiye abakozi yuko Abadiventsiti b'Umunsi wa Karindwi bazohereza abapasitoro ahantu hari bene abo, kandi ngo n'umurimo w'icapiro ukwiriye kujya mbere.

Yaravuze ati: “Mu iyerekwa nabonye za misiyoni nyinshi zo gucapa zikoreshwa mu bihugu byinshi, zicapa udutabo n’ibitabo byanditswemo iby’ukuri byerekeye ibyo kwera kw’Isabato, n’iby’uko Yesu yenda kugaruka.

Bwana White yaramubajije ati: “Se, ntiwatubwira amazina y’ibyo bihugu?” Madamu White arinira akanya, ati: “Ashwi, sinzi amazina yabyo. icyakora amashusho y’ahantu n’ay’amacapiro birangaragarira rwose, naramuka nyabonye, naherako nyamenya. Ariko ntabwo numvise amazina.” Arongera ati: “Yewe, ngaho nibutse rimwe, marayika yavuze “Australiya.”

Uko niko rya yerekwa rya wa muni wabanjirije uwo rya sobanuwe. Ubwa mbere isi yari umwijima, yijimye rwose kuri we, ariko abona utumuri dutangiye kumurika, tubanza kunyenyereza, tugeze aho turushaho kumurika, kugeza ubwo isi yose imurikirwa natwo. Amatsinda mato mato yubahirizaga Isabato, abapasitoro bagakora, amacapiro y’Ijambo ry’Imana – agakora; iyo ni yo ya micyo.

IGICE CYA 21

HAKURYA Y'INYANJA

Inama y'abakozi yabereye mu gihugu cy'Ubusuwisi mu mwaka wa 1884 yatumye ubu butumwa ngo: “Turifuza kubona madamu White, ngo asure Misiyoni z'i Burayi. Tubasabye yuko mumukundira we n'umuhungu we bakaza i Burayi mubitegure vuba uko mushoboye.”

Ubwo hari hashize imyaka cumi, bwana Andrews agiye i Burayi guhangayo misiyoni. Hari abandi bari batumweyo gufatanyaga na we, kandi ubwo iby'ukuri byari bimaze gusakara mu bihugu byinshi. Abari baratumweyo n'abakozi b'iyi Nteko [Conferanse] bari bazi ko madamu White azabasura akabafasha, aramutse aje kubasura akareba ibibarushya.

Muri icyo gihe Inteko Nkuru Rusange yahisemo yuko madamu White n'umuhungu we Wiliyamu White, bakwiriye kujya gusura Uburayi bakajya gukomeza no guhugura abakozi baho.

Ubwo madamu White yabazwaga kujya i Burayi yayobewe uko abigenda, Ubwo hari hashize imyaka itatu, bwana James White (umugabo we) aguye i Battle Creek. Yari afite ibintu by'ingenzi agomba kwandika kandi yumvaga yuko adafite intege zo kugenda urugendo rururire nk'urwo. Yibutse yuko shebuja yavuze ati: “Ubuntu bwanjye buraguhagije.”

Yaribwiye ati: “Koko ubuntu bwe burampagije, reka ntange imbaraga zanjye. Nzagenda ntabare uwo murimo ukomeye uko nshobora kose.”

Muri Kanama mu mwaka wakurikiye uwo, madamu White hamwe n'umwanditsi we, ariwe muhungu we, bwana Wiliyamu White, n'umugore we n'umukobwa we umaze imyaka itatu, bagiyeye i Burayi aya Switserland. Umukuru wa misiyoni z'i Burayi, yarabasanganiye abajyana muri za misiyoni nkuru. Yari afite ubwuzi bwo kuberaka inzu nshya y'iteraniro n'icapiro ryari rimaze kubakwa vuba aho. Batangiye kuzamuka ku rwego rujya mu icapiro yarababwiye ati: “Nimurebe iyi nzu y'iteraniro mutarajya mu nzu yo hejuru.” Madamu White yarinjijye yitegereza iyo nzu nini, ni ko kuvuga ati: “Ni inzu nziza y'iteraniro. Ndumva bisa nkaho nigeze kubona iyi nzu mbere.”

Avuye aho ajya mu rundi ruhande rwayo, ari ho mu icapiro ubwo baracapaga, bicika. Madamu White ajya kureba imashini icapa.

Yaravuze ati: “Iyi mashini icapa nayibonye mbere. Iyi nzu imeze nkaho nsanzwe nyizi.” Bidatinze abasore babiri bacapaga baza imbere, babatangariza abo

bashyitsi bari bavuye muri Amerika. Madamu White arabaramutsa, arabaza ati: “Undi mugabo ari he?” Umukuru w’izo misiyoni abaza yumiwe, ati: “Undi wuhe?” Madamu White ati: “Hari undi muntu usheshe akanguhe hano, kandi mufitiye ubutumwa.” Umukuru amusobanurira yuko umugabo umwe mu bakoraga ahongaho hari aho yazindukiye mu mudugudu.

Ubwo hari hashize nk’imyaka isaga icumi, mu iyerekwa Madamu White yaherewe i Battle Creek, ari cyo gihe yakijijwe cya cyorezo cy’indwara, yabonye amacapiro ahangwa mu bihugu byinshi. Ubwo noneho, yarebeshaga amaso ye ibyo yerekewe kera na marayika mu buhanuzi.

Akigera mu nzu y’icapiro, yasanze ari yo yeretswe. Ndetse yibutse n’abantu yabonye bahakora, asanga babuzemo umwe. icyo gihe madamu White n’abo bari bari kumwe basuye Ubwongereza, Noruveji, Ubufaransa n’Ubutaliyani, bateranya amateraniro uko bashoboye kose.

Muri icyo gihe i Burayi hariho amazu make gusa y’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi. Bagombaga gutira amazu y’amateraniro. Inzu imwe, imwe muri izo madamu White yayibwiririjemo abizeye babikunze. Rimwe na rimwe abo bantu bagombaga kugenda urugendo rurerure mu misozi baje kumva aho abwiriza. Yumvise anezerewe mu mutima rwose ubwo yabonaga uko bicaye ku ntebe z’imbaho zikomeye, zitagira aho begama, kandi amatwi bayabangiye kumva ijamba ryose avuga.

Ayo materaniro yagiriye abantu umumaro, kandi madamu White yari afite ubwuzu bwo kubafasha uko ashoboye. Ndetse n’ubwo yabaga arangije, nijoro, yasigaraga yibaza uko yatuma uko gusura kwe kubera umugisha abo bantu bari bibereye aho batazi Imana.

Madamu White n’abafasha be bamaze imyaka ibiri bazerera i Burayi, maze akajya abwira abakozi, ati: “Nimukuze amajyambere. Uko tujya mbere twugurure icyanzu iduciriye, Imana izagumya ikingure inzira imbere yacu. Uko tunesha ibyago bikomeye, ni nako intsinzi yacu izaba ikomeye.

Muri iyo myaka yose y’uko gusura kwe, abantu b’i Burayi bakomejwe n’amagambo y’inama ze. Ibitabo bye byasobanuwe mu ndimi nyinshi, bigurishwa mu bihugu byinshi cyane. Abakozi ba kera cyane bajya batekerereza abato uko yabagendereye bati: “Twumvise abwiriza, twabonye uko yicisha bugufi akagira ukubaho kubaha Imana.”

Nuko abato bagasubiza bati: “Ni koko, dufite ibitabo bye bihujye na Bibiliya, kandi biduhugurira gukunda Yesu. Ni ukuri Imana yadutumyeho ubutumwa bwayo ibuhaye umuja wayo.”

IGICE CYA 22

AKOMEZWA N'IMBARAGA YAYO

Umwe mu bayobozi yandikiye madamu White ati: “Mbese ntiwaza mu materaniro y’iburasirazuba? Turashaka ko ubwiriza abantu kandi ukanadufasha kujya inama z’ibintu bimwe by’ingenzi. Ubwo yari ari iwe i Battle Creek, ahugiyemo mu iyandika ry’ibintu bimwe by’agatangaza Imana yari yamweretse. Ariko ahitamo kuba aretse uwo murimo ibyumweru bike ajya mu materaniro. Yari azi ko bizafasha cyane abantu benshi bajyaga kuza muri iryo teraniro kumva ubutumwa Imana yari yamuhaye.

Amaze guteranya amateraniro amwe mu zindi mpande z’iburasirazuba yagiye mu wundi mudugudu. Afatirwa n’ibicurane mu nzira bimugeza kure kubi, ariko ku Isabato ku manywa abwiriza imbaga y’abantu, no ku wa mbere mu gitondo yongera kubwiriza abantu bo mu mudugudu bari bateraniye mu nzu nini y’iteraniro. Hari hari imbaga nini y’abantu buzuye ku ntebe zose no mu mpande, bakikiza n’uruhimbi. Abigisha ibyo kwirinda n’ibibi bizanwa no kunywa inzoga. Yingingira ababyeyi gutoza abana babo imico yo kutagira inarijye, kugira ngo babone uko bakura babe abagabo n’abagore babasha kurwanya ibishuko.

Ayo materaniro arangiye, aba aguye agacuho, bituma umwanditsi we amwingingira gutaha ati: “Ukwiriye gusubira i Battke Creek, ukaruhuka. Urarwaye ntukwiriye kongera gukora.”

Abakozi baramuhendahenze bati: “Nyabuna, sigaho, kureka bya byiringiro by’uko Uwitwaga azaguhaye intege zo gufasha mu materaniro. Turagukennye ngo ugumane natwe.” Uwo mubyeyi wari wirembeye, biramuyobera. Nta ntege yari agifite zo kugira ahandi ajya. Bukeye ku manywa yongera kubwira iteraniro nubwo amatwi n’umutwe byari byamurembeje, bimubabaza cyane. Iteraniro rirangiye yaravuze ati: “Nkwiriye gutaha iwanjye i Battle Creek aka kanya. Ndarwaye.” Aherako ajya ku icumbi kuruhuka.

Azamuka ku rwego buhoro, buhoro, ageze mu nzu ye, arapfukama ngo asenge. Atararushya avuye ijamba na rimwe, yumva inzu itanyemo umubavu. Yunamutse kureba aho uwo mubavu uturutse abona inzu isabwemo n’umucyo worohereye. Ako kanya uburibwe n’umuruho biramuguruka. Ibyiringiro n’ihumure n’amahoro byuzura umutima we.

Aherako ahugira rwose ibyari bimukikije, ahubwo yerekwaga ibintu byinshi byerekeye umurimo w’Imana mu mpande zitari zimwe z’isi. Yerekwaga ibyo agom-

ba gukora ngo atunganye umurimo. Mbega uburyo byamunejeje guhamirizwa n’Imana ko imurinda ikamuragira!

Muri iryo joro aryamye ku buriri, umutima we wuzuye umunezero umubuza kugohoka. Kenshi yasubiragamo ya magambo ya Yakobo ubwo yabonaga abamarayika bazamuka no kumanuka ku rwego rugeze mu ijuru ati: “Ni ukuri, Uwiteka ari aha hantu, nanjye nari ntabizi. Aha hantu nta kindi ni inzu y’Imana, aha niho rembo ry’ijuru.”

Bukeye mu gitondo umuhungu we n’umupasitoro umwe baza kureba icyo madamu White yamashe. Abatekerereza uko byaraye bigenze n’uko Uwiteka yamukijije akamuha umugisha. Avugana ibyishimo ati: “Namashe rwose gukomeza uru rugendo.”

Nyuma y’icyo gihe yamaze amezi abiri ava mu iteraniro ajya mu rindi, abwiriza mu ntara zimwe, aguma kugira amagara mazima. Akirangiza uwo muri mu aheraho asubira i Battle Creek, aguma hamwe yongerera kwandika.

Yari afite ubwira bwo kwandika byinshi uko ashoboye kose, kuko yumvaga ko kwandika ibyo yeretswe na marayika ari umugabane w’impano Imana yari yamuhaye.

Bidatinze hanyuma y’iyerekwa rya mbere mu mwaka wa 1844, marayika w’Ubuhanuzi yari yategetse Elina Harumoni kwandika maze rero mu myaka yose yakurikiyeho yakomeje kwandika. Ndetse n’igihe yabaga azerera abwiriza, akanya kose yabonaga yarandikaga. Kenshi yabyukaga saa cyenda cyangwa saa kumi, butaracya, akandika inzandiko zo gukomeza abizeye, cyangwa zo gutesha, izo marayika yabaga yamutegetse.

Rimwe yatekerezaga ku buryo Imana imutumaho ubwo butumwa. Aravuga ati: “Najyaga mbyuka nkangukanye ibyo nabaga neretswe bikindi mu bwenge, nkandika, mu gicuku inzandiko zijya mu zindi mpande z’iki gihugu, zikahagera ari mu gihe cy’akaga, maze zigakura umurimo w’Imana iwandabaga.”

Hashize imyaka mike Marayika w’ubuhanuzi amaze kuvugana na madamu White ubwa mbere, yerekwa igitekerezo cy’iremwa ry’isi, uhereye ku iremwa ukageza ku kuvuka kwa Yesu. Hashize imyaka cumi, yongerera kubyerekwa. Ndetse ategukwa kubandikira abandi nabo ngo bajye babisoma. Muri iryo yerekwa nyine niho yeretswe ko Satani n’abamarayika bazagerageza kubuza umurimo. Ariko yeretswe kandi n’uko abamarayika b’Imana batazamuhanana ngo akwiriyeye kwizigira Imana.

Bukeye bw'uwo muni w'iryo yerekwa, we n'umugabo we bagiye inama yo kwandika no gucapa igitekerezo mu gitabo cyitwa « *Intambara ikomeye hagati ya Kristo n'abamarayika be na Satani n'abamarayika be* ».

Ubutware bw'umwijima ntibwatumye icyo gitabo cy'ingenzi cyandikwa bitagombye kurushya. Madamu White atararushya atangira uwo murimo wo kwandika icyo gitabo, yafashwe n'indwara ikomeye. Ntiyabashaga kuvuga kuko umubyimba wose w'uruhande rumwe wari warashenye.

Amaze gusabirwa, yorohewe buke, yongera gukoresha umubiri. Uko ni ko Satani yagerageje kumubuza kwandika ibyo yaboneye mu iyerekwa.

Ubwo yari akirwaye cyane nibwo yatangiye kwandika igitabo cyitwa “*Intambara ikomeye*.” Yarivugiyeye ati: “Ubwa mbere nandikaga urupapuro rumwe ku muni. Narurangiza, nkaruhuka nk'iminsi itatu, nkabona kongera kugerageza kwandika. Nkomeje gukora ntyo, intege zigumya kwiyongera kugeza ubwo nabashije kumara amasaha amwe ku muni nandika.”

Iyo bwana na madamu White babaga biherereye, yasomeraga umugabo ibyo yabaga yamaze kwandika. Yabitegeraga amatwi cyane, kandi kenshi yamugiraga inama yo kugira amagambo ahindura ngo ayandike mu buryo buzumvikana neza.

Mu kwezi kwa Nzeri, mu 1858, igitabo cyitwa: “*Impano z'Umwuka – Intambara Ikomeye hagati ya Kristo na Satani*” cyari cyiteguye koherezwa. Mu myaka yo hanyuma, madamu White yongeye kucyandika, yongeramo ibintu byinshi yerekewe mu iyerekwa ryo hanyuma. Ibyo byo yabyanditse abahungu be bamaze gukura. Bwana Wiliyamu White kenshi yajyaga atekerereza abandi uko ab'inzu yabo bajyaga bakikiza iziko nijoro, nyina cyangwa se umwanditsi we akabasomera ibyo yanditse.

Umuhungu wa madamu White yaravuze ati: “Twamaraga amasaha menshi twicaye, duteze amatwi ubwo mama yadusomeraga ibitekerezo bya Maritini Luteri, n'abandi bakomeye batunganyije itorerero.”

Habaga ubwo arorera gusoma akabwira umwanditsi we ati: “Ibi hariho ahandi nabyanditse, mbikuye ruhande. Reba mu bubiko ko hari icyo wabona.”

“Maze umwanditsi akabona ibyo mama yabaga yaranditse mbere, bikongerwa kuri icyo gitekerezo, bigatuma gisobanuka neza ntikiyoberane.”

Madamu White yagiraga ubwuzu bwinshi ubwo yabonaga intambara ya Kristo na Satani igaragajwe neza imbere ye.

Yandikiye Bwana Uriah Smith, ati: “Ubwo nandika mu gitabo cyanjye ubu, ndumva mfite umwete cyane, ndashaka kukirangiza vuba uko nshoboye kose... Sinkirushya ngoheka nijoro, ndara ntekereza ibintu by’ingenzi bizaba. Mpagaritse umutima cyane, simbasha kuruhuka. Mpora nandika, nandika, numva ko ari ngombwa kandi ntibibasha gutinda.”

Ubwo yari yongeye kwandika icyo gitabo, agaragaza ibitekerezo neza kurutaho, yongeye kwerekerwa ibindi byinshi mu iyerekwa nyine.

Yaranditse ati: “Ubwo nari ncyandika *“Intambara Ikomeye,”* kenshi numvaga ndi kumwe n’abamarayika, kandi kenshi ibintu byinshi byerekeye ibyo nabaga nandika, nongeraga kubyerekwa bundi bushya mu iyerekwa rya nijoro, bikaba bishyashya kandi bikanogera mu mutima pe!”

Ibihe byinshi cyane, madamu White yahabwaga ubutumwa bw’umugabo cyanga umugore babaga bakwiriye gutabarwa.

Ibihamya nk’ibyo byabaga byagenewe umuntu runaka byarakusanyijwe biracapwa, ngo izo nama nziza zisomwe na bese. Izindi nzandiko zandikirwaga amatorerero n’andi magambo rusange byabumbiwe hamwe. Byandikwa mu bitabo bikurikirana, byitwa: *“Ibihamya by’Itorero.”*⁴

Muri ibyo bitabo harimo ubutumwa bwiza Imana yatumye ku bwoko bwayo. Nubwo ibyavugwaga kenshi byabaga byagenewe umuntu runaka, byari na byiza rwose ku bantu bese bagerageza gukurikiza Umukiza wabo.

Ubwo madamu White yavugaga ibintu bitangaza Imana yari yamwerekwese, yanditse n’ibindi bitabo n’ibyigisho byandikwaga mu binyamakuru byitwa *“Urwibutso n’Integuzi,” “Ibimenyetso by’Ibihe”* n’*Umwigisha w’Abasore.*”

IGICE CYA 23**ATUMWA MU GIHUGU CYA KURE**

Mu mwaka wa 1891, bwana Haskell yabwiye abakuru bo mu Nteko Nkuru Rusange, ati: « Abakozi bakwiriye gutumwa mu bihugu bya kure. Dukwiriye kugira amashuri yo kwigishirizamo abasore bacu mu bihugu batuyemo. Bakwiriye kwigishirizwa kuba abigisha, n'abacuruzi b'ibitabo, n'ababwiriya. » Ubwo niho yari akiva gusura Australiya, agarutse muri Amerika, cyane cyane abingingira guhanga ishuri muri uwo mugabane.

Yarabajije ati: « Mbese, ntitwabasha koherezayo abigisha guhangayo ishuri ngo abasore baryigishirizwemo?»

Mu kumusubiza, bemeye kohereza abigisha muri Australiya gutangira yo ishuri ryo kwigishirizamo abasore n'inkumi bo muri icyo gihugu, ngo babone uko bigisha bene wabo.

Yakomeje avuga ati: « Aho se, ntibyaba byiza madamu White n'umuhungu we bagiye bakamara igihe muri ako karere kakiri gashya kubw'umurimo, bagafasha kuhamenyereza umurimo? »

Abandi bakozi baremeranyije bati: « Rwose, ni byo pe! » Bose batekereje iby'inama itangaje yabagiriye ayobowe n'Imana, n'uburyo yakomeje umurimo mu bazungu base banoganya ko akwiriye kumarayo imyaka ibiri.

Inama ya misiyoni yahereye ko itumira madamu White n'umuhungu we, Wiliyamu, ngo ajyane n'abigisha muri Australiya gufasha umurimo waho

Bageze muri Australiya, umukuru w'icapiro ryaho yarabasanganiye, arabacumbikira. Ndetse yimuka mu nzu ye nshya, ahatira madamu White n'abafasha be kuba ari yo bacumbikamo.

Mbega ukuntu byashimishije madamu White kwakirwa n'izo ncuti ze nshya mu gihugu bagikandagiramo ubwa mbere! Ahera ubwo, abwiriza mu materaniro kandi asura Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bo muri uwo mudugudu. Agiye kureba inzu y'icapiro, yongera gusanga ibihakorerwa bihwaye n'ibyo yerekewe mu iyerekwa cya gihe yakirizwaga i Battle Creek mu myaka myinshi ishize. Hashize amezi make bajya inama yuko we n'umuhungu we bajya



Imana iha Madame White imbaraga zo kwandka igitabo gitangaje cy'imiberaho ya Yesu.

gusura igihugu cyitwa New Zealand. Ariko hasigaye igihe gito ngo bahaguruke afatwa n'indwara ya rubagimpande; kuko atabashaga kugenda, maze urugendo rwabo baruteganyiriza ikindi gihe.

Yaravuze ati: “Noneho ubwo ntabashije kugenda, nzakora uko nshoboye kose kugira ngo ndangize cya gitabo kivuga iby'imibereho ya Kristo kimaze iminsi myinshi kitararangira.” Iyo ndwara yayimaranye amezi cumi. Hariho ubwo atabashaga gutambuka intambwe n'imwe, ndetse ntabashe no kuva ku buriri. Amagambo menshi y'igitabo cyitwa: “*Uwifuzwa Ibihe Byose*” yayanditse yegamyeye ku buriri.

Yandikiye abakozi b'i Battle Creek ati: “Ntabwo mba narabashije gukora ibyo nanditse byose iyo Uwiteka atanyongeramo intege kandi ngo ampe umugisha mwinshi. Ntabwo ikiganza cyanjye cyigeze kintetereza. Ukuboko kwanjye n'urutugu byangugunaga ibi bikabije, ariko ikiganza cyabashaga gufata ikaramu nkandika amagambo nzaniwe n'Umwuka w'Uwiteka.”

“Nagize ibyiza byinshi cyane byambayeho, none ndahamiriza abakozi bagenzi banjye mu murimo w'Imana. Uwiteka ni mwiza, ni uwo guhimbazwa cyane.”

Nubwo yababaraga cyane, yanezewwaga n'ayo mahirwe yo kwandika. Iyo myaka yose yifuzaga kwandika igitekerezo cyose cy'imibereho ya Kristo, imirimo ye, no kwigisha kwe, n'igitambo yadutambiye. Yaribwiye ati: “Mbega amahirwe yo kwandika ibye n'iby'imirimo ye!”

Yandikiye umukuru w'Inteko Nkuru Rusange ati: “Ngenda imbere y'Imana ndagadwa. Sinzi uko navuga cyangwa ngo nandikishe ikaramu ibyigisho bikomeye byerekeye igitambo cya Kristo umuhuza wacu. Sinzi uko nabigagarisha ububasha bukomeye nk'uko biri imbere yanjye.

“Ndatengurwa n'ubwoba ko nakoresha amagambo yoroshye nkavaho ntubya inama ikomeye. Nunamisha umutima wanjye ntinyi kandi nubashye imbere y'Imana, nkavuga nti: “Ni nde ukwiriye ibi bintu?”

Ubundi yaranditse ati: “Sinabasha kwiyumanganyiriza ishema rinzanzwamo no gutekereza uko Kristo yababarijwe muri iyi si yacu... Yakomerekejwe kubw'ibyaha byacu ... imibyimba ye niyo adukirisha, nituramuka tumwakiranye kwizera ko ari Umukiza Wacu.”

Kenshi cyane iyo yicuraga nijoro agasenga, yumvaga yegerejwe Yesu. Yaranditse ati: “Iyo nzu yasabwaga n'umucyo w'Imana pe! Numvaga ko mbasha kwakira uwo mubabaro niba izo mbabazi nyazo zizana na wo.”

Igihe cy’impeshyi kigeze muri Australiya, madamu White yatangiye koroherwa, noneho abasha kujya muri New Zealand aya gusura amatorero no guteranya amateraniri yagenwe.

Umunsi umwe yabagiriye inama ati: “Nimucyo, tugire amateraniri makuru.”

Bazunguje imitwe maze barahakana bati: “Oya, ntabwo twagira iteraniri rikuru ngo tube hano mu mahema. Ntabwo byareshya abantu b’imfura.”

Ariko abakozi bashakaga iteraniri rikuru maze bituma badacogora. Ubwo madamu White yavaga mu itorero aya mu rindi, yararikiraga abantu kuza mu iteraniri ry’umwaka. Yifuzaga ko iryo koraniri riba iteraniri rikuru nk’ayajyaga ateranywa muri Amerika.

Madamu White yagize umwete utagereranywa wo kugira abantu inama yo kugira iteraniri i New Zeland. Iteraniri rigitangira aho bateranira hari nk’abantu basaga mirongo itatu. Ariko iteraniri ritangiye, bagumya kuza kugeza ubwo bagera kuri mirongo itanu bashaka amahema.

Noneho abantu bagira umwete wo kuza mu iteraniri! Abapasitoro banoganyije inama bati: “Koko, birashoboka rwose!” Bajya inama ngo ikoraniri ry’umwaka rizabe iteraniri rikuru. Batangaza mu kinyamakuru ngo: “Muri Australiya hazaba iteraniri rikuru.” Iryo ryari teraniri rya mbere muri uwo mugabane wose munini! Maze abakozi si ukuryitegura, barakotsora.

Biteguye amahema akwiriye aba inzu mirongo itatu n’eshanu, kuko bashakaga rwose kugira akwiriye; bagumya kungikanya kugeza ubwo bagejeje ku mahema asaga ijana!

Mbega ukuntu abakozi bateguye iteraniri! Bagombye gutunganya akantu kose, kuko iteraniri ryajyaga kugerwamo n’abantu benshi, kandi rigatanga urugero rwiza rw’ubutumwa kimwe n’inyigisho zajyaga kuhabwiririzwa.

Madamu White yaravuze ati: “Turumva yuko amaso y’Imana ari mu myiteguro yacu yose. Kandi muri gahunda y’iteraniri ryacu dukwiriye gushakashaka kwerekana ishimwe ry’umucyo w’itangaza.”

Iteraniri rimaze gutangira, hari hageze abantu maganatanu na cumi n’umwe. Ayo mahema yabereye abantu bo mu mudugudu wa Melbourne igitangaza. Abantu ibihumbi baje kuyareba, barumirwa, baranezerwa babonye

ayo mahema yererana abambye akurikiyanye ku murongo, n'ibyari biyarimbishi-je bitunganye rwose.

Abaganga, n'abapasitoro, n'abakozi bandi, n'abayobozi b'abagore baje kureba iteraniro. Benshi bagumishwa aho no kumva ibibwirizwa byiza. Bamwe muri bo baravuze bati: « Iyaba tutari dutuye hafi, tuba dusembereye mu mahema, tukagumana namwe. »

Aho abantu babaga bahagaze hose, wumvaga babazanya bati: “Wabonye rya hema ryo mu mudugudu?” « Wageze mu iteraniro? »

Abadiventisiti nabo bishimiye ayo materaniro. Bamaze nk'icyumweru mu materaniro, abantu bose bemeranya kuguma aho ikindi cyumweru. Bose barahuzwa, bati: “Kugira amateraniro bifite akamaro.”

Mu irangiza ry'ayo materaniro, biyemeje guhanga ishuri imusozu ho muri icyo gihugu. Ubundi abingisha bari baravuye muri Amerika bari baratangiye ishuri rito mu nzu y'intirano mu mudugudu, ariko noneho madamu White ababwira yuko ishuri rikwiriye guhangwa hirya mu gihugu aho abanyeshuri babasha gukora imirimo kandi hakaboneka imirima y'ishuri.

Yabwiye abantu ati: “Ishuri rikwiriye kubakwa hirya cyane mu gihugu, aho twitaruye umudugudu.” Maze baherako bajya gushaka ikibanza.

Bamaze gushakashaka ibyumweru byinshi baza kubona ahantu hanini h'umukenke, hitaruye umudugudu. Madamu White yumva ko ari ho hakwiriye ishuri. Abakristo bamwe baho baravuze bati: “Ariko abantu baha ni abakene, n'ubutaka ntiburumbuka. Dore n'ahenshi ni ibishanga. Ntidushaka kuba mu ishyamba, hatagira ihuriro n'inzira nyabagendwa.”

Yarababwiye ati: “Neretswe yuko abantu b'aha badakwiriye kuba abakene baramutse bashishikariye guhanga. Aha hazera amatunda n'izindi mbuto niha-fatwa neza. Dore, hari amasoko n'imigezi. Ibishanga bibasha gucibwamo imigende.”

Mu rwego rwo kubereka ko yizeye ko aho hantu ari heza, yahise ahigurira isambu, ahimurira amahema ye n'ab'inzu ye igihe inzu yari icyubakwa. Ishuri ryahubatswe ryitwaga “Avondale.”

Madamu White yatwaye ubugabo bwo gutegurira abavandimwe mu kwizera uburyo bwo kubaka inzu maze ishuri ritangirira igihe. Iryo shuri rishya ryazaniye Abo muri Australiya amahirwe. Abasore bakomeje kwiyoungera ndetse n'abakuze nabo biba uko. Bagize umwete wo gufatanya no gufasha guharura iki-banza, gutera amatunda, n'imizabibu, no kubaka amazu.

Habaga ubwo amafaranga yose atangwa agashira, kandi hasigaye ibigomba gukorwa byinshi. Igihe bamwe babaga bagiye gucogora, madamu White

yatakambiraga Shebuja maze akabagoborera ibyo kubakenura. Rimwe bari bakenye inzu y'iteraniro bikabije, abahendahenda kubaka urusengeru runini, rukwiriye abantu bazaga uko ishuri rigumya kunguka.

Bamwe baravuze bati: “Oya, nimucyo dupfe kubaka agato. Tuzaba twubaka urunini ubwo tuzabona turukenye. Ba uretse tuzabanze tubone amafaranga, tubone kubaka urusengeru runini.” Mu ijoro Uwiteka avugana na madamu White, ati: “Haguruka, wubake, udatinze.”

Bukeye, abwiye abantu ko Uwiteka ashaka ko bubaka inzu nini ihagije abantu bazaza mu ishuri hanyuma, barabikunze. Umuyobozi w'itorero yaravuze ati: “Tuziyemeza gukora umurimo maze kwizera kudukesha gutangira.”

Mu ijoro ry'uwo muni haje urwandiko ruvuye muri Afurika y'Amajyepfo rurimo amafaranga ibihumbi 400 yo gufasha kubaka inzu y'iteraniro! Reka, si umunezero abantu bagize! Bari bumviye Imana maze ibaha umugisha. Ndetse mbere yo guhitamo kubaka urwo rusengeru, amafaranga yari ari mu bwato aza.

Madamu White n'ab'inzu ye bamaze imyaka icyenda mu gihugu cya Australiya. Imana yamuyoboje iryo shuri rishya, ituma rihesha icyo kirere umugisha. Bidatinze abigisha bo muri ryo boherezwa mu birwa byo mu Nyanja y'Amajyepfo, bakora umurimo wa Shebuja muri icyo gihugu kinini cya Australiya. Iyo mu ishyamba hatagira amahuriro n'inzira habaye ishuri rinini rigira imirima y'akataraboneka. Iryo shuri, ryubatswe rikurikije inama y'Imana, ryabaye icyitegererezo cy'andi mashuri abakozi b'Imana bigishirizwamo.

IGICE CYA 24

UBUTUMWA BUTAZAPFA

Umurimo umaze gutangira neza muri Australiya, madamu White yumvise ko akwiriye gusubira muri Amerika hamwe n’ab’inzu ye. Hariyo umurimo w’ingenzi ugomba gukorwa muri icyo gihugu. Marayika w’Uwiteka yari yamweretse yuko amavuriro ari ngombwa ahantu henshi, aho abarwayi bazajya barwarizwa, bakahigishirizwa kwirinda ubwabo.

Azerera ahantu hose, agira abantu inama z’uwo murimo ukomeye Imana yabahamagariye gukora. Ahantu henshi abakozi bamutumiriraga gusura amateraniro no kubafasha mu murimo. Madamu White yazereraga uko ashoboye, ariko iteka imbere ye hari hari inshingano ikomeye yo kwandika ubutumwa bw’Imana no kubucapisha mu bitabo, kugira ngo abantu bose babashe kubusoma.


Yabwiye abapasitoro ati: “Nkwiriye kwitegura ibitabo, kugira ngo menyeshe abandi umucyo Uwiteka yampaye. Sinshaka gucikiza umurimo.”

Madamu White yaguze inzu ahitwa St^e Helena, aba ari ho aturana n’abanditsi be n’abandi bamufashaga gukora uwo murimo.

Urwo rugo rwitwaga “Elmshaven,” rwari ruri ahantu h’ikibaya cyiza gikikijwe n’imisozi y’amashyamba. Kenshi, iyo yananirwaga kwandika, yajyaga ajya kuzembagira muri icyo kibaya no mu mihanda inyura mu misozi. Aho hantu ho mu rwangamazimwe ni ho Imana yatuje umuja wayo ukiranuka, wari warazerereye kure ayikorera maze araharukira.

Ubwo yavugaga iby’urwo rugo rwe, yandikiye incuti ye ya kera, ati: “Ubuzima bwanjye ni bwiza, noneho mbasha gukora byinshi byo kwandika. Ibyo ndabishimira Uwiteka. Nahisemo kutajya mu materaniro menshi cyane, ahubwo nzamara ibihe byanjye nandika. Ndifuza kwandika ibyo kubaho kwa Salomo, kandi ndanifuza kwandika ibyo kubaho kwa Pawulo n’imirimo ye.”

Ibyo yifuje byarasohoye, kuko hanyuma yaho bidatinze, ibyo bitabo byombi byacapwe.



*Urusengero rw'i Gitwe ni rumwe mu nsengero ibihumbi byinshi zo mu isi;
ni rumwe mu zo abubahiriza amategeko y'Imana kandi bategereje kugaruka k'Umwami Yesu
Kristo basengeramo.*

Kimwe cyitwa “Ibyakozwe n’Intumwa,” kivuga igitekerezo gitangaza cy’intumwa n’imirimo yazo. Kubaho kwa Salomo n’abami bamukurikiye byanditswe mu kindi gitabo cyitwa, “Abahanuzi n’Abami.”

Nyamara, yari agitabazwa, yajyaga agira ubwo anyaruka, akaba aretse kwandika, akajya gusura amatorero no kujya mu materaniro ya rusange.

Mu mwaka wa 1909 madamu White yaravuze ati: “Inama y’Inteko Nkuru Rusange yenda guterana. Ndizera ko nkwiye kureka imirimo yanjye, nkajya muri iryo teraniro ry’ingenzi. Maze imyaka mironko inani n’umwe, nkwiye rero gusubira Washington, nyuze mu nzira itaruhije, ariko sinabasha gutabara amatorero atabaza uko ngenda.”


We n’abamufasha mu rugendo bendaga guhaguruka. Urwo rugendo rwo kuva Kaliforniya bajya Washington, barumazemo ibyumweru bine. Muri urwo rugendo yabwirije ibihe makumyabiri.

Mu iteraniro ry’Inteko Nkuru Rusange, madamu E. G. White yabwirije kenshi. Yaravuze ati: “Dukwiye kwamamaza umurimo ukomeye mu isi. Dukwiye kugundira Imana, tugashaka cyane ko ituyobora ikaduha umugisha ukomeye.”

Mu Nteko Nkuru Rusange hari abantu benshi bari bavuye mu bihugu bya kure, maze bakiremamo amatsinda bakikora bakaza kuganira n’intumwa y’Imana. Bamubwiraga uko imirimo ye ijya mbere mu bihugu byabo. Madamu White yabitegeraga amatwi cyane maze akabagira inama y’uburyo batunganya umurimo kurutaho.

Yemwe uburyo yishimiraga kubonana n’abo bakozi babaga bavuye hakurya y’inyanja! Yaravuze ati: “Ubwo bene Data bari bavuye mu birere bya kure, bambwiraga ho hato ibyabaye mu mirimo yabo n’uko Uwiteka yiyoborera abantu mu by’ukuri, numvise binyinjyemo cyane.”

Rimwe mu gitondo bari mu iteraniro madamu White yabwirije iby’ibyiringiro bye by’ubutumwa Abadiventisiti bafitiye ab’isi. Abatekerereza iby’umugabane w’umurimo yakoze uherye ari umukobwa amaze imyaka cumi n’irindwi. Ahagarara imbere y’inteko nini, avuga uko Uwiteka yamutegetse kwandika.



“ Ngushinze iki gitabo”

Yabahaye ubuhamya bw'ibyamubayeho ati: “Marayika yaravuze ati: ‘Wandike ibyigisho naguhaye gushyikiriza abantu.’”

“Ndasubiza nti: “Simbasha kwandika, Nyagasani,” Maze rya tegeko ryongera gutangwa, ngo: “Wandike ibyo nguha.”

“Nibwiye ko nagerageza maze mfata akabaho kari kari ku meza, ntangi-ra kwandika, nsanga mbasha kwandika amagambo bitanduhije. Uwiteka yankoresheje igitangaza. Guhera ubwo, nanditse impapuro ibihumbi, kandi nakomeje kwandika nubwo nari maze imyaka 81. Muri iyo myaka yose Imana niyo yambereye umufasha. Abamarayika b’Imana barandinze, baranyobora, bampa imbaraga zo kogeza ibyigisho by’Uwiteka. None se, narushya nshidikanya Uwiteka, ngateshwa ibihamya imbabazi z’urukundo n’imbaraga ze? Ndashimira izina rye yuko narinzwe simbikore.”

Umunsi uheruka iteraniro warageze maze madamu White yumva yuko yenda atazongera guterana ukundi mu Nteko Nkuru Rusange. Yagiye ku ruhimbi maze abwiriza ubutumwa bwo gusezera ku bantú. Bwari ubutumwa batahana bwo kubakomeza mu murimo wabo. Yavuze uko yashimishijwe no kuba mu iteraniro ryo mu Nteko Nkuru Rusange ryari rirangiye ubwo, ndetse n’uko ari amahirwe ko ubwoko bw’Imana buteranira hamwe. Yababwiye ibyo bakwiriye gukora byo kuburira ab’isi, n’uko Satani azihata kubangamira umurimo. Yavuze iby’uko Yesu yenda kugaruka, n’uko ari ngombwa kwitegura kumusanganira, atera hejuru ati: “Nyamuneka ukuntu hazaba ibyishimo ubwo Yesu azatamiriza abacunguwe amakamba yo kunesha! Ntabwo muzongera koshywa no gukora icyaha ukundi. Muzahahirira n’abo mwafashije. Muzareba Yesu n’ubwiza bwe.”

Maze Madamu White akebuka ku ruhimbi, ahakura Bibiliya yari iharambitse. Arayibumbura ayifatira imbere ye.

Avuga mu ijwi rikomeye ryumvwa neza na rubanda rwose ruhateraniye ati: “Bene Data, mbashimiye iki gitabo.” Yongera kukibumba, akirambika ku ruhimbi. Amanuka ku ruhimbi yitonze – amaze kuvuga amagambo aheruka, ayabwiye imbaga y’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi.

Nubwo ari nta bundi yongeye kubwiriza mu iteraniro rinini ry’Inteko

Nkuru Rusange, inama ze ziracyayobora ubwoko bw’Imana. Imana yamweretse neza umurimo w’ubwoko bwayo kugeza igihe Yesu azazira, kandi iteka tuzahora tuyoborwa n’ijambo rya Yesu.

Rimwe na rimwe bamwe bajyaga babaza bati: “Mbese nka madamu White yaramuka apfuye byamera bite?” Igihe kimwe madamu White yasubije umukuru atya: “Icyo nsubiza ni iki: “Ibitabo nanditse ntibizapfa. Ni abahamya bataraga b’icyo Ibyanditswe bivuga...” Njyewe ubwanjye simba narabashije kwandika iby’ukuri muri ibyo bitabo, ahubwo Uwiteka ni We wamfashishije Umwuka We Wera. Naho napfa, cyangwa se nkarama, ibyo nanditse bizagumya kuvuga, kandi umurimo wabyo uzakomeza kujya mbere, kugeza imperuka.”

Iryo teraniro ry’Inteko Nkuru Rusange rirangiye, madamu White yasubiye Elmshaven, ari ho urugo rwari ruri muri Leta ya Kaliforuniya, akomeza umurimo we wo kwandika. Kenshi Imana yahavuganiraga na we nk’uko yahoze ibigenza mu myaka myinshi. Yari acyohereza inzandiko nyinshi ku bapasitoro n’abantu bagerageza gukorera Imana.

Yaranezererwaga kandi akanyurwa no kwibera iwe mu rwangamazimwe. Yari afite ibiro binini mu nzu ye, akahamara amasaha menshi asoma, yandikaga kandi yiga. Ibihe byinshi ubwo yabaga arambiwe kwandika, yaruhukiraga ku ntebe nziza, yirebera ikibaya cy’agahano cyari kizengurutse iwe.

Ku meza yandikiragaho yahabikaga ibitabo bimwe mu byo yanditse. Hakaba ubwo afata igitabo ku meza, akicara agifite mu kiganza. Ubundi hakaba ubwo haza nk’abashyitsi bagasanga akikiye nk’ibitabo bibiri cyangwa bitatu, bikagaragaza ko abikunze koko. Yarababwiraga ati: “Nishimiye ibi bitabo kuruta mbere hose. Ni ibinyakuri, ni ibyo gukiranuka, kandi bihamya iteka ryose ko Imana ari Inyakuri.”

Madamu White yagenderewe n’abantu benshi bajyaga baza kuganira na we mu mezi make mbere yo gupfa kwe. Yahoraga anezezwa no kubonana nabo, akabungura amagambo yo kubarema agatima no kubahumuriza. Cya gitekerezo cyo kuvuga yuko atazagumaho ngo ajye agumya kuganira nabo, cyari kitaramubabaza.

Yabwiye umwe mu bamugendereye ati: “Nishimiye gutekereza yuko igihe nzaba ntakiriho ngo mbwirize abantu, ibitabo byanjye bizamvugira.”

Madamu White yarangije imirimo y’ukubaho kwe, avamo umwuka kuwa 16 Nyakanga, 1915, amaze imyaka mirongo inani n’irindwi y’ubukuru. Ubutumwa yaherutse kubwira abasore ni ubu ngo: “Mubwire abasore bacu yuko nshaka ko amagambo yanjye abakomeza.”

Ajya kunogoka yongoreye umuhungu we ati: “Nzi uwo nizeye.” Nubwo ijwi rye ritakivugana natwe muri iki gihe, ibitabo bye biracyakora umurimo yatangiye. Imyaka mirongo irindwi yose marayika w’ubuhanuzi yashyikirizaga Ellen White ubutumwa bw’Imana. Kandi muri iyo myaka yose ntarakazuyaza kwamamaza ijambo ryayo mu b’isi. Ibyo bitabo byanditswe n’intumwa y’Imana y’inyamurava byabereye Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi ingabo n’umuyobozi wo kubasohozza iwabo.

Printed by NIKA PRINTERS
Tel:+250 788 301 554
E-mail:nikaprinters@yahoo.fr